
# TWUMVE, TUVUGE, DUSOME, TWANDIKE, DUHANGE MU KINYARWANDA




## Igitabo cy'umwarimu

Umwaka wa kane w'amashuri abanza

# 4

CamScanner

**Uburenganzira bw'umuhanzi**

© 2019 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)

Iki gitabo ni umutungo w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda.

Uburenganzira bw'umuhanzi ku bikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

CamScanner

# Ishakiro


Ijambo ry'ibanze....................................................................................................i

Imbonerahamwe y'ibyigwa muri buri mutwe .........................................................xi

**UMUTWE WA MBERE: UMUCO N'INDANGAGACIRO NYARWANDA.....1**

**1.1. Umwandiko: Inyanani iya mweru.........................................................................1**

Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko........................................1

Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko..................................................4

Intera ya gatatu : Kwitoza gusoma.........................................................................6

Intera ya kane: Gusesengura umwandiko..............................................................6

**1.2. Umwandiko: Ikiganiro hagati ya Hanyurwimfura na Mukamana..............8**

Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko........................................8

Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................................................10

Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma.......................................................................11

Intera ya kane: Gusesengura umwandiko............................................................12

**1.3. Umwandiko: Ubumwe bw'Abanyarwanda...................................................13**

Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.......................................13

Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................................................15

Intera ya gatatu: Gusesengura umwandiko..........................................................16

Intera ya kane: Iyiganteruro: amoko y'interuro hakurikijwe utwatuzo tuzisoza, imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro........................................................18

Intera ya gatanu: Utwatuzo dusoza interuro........................................................23

Intera ya gatandatu: Inyunguramagambo: impuzanyito n'imbusane.............25

**1.4. Umwandiko: Nyanshya na Baba.......................................................................27**

Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......................................27

Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................................................29

Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma.......................................................................30

Intera ya kane: Gusesengura umwandiko............................................................31


CamScanner

**1.5. Umwandiko: Imigenzo myiza ya Kinyarwanda ............................................32**

**UMUTWE WA KABIRI: ITERAMBERE ............................................................37**
**2.1. Umwandiko: Umurage w'abavandimwe batatu ............................................37**
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko....................................37
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko...............................................40
Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma.........................................................................41
Intera ya kane: Gusesengura umwandiko...........................................................42

**2.2. Umwandiko: Ubwikorezi no gutwara .......................................................43**
Intera ya mbere: Gusoma no Gusobanura umwandiko...................................43
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko..............................................45
Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma.........................................................................46
Intera ya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko......................................46

**2.3. Umwandiko: Itumanaho..............................................................................48**
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko....................................48
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko...............................................50
Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko....................................51

**2.4. Umwandiko: Igihembo cya Tuyishimire......................................................52**
Intera yambere: Gusoma no gusobanura umwandiko.......................................52
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko...............................................55
Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko...................................56

**2.5. Umwandiko: Twitekubuzira nenge bw'ibyo duhaha...................................57**
Intera ya mbere: Kumva no Gusobanura umwandiko.........................................57
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko.................................................59
Intera ya gatatu: Gusoma no Gusesengura umwandiko...................................60
Intera ya kane: Ibisakuzo.........................................................................................61
Intera ya gatanu: Imigani migufi...........................................................................64
Intera ya gatandatu: Ibyivugo by'amahomvu.......................................................66
Intera ya karindwi: Utwatuzo dukoreshwa hagati mu nteruro: akitso, utubago tubiri, utwuguruzo n'utwugarizo n'agakato.........................................................67

**UMUTWE WA GATATU: SIDA N'IZINDI NDWARA ZANDURIRA MU MIBONANOMPUZABITSINA................72**

**3.1. Umwandiko: Isukuy'imyanyandangabitsina................72**
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko................72
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................74
Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko................76
Intera ya kane: Indangahantu................77
Intera ya gatanu: Urwenya na byendagusetsa................78
Intera ya gatandatu: Impakanyi................81

**3.2. Umwandiko: Indwara zandurira mu myanyandangagitsina................81**
Intera ya mbere: gusoma no gusobanura umwandiko................81
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................83
Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko................84

**3.3. Umwandiko: Twite kubanduye agakoko gatera Sida................86**
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko................86
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................88
Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko................89
Intera ya kane: Amasano yo mu muryango................90

**UMUTWE WA KANE: IMIKINO N'IMYIDAGADURO................95**

**4.1. Umwandiko: Imikino gakondo................95**
Intera ya mbere: gusoma no gusobanura umwandiko................95
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................97
Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko................98

**4.2. Umuvugo: Nimuze twamagane Sida................100**
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umuvugo................100
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva Umuvugo................102
Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umuvugo................103
Intera ya kane: Uturegeka n'akanyerezo................104
Intera ya gatanu: Impuzashusho n'imvugwakimwe................105

**4.3. Imbyino gakondo: Dore ikondera**......108
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......108
Intera ya kabiri: kumva umwandiko no gusesengura imbyino......110

**UMUTWE WA GATANU: KUBANA NEZA N'ABANDI**......114

**5.1. Umwandiko: Ibintu ni magirirane**......114
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......114
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko......118
Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma......120
Intera ya kane: Izina bwite n'izina rusange:......120
Intera ya gatanu: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru......122

**5.2. Umwandiko: Akagoroba k'abana**......124
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......124
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko......127
Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma......128
Intera ya kane: Gusesengura umwandiko......128
Intera ya gatanu: Inteko z'amazina rusange......129
Intera ya gatandatu: Ubumwe n'ubwinshi by'amazina rusange......132

**5.3. Umwandiko: Uruhare rw'abunzi mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda**.134
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......134
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko......137
Intera ya gatatu: Gusesengura umwandiko......138
Intera ya kane: Ihinamwandiko......140

**5.4. Umugani wa Bakame n'impyisi**......144

**UMUTWE WA GATANDATU: GUKUNDA NO KWITABIRA UMURIMO**.147

**6.1. Umwandiko: Umuhinzi n'abana be**......147
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko......147
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko......149
Intera ya gatatu: Uturemajambo tw'amazina rusange mbonera n'amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi......151

**6.2. Umwandiko: Inzovu na Rusake bijya kubaza Imana....................................156**
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko....................................156
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko...............................................159
Intera ya gatatu: Ikinamico.........................................................................................161

**6.3. Umwandiko: Ndebakure yahawe ishimwe ry'umukozi w'intangarugero.164**
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko umwandiko...............164
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko...............................................167
Intera ya gatatu: Gusesengura umwandiko...........................................................169
Intera ya kane: Gusesengura umwandiko...............................................................169

**6.4. Umwandiko: Nimutabare isi irugarijwe......................................................169**
Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko umwandiko................170
Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko................................................172
Intera ya gatatu: Utwatuzo: Udukubo n'udusodeko..........................................174

**6.5. Ruhaya n'impyisi.........................................................................................176**

**IMIGEREKA:..........................................................................................................181**

CamScanner

# Ijambo ry'ibanze

Mwarimu murezi,

Iki gitabo cy'umwarimu mu mwaka wa kane w'amashuri abanza ni wowe kigenewe kugira ngo kigufashe nk'imwe mu mfashanyigisho uzakenera. Cyanditswe hakurikijwe imbonezamasomo iha umunyeshuri uruhare runini mu myigire ye nk'uko bisabwa mu nteganyanyigisho nshya yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) muri 2015 ishyira mu bikorwa intego ndetse n'ibyifuzo by'Igihugu cyanecyane mu byerekeranye no gushimangira ubunyarwanda mu hashyirwa mu bikorwa imyigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri.

Iki gitabo kizagufasha kuyobora abanyeshuri kugira ngo bashobore gushungura ibitekerezo bumvise cyangwa basomye uko bikwiye, bagaragaza ko basobanukiwe n'ubutumwa mu buryo bukurikira :

- Kuvuga badategwa, batanga ibitekerezo bigaragaza uko bumva ibintu kandi batanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye.
- Gusoma badategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi twakoreshejwe.
- Kwandika ibitekerezo byabo ku buryo bufututse.
- Guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe bakurikiranya neza ibitekerezo kandi bigana ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo.
- Gusesengura no gutandukanya imyandiko itandukanye, gusesengura imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda kigabanyijwemo imitwe itandatu ikubiyemo insanganyamatsiko zivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, uburinganire n'ubwuzuzanye, kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo, umuco wo kuzigama, kubungabunga ibidukikije, umuco w'amahoro, ubuziranenge, ubuzima bw'imyororokere n'uburezi budaheza.

Iki gitabo gihera ku ngingo zishingiye kuri izo nsanganyamatsiko kikagenda kerekana intera zikurikizwa kugira ngo umwarimu ayobore abanyeshuri mu kwiga amasomo ateganywa n'integanyanyigisho. Ayo masomo yigishwa ahereye ku mwandiko ugaragaramo ingingo zisabwa mu nteganyanyigisho. Izo ntera ni zo zifasha umwarimu



CamScanner

kuyobora abanyeshuri mu kumva no gusesengura imyandiko, ndetse no kwiga ikibonezamvugo n'ubuvanganzo buteganijwe mu nteganyanyigisho.

Nyuma ya buri kigwa na nyuma ya buri mutwe hari imyitozo n'ibisubizo byayo bigufasha gusuzuma uko intego z'isomo zagezweho n'intera abanyeshuri bagezeho.

Usibye ubushobozi rusange bugamijwe mu isomo ry'Ikinyarwanda mu mwaka wa kane, iki gitabo kizagufasha kugeza ku banyeshuri ubundi bushobozi bukenewe mu buzima nko kwikemurira ibibazo, guhanga udushya, gukora ubushakashatsi, gusabana, kugira ubufatanye n'abandi, ndetse no kwiyigisha we ubwe no guhora yihugura.

Ubu bushobozi bugenda bugaragazwa n'imyitozo cyangwa ibikorwa abanyeshuri bakora. Mu mbonerahamwe ngengabyigwa iki gitabo kikugaragariza ahaherereye imyitozo ubu bushobozi bugaragaramo muri buri mutwe.

Ibisobanuro by'amagambo ashobora gukomerera abanyeshuri byashyizwe mu gice cyo gusoma no kumva umwandiko. Hanateganijwe kandi urutonde rw'ayo magambo ku mpera y'igitabo aho atondetse akurikije itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda kugira ngo bigufashe kubona vuba ijambo wifuza.

Iki gitabo ni ingenzi cyane ku mwarimu kuko kimwereka uko yakwigisha amasomo y'Ikinyarwanda yifashishije igitabo cy'umunyeshuri. Kinerekana uko umwarimu yakwita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye nk'abafite ubumuga bwo kutumva, abafite ubumuga bwo kutabona n'abandi bafite ibindi bibazo mu myigire kugira ngo bajyane n'abandi. N'ubwo imyitozo yatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri igiye igira ibisubizo muri iki gitabo, ibyo bisubizo si byo kamara ahubwo ni urugero rw'ibisubizo bishoboka. Ikindi kandi, iyo myitozo nubwo twayiguteguriye dushingiye ku bikorwa umunyeshuri asabwa gukora biri mu nteganyanyigisho, umwarimu ashobora kubategurira indi ariko ijyanye n'intego z'isomo ndetse n'ibikorwa by'umunyeshuri bigaragazwa n'integanyanyigisho.

Muri make, turizera ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda mu mwaka wa kane no kugikundisha abanyeshuri kugira ngo barusheho kumenya ubukungu bw'umuco nyarwanda.



CamScanner

# Iriburiro

Iki gitabo cyagenewe umwarimu, gikubiyemo imbonezamasomo ziteguwe ku buryo abanyeshuri bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Kigamije kuyobora umwarimu mu buryo bwo kwigisha ashingiye ku byo umunyeshuri azi akabiheraho akavumbura ibindi atari azi.

Gishingiye ku ihame ry'uko abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi ntibafate mu mutwe gusa ahubwo bagatekereza, bagashakashaka, bakavumbura bo ubwabo ibyo bakeneye kumenya, barangiza bakabishyira mu ngiro ku ishuri, bataha iwabo bakabikoresha mu buzima busanzwe babamo no mu mibereho yabo ya buri munsi, bityo ibyo bize bigahinduka umuco ubaranga.

Gukorera hamwe mu matsinda rero bifite umwanya ukomeye muri iyi mfashanyigisho. Nyamara ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umwarimu amukosore mu mivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo kigusaba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Ubu buryo bw'imyigishirize busaba umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

## IMITERERE Y'IKI GITABO N'IMIKORESHEREZE YACYO.

### 0. Imbonerahamwe igararagaza ibikubiye muri buri mutwe n'ubushobozi bw'ingezi buteganyijwe kugerwaho.

Iyo mbonerahamwe itanga ishusho y'igitabo n'ibyo kibumbatiye. Igaragaza buri mutwe n'ibiwukubiyemo, n'imyitozo igomba gukorwa kuri buri kigwa kugira ngo umunyeshuri agende yiyubakamo ubushobozi uko atera intambwe n'uko ava ku mutwe ajya ku wundi.

Iki gitabo kigabanyijemo imitwe itandatu ari yo: Umuco n'indangagaciro nyarwanda, iterambere, SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, imikino n'imyidagaduro, kubana neza n'abandi, gukunda no kwitabira umurimo.

Buri mutwe ufite umubare w'amasomo arimo. Muri iki gitabo tukwereka uburyo wakwigisha ayo masomo intera ku yindi, hashingiwe ku ngingo ziteganyijwe zisabwa mu nteganyanyigisho. Izo ntera ni izi zikurikira:



CamScanner

## Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

### a) Ibikorwa by'umunyeshuri

Muri iyi ntera ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasobanura amagambo akomeye, bagakora umwitozo w'inyunguramagambo bakanasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

### b) Imbonezamasomo muri iyi ntera

Iyi ntera yo gusoma no gusobanura umwandiko umwarimu ayiyobora mu byiciro bitatu:
ivumburamatsiko, gusoma umwandiko no gukorera mu matsinda.

## Ivumburamatsiko

Muri iki kiciro k'ivumburamatsiko umwarimu ahera ku mashusho ajyanye n'umwandiko agasaba abanyeshuri kuyitegereza akayababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Bitewe n'uko imyandiko yose iba idafite amashusho, umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko cyangwa se akifashisha izindi fashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, inkuru, indirimbo cyangwa umuvugo ujyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

## Gusoma

Iki kiciro cyo gusoma gikorwa mu buryo bubiri: gusoma bucece no gusoma baranguruye.

## Gusoma bucece

Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko babikora. Abasaba no kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza utubazo two gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni ibibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo byimbitse. Gusoma bucece ni umwitozo wa ngombwa, kuko ari byo umunyeshuri azajya akoresha kenshi asoma ibitabo n'inyandiko zitandukanye azahura na zo mu buzima.



CamScanner

## Gusoma baranguruye

Muri iki gitabo, imbonezamasomo ijyanye no gusoma baraguruye, igusaba kubwira abanyeshuri gusoma baranguruye badategwa, bagaragaza isesekaza banubahiriza utwatuzo n'iyitsa.Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo. Umwarimu asabwa kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi. Mu gihe ashakisha umunyeshuri, umwarimu agomba kugenda ahitamo abanyeshuri batandukanye. Ni ngombwa gukora ku buryo buri munyeshuri agira umwanya wo gusoma, ari abitabira gutera urutoki cyangwa abatabyitabira. Agomba kandi kubaza abakobwa kimwe n'abahungu, abafite ingorane zitandukanye mu gusoma nk'abadidimanga, abasoma gahoro ijwi ntiryumvikane, …

Iyo umwandiko urangiye bose batabashije gusoma ubutaha abatasomye ni bo aheraho kugira ngo basome umwandiko. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza bumvikanisha ibitekerezo byabo batajijinganya. Abo kandi ni na bo yibandaho kugira ngo agenzure niba bagenda batera intambwe.

## Gukorera mu matsinda

Iyo gusoma baranguruye birangiye umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda.Umwarimu afasha abanyeshuri gukora amatsinda. Amatsinda meza ni amatsinda atarengeje abanyeshuri batanu. Ayo matsinda kandi ntagomba kuba ari amwe buri gihe. Ni amatsinda arimo abanyeshuri batandukanye; abakobwa n'abahungu, ab'intege nke n'abafata vuba ibyo bigishwa. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda bishakamo umuyobozi w'itsinda wandika ibyo bumvikanyeho mu matsinda akaba ari na we uza kubigaragariza abandi. Uwo kandi ntagomba guhora ari umwe umwarimu abafasha guhinduranya abayobozi b'abatsinda ku buryo buri munyeshuri bimugeraho. Iyo bari mu matsinda ugenzura imikorere yabo abakeneye ubufasha ukabubaha.

## Ibikorerwa mu matsinda

### Inyunguramagambo

Mu matsinda abanyeshuri bongera gusoma umwandiko bakagerageza gushakisha ibisobanuro by'amagambo akomeye banditse igihe basomaga bucece. Bagenda bungurana ibitekerezo kuri ibyo bisobanuro, ibyo badashoboye bakifashisha inkoranyamagambo n'urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri. Muri icyo gihe, umwarimu akomeza gukurikirana ibikorerwa mu matsinda, ndetse abanyeshuri bakaba bamubaza ibibazo ku byo batumva neza cyangwa bakamugisha inama. Icyo gikorwa gikurikirwa no guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda ku kibaho. Bitangwa n'abanyeshuri, umwarimu akabafasha kubinonosora. Iyo bibaye ngombwa ko hari amagambo batashoboye kubonera ibisobanuro umwarimu abatoza gukoresha inkoranyamagambo bashakisha ibyo bisobanuro.



CamScanner

## Imyitozo ku magambo bungutse.

Iyo myitozo ishobora gukorwa mu matsinda cyangwa buri wese akora wenyine. Mu gihe bakoreye mu matsinda, iyo igihe cyateganyijwe kigeze bongera guhuriza hamwe ibisubizo bayobowe na mwarimu.

## Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Imbonezamasomo y'iki gitabo iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye amatsinda nk'abirirabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo. Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye umuyobozi w'itsinda agaragaza ibisubizo byakorewe mu itsinda rye bagafatanya kubinonosora, babyunguranaho ibitekerezo cyangwa babijyaho impaka.

## Uko bamurika ibyakorewe mu matsinda

Umuyobozi w'itsinda ajya imbere akandika cyangwa akavuga ibyo bakoreye mu itsinda ryabo. Igisubizo gitanzwe n'itsinda rya mbere iyo kinonosowe cyandikwa ku kibaho. Amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kugaragaza ibisubizo ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho irindi rigafatanya n'abandi kugira ubugororangingo ritanga kuri icyo gisubizo iyo bibaye ngombwa. Nko ku nyunguramagambo amagambo yasobanuwe n'itsinda ryabanje andi matsinda ntiyongera kuyagarukaho ahubwo asobanura amagambo atatanzwe n'itsinda ryabanje. Ni ukuvuga ko igisubizo cyatanzwe n'itsinda kigakorerwa ubugororangingo andi matsinda atagisubiraho. Ubu kandi ni na bwo buryo bukoreshwa no mu yindi myitozo yo mu zindi ntera, ikorewa mu matsinda.

## Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma

Kwitoza gusoma bikorwa harebwa imisomere ya buri munyeshuri ukwe. Bisaba rero ko buri munyeshuri ahabwa umwanya wo gusoma, akayoborwa kandi agakosorwa mu buryo bwo gusoma adategwa, atagemura amagambo, yubariza utwatuzo n'iyitsa. Uyu mwitozo ugomba kwibandwaho cyane mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa kane, kugira ngo basuzume ubushobozi bwo gusoma bwagezweho mu myaka itatu ibanza kandi bushimangirwe. Mu gihe bigaragaye ko abanyeshuri bose bamaze kubikeneka, uyu mwitozo wagenda uza rimwe na rimwe, kandi umwarimu akibanda cyane ku bagifite ingorane mu gusoma.

## Intera ya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko

Gusesengura umwandiko mu mwaka wa kane w'amashuri abanza, byibanda cyanecyane ku kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ari na zo baheraho

bakora inshamake yawo haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko. Nyamara bagomba no kumenya imiterere ya buri mwandiko mu yo biga, bakamenya ibice by'ingenzi biwugize n'uturango twawo.

## Intera ya gatanu: Guhanga umwandiko :

Kuri buri bwoko bw'umwandiko bize, abanyeshuri bakwiye kwigishwa guhanga umwandiko umeze nka wo, kuko baba bamaze kwiga imiterere yawo mu gice cyo kuwusesengura. Mu ngingo zikurikiraho turabigarukaho tuvuga ku myitozo ngiro n'uburyo ikorwa n'akamaro kayo.

## Intera ya gatandatu : Ikibonezamvugo

Ikibonezamvugo giteganijwe muri iyi nteganyanyigisho, mu rwego rwo gufasha umunyeshuri kumenya amahame agenderaho anoza imvugo n'inyandiko bye. Ariko rero bigomba kumvikana neza ko amategeko y' ikibonezamvugo atagomba gufatwa mu mutwe nk'amasengesho, ahubwo agomba gutahurwa n'abanyeshuri ubwabo bahereye ku mwandiko cyangwa interuro yakoreshejwe

# IMYITOZO N'IMIKINO YO GUSHIMANGIRA UBUMENYI NGIRO IZAGENDA IGARUKWAHO KENSHI.

## A. Icyandikwa

Icyandikwa ni umwitozo ufasha abanyeshuri kumenya kwandika mu rurirmi rw'Ikinyarwanda, batandukura ibyanditswe n'umwarimu gusa. Uretse imyitozo yashyizwe muri iki gitabo, umwarimu akwiye gutegura icyandikwa yakoresha nibura buri cyumweru. Si ngombwa ko ziba interuro nyinshi, icya ngombwa ni uguhozaho kugira ngo abanyeshuri bagire ubushobozi bwo kwandika koko.

### 1. Umwitozo usanzwe w'icyandikwa.

Icyo twise umwitozo usanzwe w'icyandikwa, ni umwitozo ukorwa umwarimu asomera abanyeshuri amagambo cyangwa interuro, bakazandika batazireba. Uwo mwitozo ukorwa buri munyeshuri akora wenyine. Mu gukosora, abanyeshuri bashobora kugurana amakaye bagakosorana, kugira ngo buri umwe agire ubushobozi bwo kubona amakosa mu nyandiko yakozwe na mugenzi we, bityo amenyereho no gukosora amakosa agenda akora mu myandikire.



CamScanner

## 2. Umukino wo gusoma, gufata mu mutwe, gusiganwa no kwandika.

**Umwarimu arabanza guha abanyeshuri amabwiriza y'uko umukino ukinwa.**

Uko umukino ukinwa:

Abanyeshuri barakora amatsinda ya babiribabiri, aho bishoboka umuhungu n'umukobwa. Bamaze gukora amatsinda barajya hanze bitwaje intebe imwe, icyo kwandikiraho, ikaye n'ikaramu. Umwe muri buri tsinda aricara, batonde umurongo bateganye n'aho ikibaho cyashyizwe. Umwarimu arandika interuro zitarenze enye ku kibaho kandi ngufi. Igihe nikigera umwarimu aratangiza umukino. Umunyeshuri wo muri buri tsinda uticaye ariruka age gusoma interuro ya mbere, ayifate mu mutwe, aze ayibwire mugenzi we, na we ayandike. Hanyuma yiruke age gusoma ikurikiyeho bityobityo kugeza barangije. Itsinda rirangije riha umwarimu akarikosora.

**Ikitonderwa:** Abanyeshuri bashinzwe kujya gusoma, nta karamu cyangwa urupapuro bagomba gufata kuko nta kintu na kimwe bandika, ahubwo babifata mu mutwe.

### Akamaro k'umwitozo:

Ufasha abanyeshuri kumenya gusoma vuba, gufata mu mutwe, kwitoza kwibuka, kuvuga icyobasomye, kwandika vuba, kandi urashimisha kuko bawukora basiganwa.

### B) Umwitozo wo guhanga inkuru:

- Umwarimu yandika umutwe w'inkuru ku kibaho, bakawunguranaho ibitekerezo. Nyuma yaho abwira abanyeshuri gutekereza ku buryo iyo nkuru yatangira.
- Abanyeshuri batandukanye batanga ibitekerezo kubyandikwa mu ntangiriro, icyo bemeje umunyeshuri ugitanze akajya kucyandika ku kibaho.

**Hakurikiraho igihimba:**

## Igika cya mbere k'igihimba:

Abanyeshuri bongera gutanga ibitekerezo ku bikwiye kwandikwa mu gika cya mbere k'igihimba. Icyo bemeje ko ari kiza, umunyeshuri ugitanze acyandika ku kibaho. Ubwo bakurikizaho interuro ya kabiri bityobityo. Umwarimu abafasha kubona ijambo rikwiye gutangira icyo gika ku buryo ricyunga ku ntangiriro. Iryo jambo ni ingenzi cyane kuko ari ryo rituma inkuru igira uruhererekane rw'ibitekerezo.

## Igika cya kabiri:

Abanyeshuri batanga ibitekerezo ku byakwandikwa mu gika cya kabiri, umwarimu akabafasha kwibanda ku ijambo ritangira igika ku buryo ricyunga ku cyakibanjirije mu buryo bwo kucyuzuza, cyangwa guhinyuza ibyakivuzwemo.

## Umwanzuro:

- Abanyeshuri bongera gutanga ibitekerezo ku byakwandikwa mu iherezo cyangwa umwanzuro w'inkuru.
- Igitekerezo bahisemo ko ari kiza ugitanze akacyandika ku kibaho gutyogutyo, bagasoza inkuru.

**Akamaro k'umwitozo:** Kwandikira hamwe inkuru, bituma buri munyeshuri akurikira, akamenya uko itangira, uko ibivugwamo bitondekwa n'uko isozwa.

Bifasha abanyeshuri kureba uko inkuru yandikwa mu bice byayo by'ingenzi, no mu bika bitandukanye, no kumenya amagambo agenda yunga ibice by'inkuru n'ibika ku byabibanjirije, kugira ngo inkuru igire uruhererekane rw'ibitekerezo ruboneye.

Amagambo bakoresha bunga igika ku kindi cyangwa igice ku kindi ni bene aya akurikira:

- Nuko rero
- Nk'uko tumaze kubivugaha ruguru
- Kubera iyo mpamvu,
- Nyuma yaho
- Ubwo hakurikiyeho,
- Nyamara,
- Bityo rero, …

### C) Umwitozo wo kwandika mu nshamake:

Ku mwandiko umaze gusomwa hakwiye buri gihe gukorwa umwitozo wo kuvuga cyangwa kwandika muri make ibyavuzwe muri uwo mwandiko.

- Abanyeshuri basoma umwandiko.
- Buri munyeshuri avuga igitekerezo k'ingenzi abona ko ari cyo cya mbere cyaba gikubiye mu gika kimwe cyangwa byinshi. Umwarimu afasha abanyeshuri kubona igitekerezo kibumbye interuro nyinshi z'umwandiko, no kukivuga mu magambo yabo bwite, hanyuma bakacyandika ku kibaho.

- Buri gitekerezo cyandikwa mu nteruro imwe.
- Bamaze gukusanya interuro zikubiyemo ibitekerezo by'ingenzi, baratanga ibitekerezo ku buryo zavugwa mu ruhererekane rw'ibitekerezo, zigakora umwandiko muto wumvikana neza, bakoresha amagambo agenda yunga igitekerezo ku kindi mu buryo bukwiye.

**D) Imikono yo gushaka amagambo mu kinyatuzu.**

Ni imikino ifasha abanyeshuri guteza imbere kumenya kwitegereza. Si ngombwa ko iyo mikino ikorerwa yose mu ishuri. Ahubwo ni uburyo bwo gufasha abanyeshuri gukomeza kwiyigisha no gukora imyitozo ibashimisha mu gihe batarimo kwigishwa n'umwarimu. Mwarimu ashobora kubafasha gukora imwe muri yo kugira ngo abayobore hanyuma akabasaba kugenda bikoresha indi, ariko ibyo ntibigomba kumubuza kureba ko abanyeshuri bagenda bayikora koko kuko hari abatabyitaho atabibashishikarije.

**E) Isuzuma**

Amasuzuma agomba gukorwa kenshi haba mu gutanga isomo, cyangwa kubaza abanyeshuri ibyo baheruka kwiga, ndetse no kubabaza icyo bungutse nyuma ya buri somo. Ku buryo bw'umuwihariko, hateganyijwe isuzuma rusange risoza buri mutwe, kugira ngo umwarimu asuzume niba koko abanyeshuri bageze ku bushobozi bwa ngombwa buteganyijwe. Iyo bigaragaye ko ibyo bitagezweho, umwarimu agomba guteganya indi myitozo nshimangirabushobozi ya ngombwa, kugira ngo adakomereza ku bindi kandi ibibibanziriza batarabikeneka.

**F) Uburyo bwo kwita kubafite ibibazo byihariye**

Kubera ko ishuri riba ririmo abanyeshuri batandukanyije ubushobozi, umwarimu agomba gutegura isomo rye ku buryo abanyeshuri bose bibonamo, baba abagenda gahoro, abafata vuba ndetse n'abafite ubumuga bwihariye. Ibyo abigeraho akoresha imfashanyigisho zitandukanye, yegera abafite ubumuga bwo kutumva, ndetse akanabasubiriramo bibaye ngombwa.

**G) Umuteguro w'isomo ry'intangarugero :**

Ku mugereka w'iki gitabo, hateganyijwe amasomo atandukanye agaragaza uburyo bwo gufasha abanyeshuri kumva ibyo biga kurushaho, gucengera insanganyamatsiko itaganyijwe mu isomo, no kugeza abanyeshuri ku bushobozi butandukanye. Ni byiza rero ko umwarimu azisoma maze akaziheraho ategura amasomo ye ya buri munsi.



CamScanner

## IMBONERAHAMWE Y'IBYIGWA MURI BURI MUTWE

| | **UMUTWE WA MBERE: Umuco w'amahoro** | **UMUTWE WA KABIRI: Iterambere** | **UMUTWE WA GATATU: Sida n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.** |
|---|---|---|---|
| **Umubare w'amasomo** | 24 | 24 | 24 |
| **Intangiriro** | Ivumburamatsiko: Agakuru k'ibijyanye n'umuco nyarwanda cyangwa isubiramo ry'ibyizwe. | Ivumburamatsiko cyangwa isubiramo ry'ibyizwe: ibiganiro ku mibereho y'Abanyarwanda ba kera n'abo muri iki gihe. | Ivumburamatsiko cyangwa isubiramo ry'ibyizwe: Ibiganiro ku ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. |
| **Aho isomo ribera** | Amasomo atangirwa mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri | Amasomo atangirwa hanze y'ishuri no mu ishuri. | Amasomo atangirwa hanze y'ishuri no mu ishuri. |
| **Imfashanyigisho zakwifashishwa** | - Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda.<br>- Amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona.<br>- Imfashanyigisho zifatika, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda. | - Imyandiko irimo imigani migufi,ibisakuzo, igyivugo by'amahomvu, amashusho y'iyumvabona. | - Imyandiko ku isuku y'imyanya ndanga gitsina; ku ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina: Sida uburagaza, mburugu, imitezi, tirikomonasi…<br>- Kudaha akato abafite agakoko gatera SIDA no kwiyakira ku banduye. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyeshuri** | **Umwarimu**:<br>- Gutegura imfashanyigisho.<br>- Gutanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa.<br>- Gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda.<br>- Kuyobora ibikorwa no kubigenzura.<br>- Gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>- Gutegura imyitozo y'abafite integer nke bagenda buhoro.<br>- Gutanga isuzuma no kurikosora.<br>**Umunyeshuri :**<br>**-** Kujya mu matsinda.<br>- Kungurana ibitekerezo no kubikusanya.<br>- Kuvumbura ibyo biga bagafata umwanzuro.<br>- Kumurika ibyo bagezeho mu matsinda.<br>- Gufatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. | **Umwarimu**:<br>- Gutegura imfashanyigisho.<br>- Gutanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa.<br>- Gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda.<br>- Kuyobora ibikorwa no kubigenzura.<br>- Gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>- Gutegura imyitozo y'abafite integer nke bagenda buhoro.<br>- Gutanga isuzuma no kurikosora.<br>**Umunyeshuri:**<br>**-** Kujya mu matsinda.<br>- Kungurana ibitekerezo no kubikusanya.<br>- Kuvumbura ibyo biga bagafata umwanzuro.<br>- Kumurika ibyo bagezeho mu matsinda.<br>- Gufatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. | **Umwarimu**:<br>- Gutegura imfashanyigisho.<br>- Gutanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa.<br>- Gufasha abanyeshuri kujya mu matsinda.<br>- Kuyobora ibikorwa no kubigenzura.<br>- Gufasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>- Gutegura imyitozo y'abafite integer nke bagenda buhoro.<br>- Gutanga isuzuma no kurikosora.<br>**Umunyeshuri:**<br>**-** Kujya mu matsinda.<br>- Kungurana ibitekerezo no kubikusanya.<br>- Kuvumbura ibyo biga bagafata umwanzuro.<br>- Kumurika ibyo bagezeho mu matsinda.<br>- Gufatanya n'umwarimu gufata imyanzuro iboneye. |



CamScanner

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ubushobozi bugamijwe** | - Gusobanura umwandiko<br>- Gusubiza ibibazo.<br>- Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko.<br>- Gusoma bucece no gusoma mu ijwi riranguruye.<br>- Guhanga umwandiko.<br>- Gukora icyandikwa. | - Gusobanura umwandiko<br>- Gusubiza ibibazo.<br>- Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko.<br>- Gusoma bucece no gusoma mu ijwi riranguruye.<br>- Guhanga umwandiko.<br>- Gukora icyandikwa. | - Gusobanura umwandiko<br>- Gusubiza ibibazo.<br>- Kuvuga muri make ibivugwa mu mwandiko.<br>- Gusoma bucece no gusoma mu ijwi riranguruye.<br>- Guhanga umwandiko.<br>- Gukora icyandikwa. |
| **Ubumenyi bw'ururimi** | Gukoresha neza utwatuzo. | Gukoresha neza utwatuzo. | Gukoresha neza amagambo adahinduka: indangahantu n'impakanyi. |
| **Inyunguramagambo** | - Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoreshamu nteruro.<br>- Impuzanyito<br>- Imbusane | - Gusobanura amagambo ako-meye mu mwan-diko no kuyakore-shamu nteruro. | - Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoreshamu nteruro.<br>- Amazina y'amasano yo mu muryango. |
| **Ihuriro n'andi masomo** | - Kuvuga umubare w'abakinankuru.<br>- Kubara interuro yakoresheje mu nshamake.<br>- Amateka agaragara mu gusesengura imyandiko itandukanye. | - Kuvuga umubare w'abakinankuru.<br>- Kubara interuro yakoresheje mu nshamake.<br>- Amateka agaraga-ra mu gusesengura imyandiko itandu-kanye. | - Guhina umwandiko mu mubare w'interuro bahawe.<br>- Amateka agaragara mu gusesengura imyandiko itandukanye. |



CamScanner

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ubumenyi ngiro bwizwe** | **Kumva:**<br>- Gusobanura umwandiko.<br>- Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br>**Kuvuga:**<br>Kuvuga muri make.<br>**Gusoma:**<br>Gusoma bucece no gusoma mu ijwi riranguruye.<br>**Kwandika:**<br>- Gukora icyandikwa.<br>- Guhanga umwandiko. | **Kumva:**<br>- Gusobanura umwandiko.<br>- Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br>**Kuvuga:**<br>Kuvuga muri make.<br>**Gusoma:**<br>Gusoma bucece no gusoma mu ijwi riranguruye.<br>**Kwandika:**<br>- Gukora icyandikwa.<br>- Guhanga umwandiko. | **Kumva:**<br>- Gusobanura umwandiko.<br>- Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br>**Kuvuga:**<br>Kuvuga muri make.<br>**Gusoma:**<br>Gusoma bucece no gusoma mu ijwi riranguruye.<br>**Kwandika:**<br>- Gukora icyandikwa.<br>- Guhanga umwandiko. |
| **Isubiramo** | - Isubiramo ry'ibyizwe mu isomo rihereuka.<br>- Gukosora umukoro. | - Isubiramo ry'ibyizwe mu isomo rihereuka.<br>- Gukosora umukoro. | - Isubiramo ry'ibyizwe mu isomo rihereuka.<br>- Gukosora umukoro. |
| **Isuzumamyigire** | - Imyitozo<br>- Icyandikwa<br>- Isuzuma risoza isomo.<br>- Isuzuma risoza umutwe. | - Imyitozo<br>- Icyandikwa<br>- Isuzuma risoza isomo.<br>- Isuzuma risoza umutwe. | - Imyitozo<br>- Icyandikwa<br>- Isuzuma risoza isomo.<br>- Isuzuma risoza umutwe. |



CamScanner

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego.** | - Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko no guhanga interuro ziboneye.<br>- Ubushobozi bwo gukoresha uko bikwiye utwatuzo.<br>- Ubushobozi bwo gusesengura umugani no kuwuca. | - UBushobozi bwo gusoma yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko, guhimba imyandiko, gusakuza no kwivuga.<br>- Ubushobozi gukoresha utwatuzo mu nteruro.<br>- Ubushobozzi bwo gusobanura imyubakire n'imiturire ikwiye no guhitamo gukoresha ibintu byujuje ubuziranenge. | - Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko no gusesengura interuro.<br>- Ubushobozi bwo gusesengura urwenya no kurutera.<br>- Ubushobozi bwo gukoresha amazina y'amasano mu muryango n'amagambo adahinduka. |

| | **UMUTWE WA KANE: Imikino n'imyidagaduro** | **UMUTWE WA GATANU: Kubana neza n'abandi** | **Umutwe wa gatandatu: Gukunda no kwitabira umurimo** |
|---|---|---|---|
| **Umubare w'amasomo** | 24 | 24 | 24 |
| **Intangiriro** | Ivumburamatsiko cyangwa isubiramo ry'ibyizwe. | Ivumburamatsiko cyangwa isubiramo ry'ibyizwe. | Ivumburamatsiko cyangwa isubiramo ry'ibyizwe. |
| **Aho isomo ribera** | Amasomo atangirwa hanze y'ishuri cyangwa mu ishuri. | Amasomo atangirwa hanze y'ishuri cyangwa mu ishuri. | Amasomo atangirwa hanze y'ishuri cyangwa mu ishuri. |
| **Imfashanyigisho zakwifashishwa** | - Imyandiko ivuga ku mikono n'imyidagaduro. Indirimbo n'imbyino gakondo, amashusho ajyanye n'umwandiko.<br>- Imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho ivugayerekana ibivugwa mu nkuru.<br>- Ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda. | - Imyandiko ivuga ku kubana neza n'abandi, amashusho ajyanye n'umwandiko.<br>- Imfashanyigisho zifatika.<br>- Imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho ivugayerekana ibivugwa mu nkuru.<br>- Ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda. | - Imyandiko ivuga ku gukunda no kwitabira umurimo, amashusho ajyanye n'umwandiko.<br>- Imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona.<br>- Imboneshashusho ivugayerekana ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda. |

| **Ibikorwa by'umwarimu n'iby'umunyesh-uri** | **Umwarimu:**<br>- Ategura imfashanyigisho.<br>- Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa. Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda.<br>- Ayobora igikorwa kandi akakigenzura.<br>- Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>- Ategura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro.<br>- Atanga isuzumabumenyi kandi akarikosora.<br><br>**Abanyeshuri:**<br>- Bajya mu matsinda.<br>- Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya.<br>- Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro.<br>- Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda.<br>- Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro. | **Umwarimu:**<br>- Ategura imfashanyigisho.<br>- Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa. Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda.<br>- Ayobora igikorwa kandi akakigenzura.<br>- Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>- Ategura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro.<br>- Atanga isuzumabumenyi kandi akarikosora.<br><br>**Abanyeshuri:**<br>- Bajya mu matsinda.<br>- Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya.<br>- Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro.<br>- Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda.<br>- Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro. | **Umwarimu:**<br>- Ategura imfashanyigisho.<br>- Atanga amabwiriza y'ibigiye gukorwa. Afasha abanyeshuri kujya mu matsinda.<br>- Ayobora igikorwa kandi akakigenzura.<br>- Afasha abanyeshuri kuvumbura no gufata umwanzuro.<br>- Ategura imyitozo y'abafite intege nke bagenda buhoro.<br>- Atanga isuzumabumenyi kandi akarikosora.<br><br>**Abanyeshuri:**<br>- Bajya mu matsinda.<br>- Bungurana ibitekerezo, bakanabikusanya.<br>- Bavumbura ibyo biga bagafata imyanzuro.<br>- Batangaza ibyo bagezeho mu matsinda.<br>- Bafatanya n'umwarimu gufata imyanzuro. |
|---|---|---|---|



CamScanner

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ubushobozi bugamijwe** | **Kumva:**<br>- Gusobanura umwandiko.<br>- Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br><br>**Kuvuga:**<br>**-** Kuvuga muri make. Gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe.<br>-Kujya impaka ku nsanganyamatsiko.<br><br>**Gusoma:**<br>- Gusoma bucece, gusoma mu ijwi riranguryre.<br><br>**Kwandika:**<br>- Gukora icyandikwa.<br>- Guhanga umwandiko. | **Kumva:**<br>- Gusobanura umwandiko.<br>- Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br><br>**Kuvuga:**<br>**-** Kuvuga muri make.<br>Gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe.<br>-Kujya impaka ku nsanganyamatsiko.<br><br>**Gusoma:**<br>- Gusoma bucece, gusoma mu ijwi rirangurye.<br><br>**Kwandika:**<br>- Gukora icyandikwa.<br>- Guhanga umwandiko. | **Kumva:**<br>- Gusobanura umwandiko.<br>- Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br><br>**Kuvuga:**<br>**-** Kuvuga muri make.<br><br>Gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe.<br>-Kujya impaka ku nsanganyamatsiko.<br><br>**Gusoma:**<br>- Gusoma bucece, gusoma mu ijwi rirangurye.<br><br>**Kwandika:**<br>- Gukora icyandikwa.<br>- Gukora inshamake.<br>- Guhanga umwandiko |



CS CamScanner

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ubumenyi bw'ururimi** | -Utwatuzo: Uturegeka n'akanyerezo.<br>-Impuzashusho n'imvugwakimwe: Inshoza n'imikoreshereze yabyo mu mvugo no mu nyandiko. | - Ihinamwandiko.<br>- Izina bwite n'izina rusange.<br>- Imikoreshereze y'inyuguti nkuru.<br>- Ubumwe n'ubwinshi. by'amazina rusange,<br>- Inteko z'amazina rusange. | - Ingingo zigize umwandiko.<br>- Ihinamwandiko<br>-Igitekerezo cyo muri rubanda: Inshoza n'uturango. |
| **Inyunguramagambo** | Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro. | Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro | Gusobanura amagambo akomeye mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro. |
| **Ihuriro n'andi masomo** | - Kuvuga umubare w'abakinankuru.<br>- Kubara interuro yakoresheje mu nshamake yakoze.<br>- Amateka agaragara mu gusesengura imyandiko itandukanye. | - Kuvuga umubare w'abakinankuru.<br>-Kuvuga umubare w'inteko z'amazina.<br>- Amateka agaragara mu gusesengura imyandiko itandukanye. | - Guhina umwandiko mu mubare w'interuro bahawe.<br>- Amateka agaragara mu gusesengura imyandiko itandukanye. |
| **Uburyo bw'imyigishirize** | - Urugendo shuri.<br>- Ukwiga gushingiye ku ivumbura.<br>- Gukina bigana ibivugwa mu mwandiko. | - Urugendo shuri.<br>- Ukwiga gushingiye ku ivumbura.<br>- Gukina bigana ibivugwa mu mwandiko. | - Urugendo shuri.<br>- Ukwiga gushingiye ku ivumbura.<br>- Gukina bigana ibivugwa mu mwandiko. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Isubiramo** | - Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka.<br>- Gukosora umukoro. | - Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka.<br>- Gukosora umukoro. | - Isubiramo ry'ibyo bize mu isomo riheruka.<br>- Gukosora umukoro. |
| **Isuzuma** | - Imyitozo<br>- Icyandikwa<br>- Umukoro<br>- Isuzuma risoza isomo.<br>- Isuzuma risoza umutwe. | - Imyitozo<br>- Icyandikwa<br>- Umukoro<br>- Isuzuma risoza isomo.<br>- Isuzuma risoza umutwe. | - Imyitozo<br>- Icyandikwa<br>- Umukoro<br>- Isuzuma risoza isomo.<br>- Isuzuma risoza umutwe. |



CamScanner

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ibyagezweho mu isomo bishingiye ku ntego.** | - Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko, imbyino n'indirimbo akondo.<br>- Ubushobozi bwo guhanga umwandiko yitaye ku ngingo yahawe. - Ubushobozi bwo gukoresha uko bikwiye amagambo yungutse n'akanyerezo n'uturegeka.<br>- Ubushobozi bwo kuririmba injyana y'imbyino n'indirimbo gakondo. | - Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko.<br>- Ubushobozi bwo guhina umwandiko.<br>- Ubushobozi bwo kubana neza n'abandi bushingiye ku gufashanya no gutabarana, ku kwitabira akagoroba k'abana no kwiyunga n'abo bagiranye ikibazo.<br>- Ubushobozi bwo gukoresha uko bikwiye izina bwite n'izina rusange n'inyuguti nkuru mu nteruro no mu myandiko.<br>- Ubushobozi bwo gukoresha uko bikwiye inteko z'amazina. | - Ubushobozi bwo gusesengura mu buryo buboneye igitekerezo cyo muri rubanda agaragaza uturango twacyo.<br>- Ubushobozi bwo gukunda no kwitabira umurimo, kwakira no gufata neza abatugana, gushima uwakoze neza no kunenga uwakoze nabi mu buryo bwo kumukosora.<br>- Ubushobozi bwo guhanga udushya.<br>- Ubushobozi bwo kuvuga uturingushyo adategwa kandi asesekaza.<br>- Ubushobozi bwo gukoresha uko bikwiye amagambo ajyanye n'ikeshamvugo ku nka, ku mata no ku gisabo. |

## UMUTWE WA MBERE:

# 1 UMUCO N'INDANGAGACIRO NYARWANDA

**(Umubare w'amasomo:24)**

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe :**

- Gusesengura imyandiko ku muco n'indangagaciro nyarwanda no gusesengura umugani muremure no kuwuca.
- Gusesengura interuro no gukoresha neza utwatuzo tuzisoza.

**Umwandiko: Inyana ni iya mweru**
**Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 12**

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

*Intego zihariye:*

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri ze kuvugaho.*



CamScanner

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Umuryango uvugwa muri uyu mwandiko wari ugizwe na ba nde ?**
⇒ Wari ugizwe n'umugabo bita Kamuhanda n'umugore we n'abana babo

b) **Uyu muryango warangwaga n' iyihe mico?**
⇒ Barangwaga n'imigenzo myiza nko kwakirana abashyitsi urugwiro, gusangirira hamwe ku meza, gusabana n'ababyeyi, gutabara abaturanyi no gufasha abababaye.

c) **Nyuma yo gufata ifunguro rya nimugoroba bakoraga iki?**
⇒ Bataramiraga hamwe bakaganira n'abana babo bakababarira inkuru z'ibyabayeho, bakabigisha uko bagomba kubanira abaturanyi n'abavandimwe babo.

d) **Ni uwuhe mugenzo bagenda bagarukaho cyane?**
⇒ Ni umugenzo wo kubaha no kwakira neza abatugana.

### 2.2. Gusoma baranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

### 2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*

*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

**Urugero rw' ibyava mu matsinda:**

**Imigenzo:** Ibikorwa cyangwa imihango ifitanye isano n'umuco
**Urugwiro:** Ibyishimo, ubwuzu ugaragariza umuntu
**Yarateruye:** Yaratangiye
**Guhanura:** Kugira inama
**Ipfunwe:** Ikimwaro
**Umupaka:** Aho ibintu bigarukira



CamScanner

**Kuvunyisha:** Gukomanga, gusaba ikaze.
**Gutega umuntu amatwi:** Kumwumva witaye ku byo akubwira.
**Kubasesereza:** Kubakomeretsa, kubabwira amagambo ababababaza.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

**a) Gukoresha amagambo mu nteruro**

- **Ipfunwe:**

Matayo afite **ipfunwe** kuberako yibye ikayi bakamufata.

- **Gutabara:**

Data yagiye **gutabara** umuturanyi wacu yagize ibyago.

- **Umuco:**

Tugomba kurangwa n'**umuco** mwiza wo kubaha.

- **Gutega amatwi:**

Mwarimu iyo atwigisha **tumutega amatwi** bigatuma dutsinda amasomo yacu neza.

- **Gusesereza:**

Uwera bamuhaniye kudakubura ishuri mugenzi we akomeza **kumusesereza** ngo yarananiranye.

**b) Simbuza amagambo aciyeho akarongo andi bivugwa kimwe**

- Isaha irageze muze tuge **gufata ifunguro**.

Isaha irageze muze tuge **kurya.**

- Umushyitsi ugeze mu rugo **aravunyisha** agahambwa ikaze.

Umushyitsi ugeze mu rugo **arakomanga** agahabwa ikaze.

- **Se** w'abo bana yabatoje uburere bwiza.

**Papa** w'abo bana yabatoje uburere bwiza.

- Abaje **batugana** tugomba kubakira neza, tukabaganiriza.

Abaje **badusanga** tugomba kubakira neza tukabaganiriza.

**c) Tanga imbusane z'amagambo aciyeho akarongo**

- **Dushimire** abatugiriye **neza.**

**Tugaye** abatugiriye **nabi.**

- Uburere **bwiza** bugaragazwa no **kubaha.**

Uburere **bubi** bugaragazwa no **gusuzugura.**

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

– Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora:
– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.
– Gusobanura bimwe mu bigize umuco n'indangagaciro nyarwanda bigaragara mu mwandiko.
– Gushyira mu bikorwa ibyo yize bijyanye n'ingingo zo kubaha no kwakira abatugana, kwita ku batishoboye no kubana n'abandi nta vangura.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda ,abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibibazo n'ibisubizo**

a) Ni iyihe migenzo myiza yarangaga umuryango wa Kamuhanda?

⇒ Twavuga nko kwakirana abashyitsi urugwiro, gusangirira hamwe ku meza, gusabana n'ababyeyi, gutabara abaturanyi no gufasha abababaye.

b) Ni iyihe mpanuro Kamuhanda yahaye abana be?

⇒ Yababwiye ko buri muntu nta kwita ku nkomoko ye, ku muco we cyangwa idini rye agomba kubahwa.

c) Ni bihe bintu bitatu by'ingenzi ababyeyi bari barigishije abana babo?

⇒ Kubaha abantu bose, kwiyubaha ndetse no kubaha ibidukikije.

d) Vuga nibura ibintu bitatu biranga umuntu wiyubaha.

⇒ Umuntu wiyubaha arangwa n'isuku ku mubiri we n'aho ari hose, kwita ku nshingano ze uko bikwiye, no gufata ifunguro riboneye kandi akora n'imyitozo ngororangingo

e) Kuki umushyitsi uje atugana agomba kwakirwa neza?

⇒ Bimwereka ko tumwubashye kandi tumukunda.

f) Wemeranya n'abavuga ko umwana yitwara nk'uko ababyeyi bitwara? Sobanura.

⇒ Yego.
Umwana uko yitwara aba abikomara ku babyeyi be uko bamureze uko bamutoje kwitwara niko yitwara.

e) Ni uwuhe mugenurano dusanga mu mwandiko ushimangira igisubizo cyawe?
⇒ "Inyana n'iya mweru"

**Imyitozo**

**1. Hitamo imvugo iboneye iranga ikinyabupfura**
Iyo ushaka kumenya umuntu waje mu rugo uramubwira uti:

a) "Wambwiye izina ryawe" .

b) "Mbese ubundi witwa nde" ?

c) « Uri nde se » ?

d) « Ko tutabamenye se » ?

Iyo umushyitsi ageze mu nzu uramubwira uti:

a) « Icara » !

b) « Wakwicaye se » !

c) "Dore ngiyo intebe" !

d) **"Ngako agatebe nimwicare".**

Iyo ushaka kugira icyo uzimanira umuntu uramubaza uti:

a) "Tubahe iki se" ?

b) "Murashaka kunywa iki" ?

c) **"<u>Twabazimanira iki" ?</u>**

d) "Mwaba se mukeneye icyo kunywa" ?

**2. Ibisubizo ku kinyatuzu**

Umubu
Ubukwe
Ururimi
Isambu
Inkingi
Sugira
Ishuri
Umuco
Umuganda
Ibirori
Karande
Urukundo
Ubudehe

**Intera ya gatatu : Kwitoza gusoma**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusoma mu ijwi riranguruye, badategwa, bubahiria utwatuzo n'iyitsa.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**Intera ya kane: Gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gutahura imiterere n'ubwoko bw'umwandiko.



CamScanner

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku muco n'indangagaciro nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo:**

*Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

**2. Gusoma umwandiko**

*Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.*
*Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

⇒ "Twiyubahe twubaha abatugana, ntakuvangura cyanecyane hitawe ku batishoboye".

b) **Ingingo z'ingenzi**

- Umutima w'urugwiro kuri buri wese utavangura.
- Umugenzo mwiza wo kubaha no gutoza abandi kudasuzugura.
- Igicumbi cy'umuco no kubaha.
- Uburere duhabwa n'ababyeyi bugomba kuturanga hose mu muryango nyarwanda.

**Umwitozo**

**1. Mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko zikurikira:**

a) Kwakirana ubwuzu abatugana, utavangura cyanecyane witaye ku batishoboye ni indangagaciro nyarwanda ndetse na nyafurika muri rusange.

b) Tugomba kugirira buri wese neza kuko akenshi iyo neza tuyisanga imbere.

c) Akira umuntu uwo ari we wese, utitaye ku cyo ari cyo, aho akomoka kuko utazi icyo azaba cyo ejo hazaza.



CamScanner

**2. Icyandikwa:**

*Somera abanyeshuri interuro zigize aka gace k'umwandiko bagende bazandika batazireba. Kubera ko utwatuzo bataratwiga neza twose, umwarimu aratubabwira anatubandikire ku kibaho. Ikigamijwe ni ukureba ko bazi kwandika neza ibihekane biri muri aka kandiko n'amagambo yose.*

*Uko bikorwa: Umwarimu arabanza asome akandiko kose abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma agende abasomera buri nteruro ku nshuro ya mbere bategege amatwi, ku nshuro ya kabiri bayandike.*

Ubwo burere bwiza bwatumye bagira ubumenyi bamenya n'ubwenge, ku buryo batigeraga batsindwa mu ishuri maze bose bariga baraminuza. Imico yabo myiza yagiye ivugwa hose, maze abantu bose barabakunda.

Ubu na bo bashinze ingo zikomeye. Uko ni ko "kwibyara gutera ababyeyi ineza."

**Umwandiko: Ikiganiro hagati ya Hanyurwimfura na Mukamana**

Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 18 - 20

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, gusobanura amagambo akomeye no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*
**Murabona iki kuri iyi shusho?**

Kuri iyi shusho hariho abantu babiri umwe ni umwana w'umuhungu undi ni umukobwa w'inkumi mukuru barimo kuganira.



CamScanner

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo**

a) **Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko** ?

⇒ Haravugwamo abantu babiri : Hanyurwimfura na Murekatete.

b) **Hanyurwimfura uvugwa muri uyu mwandiko arangwa n' iki** ?

⇒ Ni umwana w'umuhanga urangwa no kubaza ibibazo byinshi ugira amatsiko.

### 2.2. Gusoma baranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

### 2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*

*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda**

**Impunzi:** Ni umuntu wavuye mu gihugu ke bitewe n'impamvu zitamuturutseho

**Gukora ubuvugizi:** Kunganira umuntu cyangwa agatsiko k'abantu mu nzego zo hejuru kugira ngo habeho ubufasha

**Kuvutswa uburenganzi:** Guteshwa uburenganzira

**Gucumbikira:** Guha ku buntu umuntu aho aba cyangwa se arara mu gihe runaka

**Impuhwe:** Ubwifatanye mu kababaro cyangwa se mu bibazo

**Guhabwa akato:** Kunenwa

**Imyitozo y'inyugnguramagambo**

a) **Mu matsinda musimbuze aya magambo yanditse atsindagiye andi bihuje ibisobanuro ku buryo interuro idahinduka.**

- Abatishoboye bagomba gutegwa amatwi na buri wese.
  Abatishoboye bagomba **kumvwa** na buri wese.
- Hari ababyeyi badashobora kurihira abana babo amafaranga y'ishuri.
  Hari ababyeyi badashobora **kwishyurira** abana babo amafaranga y'ishuri.
- Mwihate kurya imboga n'imbuto bizatuma mubaho igihe kirekire.
  Mwihate kurya imboga n'imbuto bizatuma **muramba.**

**b) Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira:**

Impunzi –Kuvutsa uburenganzira –Impuhwe –Guha akato

- Nubona **impunzi** uge wihutira kuyakirana **impuhwe** nyinshi.
- Buri mwana wese ntagomba **kuvutswa uburenganzira** bwe.
- Tubujijwe **guha akato** abarwayi ba SIDA.

**c) Koresha aya magambo wubake interuro ziboneye.**

Ubufasha, guha agaciro, ikizere

**Ubufasha:**
Abana b'imfubyi bakenera ubufasha kugirango bige barangize. **Guha agaciro:**
Mugomba guha agaciro buri kiremwa muntu. **Ikizere:**
Nzajya nigirira ikizere mu byo nkora byose.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

Hanyurwimfura ni umwana urangwa n'iki?

⇒ Hanyurwimfura ni umwana urangwa no kugira amatsiko agasobanuza neza ibyo atumva.

a) Murekatete yabwiye Hanyurwimfura ko abatishoboye ari abahe?

⇒ Murekatete yamubwiyeko abatishoboye bashobora kuba abana, abantu bafite ubumuga cyangwa bakuze cyane, abarwayi barembye, abakene cyane, impunzi ndetse n'abatagira akazi.

b) Vuga bimwe mu bikorwa wakorera abatishoboye.

⇒ Kubakorera ubuvugizi, kubatabara, kubavuza, kububakira aho baba, kubaha icyo kwambara, kubaha ibibatunga n'ibindi.

c) Nuhura n'umuntu ukuze cyane cyangwa unaniwe uzajya umukorera iki?

⇒ Nshobora kumwakira nkamutwaza ibyo afite.

d) Ni iki tubujijwe gukorera abatishoboye?

⇒ Ntitugomba kubatererana bagomba kwitabwaho.

**Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma**

*Intego zihariye:*

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusoma mu ijwi riranguruye, badategwa, bubahiria utwatuzo n'iyitsa.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

*Abanyeshuri barakomeza kugenda basoma basimburana kugeza buri wese agezweho, abadashoboye gusoma mu kiciro cya mbere bagasoma mu gikurikiyeho cyangwa bakzasoma ku wundi mwandiko baziga.*

*Abanyeshuri bafite ingorane nk'abadidimanga, abagira ubwoba bwo kuvugira mu ruhame, n'abatavuga Ikinyarwanda mu rugo iwabo, bitabwaho ku buryo bw'umwihariko.*

**Intera ya kane: Gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutahura imiterere n'ubwoko bw'umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku kwita ku batishoboye, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo:**

*Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

**2. Gusoma umwandiko**

*Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.*

*Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda, baratahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**

⇒ "Twite ku batishoboye"

b) **Ingingo z'ingenzi**

- Gusobanura abatishoboye abo ari bo.

- Kwita kubatishoboye tukabakorera ubuvugizi, tubafasha,…kwirinda kubaha akato.
- Gukangurira buri wese kwita ku batishoboye.

**Umwitozo**

**Mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ikurikira:**

Iyo bavuze kwita ku batishoboye numva ko ari igikorwa kiba kigamije kubafasha mu buryo bwose kandi kigakorwa nta gahato. Dushobora kubakorera ubuvugizi kugira ngo batavutswa uburenganzira bwabo, kubatabara kuko hari uwakwitwaza integenke zabo akabagirira nabi ikindi twabavuza, tukabubakira, tukabaha ibyo kurya n'ibyo kwambara

**Umwandiko: Ubumwe bw'Abanyarwanda**

Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 23

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye no gukoresha amagambo yungutse mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko, abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

**Urugero rw'ikibazo:**

**Murabona iki kuri iyi shusho?**

Turahabona abaturage b'ingeri zinyuranye barimo bakora umuganda, bubaka ishuri bakoresha ibikoresho bitandukanye.

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:**

**a)** Ni ikihe gikorwa kivugwa muri uyu mwandiko?

⇒ Haravugwamo igikorwa rusange cy'umuganda.

**b)** Iki gikorwa kiba kigamije iki? Kirangwa ni iki?

⇒ Iki gikorwa gishimangira ubumwe bw'Abanyarwanda abantu batuye mu mudugudu umwe bahurira hamwe bagakora ibikorwa by'iterembere nko kuba bakwiyubakira ishuri cyangwa umuhanda cyangwa bakubakira utishoboye iyo birangiye bakora inama bakaganira.

### 2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

### 2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*

*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda**

**Umuganda:** Ni igikorwa rusange gihurirwaho n'Abanyarwanda bose buri wa Gatandatu wa nyuma w'ukwezi.

**Karande:** Gihoraho, cyashinze imizi.

**Abasokuruza:** Abantu ababyeyi bacu bakomokaho.

**Guhinga ubudehe:** Ni igikorwa Abanyarwanda bakoraga kirebana no gihingira hamwe ari benshi hanyuma uwo bakoreye akabaha inzoga.

**Gusigasira:** Kubumbatira, kubungabunga, gufata neza.

**Umujishi:** Kimwe mu biti bibiri bashyira mu bifunga by'ingobyi iheka umuntu cyangwa umushumi w'ingobyi iheka abana.



CamScanner

**Imyitozo ku nyunguramagambo:**

*Buri munyeshuri arakora imyitozo ikurikira wenyine, hanyuma baze kungurana ibitekerezo mu matsinda ya babiri.*

a) **Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira**

Umuganda –Umurwayi –Abasokuruza –Kubungabunga

- Tugomba **kubungabunga** ibidukikije tukubaka urwatubyaye.
- Iyo **umurway**i yarwaye baramuheka bakamujyana kwa muganga.
- Guhana **umuganda** ni umwe mu mico myiza **abasokuruza** bacu badusigiye.
- Mu mudugudu wacu **umuganda** wabaye ku wa Gatandatu.

b) **Kora interuro ngufi yawe wihimbiye ukoresheje aya magambo:**

- Inshuke:

⇒ Amashuri y'inshuke yaragwiriye.

- Ubudehe:

⇒ Ejo tuzajya guhinga ubudehe kwa masenge.

- Gusigasira:

⇒ Tugomba gusigasira umuco nyarwanda kuko ari ingirakamaro

c) **Tondeka aya magambo ukore interuro ziboneye:**

- Buri muturage wese agomba kwitabira igikorwa rusange cy'umuganda
- Ababiri bashyize hamwe baruta umunani urasana.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko:**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*



CamScanner

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) Ni iki cyaranze Abanyarwanda kuva kera umuyobozi yabwiye abaturage?

⇒ Kuva kera Abanyarwanda baranzwe n'ubumwe.

b) Vuga ibikorwa by'ingenzi umuganda watugejejeho.

⇒ Guharura imihanda, gutera amashyamba, gusukura aho dutuye n'ibindi

c) Vuga bimwe mu byarangaga abasokuruza bacu.

⇒ Barangwaga no guhana inka, kuremera abatishoboye, kohererezanya intashyo, kugemurirana, guhana umuganda, guhinga ubudehe no gutabarira hamwe igihugu cyatewe.

d) Ni iyihe migenzo myiza ubona muri iki gihe iranga ubumwe bw'Abanyarwanda?

⇒ Gutabarana no gufashanya ku buryo bunyuranye. Guha umuganda ushaka kubaka, gutwerera uwagize ubukwe cyangwa ibirori, gufasha umuntu guhinga cyangwa gusarura, guheka umurwayi ndetse no kumugemurira.

e) Mu kwanzura ni iki umuyobozi w'umudugudu yasabye abaturage?

⇒ Yabasabye ko bagomba kubungabunga ubumwe bw'Abanyarwanda bakirinda icyabatanya.

**Intera ya gatatu: Gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko, gushima no kunenga abavugwa cyangwa ibivugwa mu mwandiko, kugaragaza imyitwarire yubahiriza umuco n'indangagaciro nyarwanda, no gutahura imiterere n'ubwoko bw'umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.



CamScanner

**1. Isubiramo:**

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

**2. Gusoma umwandiko**

*Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.*

*Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda, baratahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**

⇒ "Umuganda ni ishingiro ry'ubumwe n'iterambere rirambye mu benegihugu."

**a) Garagaza ingingo zingenzi zivugwa muri uyu mwandiko**

**Ingingo z'ingenzi**

- Umuganda n'akamaro kawo.
- Igikorwa rusange cy'umuganda.
- Umuco w'ubumwe waranze abasokuruza bacu.
- Ubufatanye mu muryango nyarwanda.
- Uko twasigasira umuco w'ubumwe bw'Abanyarwanda.

**Umwitozo wo kungurana ibitekerezo**

Mu matsinda, abanyeshuri barungurana ibitekerezo babyuzuze mu mbonerahamwe, hanyuma abahagarariye amatsinda atandukanye baze kugeza ku bandi ibitekerezo batanze mu itsinda ryabo, bagende babihuza n'iby'andi matsinda kandi babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

| **Ibyiza byo gushyira hamwe** | **Ibibi bizanwa n'amacakubiri no kuba nyamwigendaho.** |
|---|---|
| 1. Bituma bahuza imbaraga, ari iz'ibikorwa cyangwa iz'umutungo bagakora ibikorwa bigaragara. | 1. Amacakubiri azana intambara n'umutekano muke, kandi iyo nta mutekano uhari, nta majyambere ashobora kuboneka. |

| | |
|---|---|
| 2. Ibyiza bagezeho bafatanyije, bafatanya kubirinda ntihagire ubisenya. | 2. Ibyo abantu batagizemo uruhare, ntibagira umwete wo kubirinda, bisenyuka babireba. |
| 3. Iyo abantu bashyize hamwe barazamurana, ntihagire abasigara inyuma. | 3. Iyo abantu badashyize hamwe, bamwe batera imbere abandi bagasigara, hakavuka amashyari, inzangano, n'amatiku. |
| 4. Iyo abantu bashyize hamwe bajya inama, bakagera ku myanzuro iboneye. | 4. Umutwe umwe wonyine ntushobora kwigira inama. |

**Intera ya kane: Iyiganteruro: amoko y'interuro hakurikijwe utwatuzo tuzisoza, imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro**

Igitabo cy'umunyeshuri: urupapuro rwa 27 -33

***Intego zihariye:***

- Kurondora amoko y'interuro hakurikijwe utwatuzo tuzisoza.
- Kuvuga imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro.

***Imfashanyigisho:***

Interuro zisozwa n'utwatuzo dutandukanye, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu araha abanyeshuri interuro, abasabe kuzitegereza, nyuma ababazeho ibibazo bibafasha kuvumbura inshoza amoko y'interuro hakurikijwe utwatuzo tuzisoza.*

**Urugero rw'interuro yabaha:**

- Gatete akunda umupira w'amaguru.
- Abana bacu ni beza.
- Mukamurenzi afite amafaranga menshi.
- Kuki Kamana atagiye ku ishuri uyu munsi?
- Ndaje!

**Ibibazo**

a) Ni iki wavuga kuri izi nteruro?
   ⇒ Aya magambo atondetse ku buryo aduha ubutumwa. Aremye interuro.
b) Iyo witegereje neza usangaamagambo azigize atondetse kimwe?
   ⇒ Oya.

⇒ Hari izigizwe n'amazina n'inshinga, inshinga ndetse n'amazina yuzuza inshinga hari n'igizwe n'inshinga imwe gusa.

Abanyeshuri baratahura ko igice k'imvugo umuntu avuga akakirangiza aruhuka bihagije kikaba igitekerezo cyuzuye, kemeza cyangwa gihakana ari cyo bita **interuro**.

Noneho mu matsinda nimutekereze ku nshoza mwaha interuro.

### 1. Inshoza y'interuro

Interuro ni amagambo atondetse ku buryo agira ubutumwa atanga.
Interuro ishobora kuba igizwe n'amagambo menshi cyangwa ijambo rimwe.

**Ingero:**

- Muri abakozi beza rwose!
- Marariya iterwa n'umubu.
- Ntimukangize ibidukikije.
- Ese tuzakora ibizamini bisoza igihembwe ryari?
- Iki gihembwe nzihatira kwiga ku buryo nzaba uwa mbere.

### 1. Amoko y'interuro hakurikijwe utwatuzo tuzisoza

Mu matsinda musome mwitonze izi nteruro, maze mutahure utwatuzo tuzisoza n'icyo duhindura ku butumwa bw'interuro.

- Muri abakozi beza rwose!
- Marariya iterwa n'umubu.
- Ntimukangize ibidukikije.
- Ese tuzakora ibizamini bisoza igihembwe ryari?
- Iki gihembwe nzihatira kwiga ku buryo nzaba uwa mbere.

#### a) Interuro ihamya

Ni interuro ikoreshwa iyo bamenyesha umuntu ikintu, bavuga igitekerezo cyabo batanga ingingo. Isozwa n'akabago.

**Ingero**

- Abana barakina.
- Ntitugomba gusiba uko twishakiye.

#### b) Interuro ibaza

Ni interuro ikoreshwa babaza kandi isozwa n'akabazo.

**Ingero**

- Mbese ba bakobwa bagiye he?
- Ufite imyaka ingahe?



CamScanner

**c) Interuro itangara**

Ni interuro ikoreshwa iyo batangara, bikanze, bababaye cyangwa bafite ubwuzu. Agatangaro gashyirwa n'inyuma y'amarangamutima. Interuro itangara isozwa n'agatangaro.

**Ingero**

- Mbega agakanzu keza!
- Ayiwe! Nari nguye!

**d) Interuro itegeka**

Ni interuro ikoreshwa bategeka cyangwa bahendahenda. Mu nyandiko isozwa n'akabago.

**Ingero**

- Mwandike vuba.
- Funga uwo muryango.

Interuro ishobora kwemeza cyangwa guhakana iyo inshinga yayo yemeza cyangwa ihakana. Hari amagambo y'impakanyi ashobora gukoreshwa mu nteruro ihakana (nta bwo, oya, si n'ayandi).

**Ingero**

- Kabera arasarura amasaka. (Interuro yemeza)
- Ntabwo Uwera asarura amasaka. (Interuro ihakana)

**Ikitonderwa**

Inyuma y'interuro ishojwe n'utu twatuzo, ikurikiyeho itangizwa inyuguti nkuru.

**Imyitozo**

**a) Koresha akatuzo gakwiye kuri izi nteruro**

- Manzi yiga mu mwaka wa mbere

⇒Manzi yiga mu mwaka wa mbere.

- Uwo mugabo aravuga iki

⇒Uwo mugabo aravuga iki?

- Yoo Mbega amasaro meza

⇒Yoo! Mbega amasaro meza!

- Ihute vuba ubanguke

⇒Ihute vuba ubanguke.

**b) Ubaka interuro zifite ubutumwa bwumvikana ukoresheje aya magambo:**

- Ibidukikije, cyane, akamaro, bidufitiye, kanini.
- uburenganzira, bwo, Umwana, wese, afite, kwiga.
- Gukunda, bizatuvana, bukene, mu.
- gihugu, kimwe, Nta , cyaruta, icyo, wavukiyemo.

**Ibisubizo:**

⇒Ibidukikije bidufitiye akamaro kanini cyane.

⇒Umwana wese afite uburenganzira bwo kwiga.

⇒Gukunda umurimo bizatuvana mu bukene.

⇒Nta gihugu na kimwe cyaruta icyo wavukiyemo.

**c) Icyandikwa :**

*Somera abanyeshuri interuro zigize aka gace k'umwandiko bagende bazandika batazireba. Kubera ko bataratumenyera kudukoresha, umwarimu aratubabwira aho turi badushyireho. Mu gukosora, abanyeshuri bashobora kugurana amakaye bagakosorana, uko bagenda bakosorera hamwe n'umwarimu ku kibaho. Umwarimu aribanda cyane ku twatuzo dusoza interuro n'ikoreshwa ry'inyuguti nkuru mu ntangiriro y'interuro.*

*Uko bikorwa : Umwarimu arabanza asome akandiko kose abanyeshuri bateze amatwi, hanyuma agende abasomera buri nteruro ku nshuro ya mbere bategge amatwi, ku nshuro ya kabiri bayandike.*

Mu muganda uba rimwe mu kwezi, abaturage batuye umudugudu bahurira hamwe bagakora ibikorwa bijyanye n'iterambere ryabo. Ku wa Gatandatu ushize, abaturage bo mu Mudugudu wa Kinkware bahujwe no kubaka ishuri ry'inshuke abana babo bazajya bigiramo.

**Imimaro y'ingenzi y'amagambo mu nteruro**

**Mu matsinda mwitegereze interuro zikurikira maze musubize ibibazo bikurikiraho:**

- Gatete akunda umupira w'amaguru.
- Abanyeshuri barakubura ishuri.
- Bake bahageze.
- Twese twatashye.
- Gusoma bituma tujijuka.

Iyo mwitegereje izi nteruro musanga zifite ibice bingahe?

⇒Zimwe muri izo nteruro zifite ibice bibiri, ariko muri rusange interuro igira ibice bitatu: Ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo.

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo.**

- Ni nde ukunda gukina umupira w'amaguru? Ni Gatete
- Ni bande bakubura ishuri? Ni abakobwa
- Umubare w'abahageze ungana iki? Ni bake Abatashye bangana iki? Ni twese
- Ni iki gituma tujijuka? Ni ugusoma.



CamScanner

Aya magambo yose tubonye agaragaza ukora igikorwa. Gatete, Abakobwa, Bake, Twese, Gusoma, bayita Ruhamwa.

### a) Ruhamwa

Ruhamwa ni ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo akenshi ritangira interuro rikagaragaza ukora igikorwa kirangwa n'inshinga iri munteruro.

- Ruhamwa ishobora kujyana n'inshinga nyinshi.

**Urugero:** Hirwa arateka, aramesa, agakora n'isuku.

- Ruhamwa ishobora gukurikira inshinga

**Urugero:** Mu biruhuko higa abanyeshuri bo mu mwaka wa gatandatu.

### b) Inshinga

- Gatete arangwa n'iki? Akunda umupira w'amaguru.
- Abakobwa barakora iki? Barakubura ishuri.
- Bake bavugwa bakoze iki? Bahageze.
- Twese twakoze iki? Twatashye.

Akunda, barakubura, bahageze, twatashye ni **inshinga**.

Inshinga (ipfundo ry'ubutumwa cyangwa izingiro ry'interuro) ni ijambo rifite umumaro wo kugaragaza cyangwa kumvikanisha igikorwa cyangwa imimerere ya ruhamwa mu nteruro.

Iyo inshinga itondaguye iba ifite akaremajambo kibutsa ruhamwa.

**Ingero**

- Muhire aratashye.
- Mwarimu arakosora impapuro.
- Kamana ni mubyara wange.
- Bose bagarutse mu rugo.

### c. Icyuzuzo

- Gatete akunda gukina iki? Umupira w'amaguru.
- Abakobwa barakubura iki? Ishuri.

Umupira w'amaguru, ishuri ni **ibyuzuzo.**
Icyuzuzo ni ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo bivuga icyo gikorwa, imimerere cyangwa imiterere ivugwa n'isnhinga byerekejweho, uburyo cyangwa inshuro biba igihe cyangwa ahantu bibera.



CamScanner

**Ingero:**

- Mama yaguze imyenda.
- Mwene Yohani yavukanye amahirwe yo kwiga.
- Abakinnyi bahuje umugambi wo kuzegukana igikomb**e.**

**Itegeko:** Iyo igice k'interuro kirenze ijambo rimwe bavuga ko ari itsinda ry'icyo gice.

Habaho itsinda rya Ruhamwa, iry'inshinga n'iry'icyuzuzo

**Urugero:**
Abo bakobwa bari barahinze amasaka n'ibigori.

Abo bakobwa: Itsinda rya Ruhamwa.
Bari barahinze: Itsinda ry'inshinga.
Amasaka n'ibigori: Itsinda ry'icyuzuzo.
**Ikitonderwa:** Icyuzuzo gishobora kuba kihagitse mu nshinga
**Urugero:** Aba bana ntiba**yi**kunda.

**Umwanzuro:** Amagambo agize interuro aba afite imimaro y'ingenzi ikurikira: **Ruhamwa, Inshinga, Icyuzuzo.**

**Intera ya gatanu: Utwatuzo dusoza interuro**
Igitabo cy'umunyeshuri Urupapuro rwa 33

*Intego zihariye:*

- Gusobanura imikoreshereze y'utwatuzo dusoza interuro.
- Kurondora amoko y'interuro hakurikijwe utwatuzo tuzisoza.

**1. Ivumburamatsiko**
*Umwarimu araha abanyeshuri interuro, abasabe kuzitegereza, nyuma ababazeho ikibazo bibafasha kuvumbura inshoza amoko y'interuro hakurikijwe utwatuzo tuzisoza.*

- Umuganda uba rimwe mu kwezi.
- Mbega ikimasa kiza!
- Yoo! Uyu mwana ni umurame pe!
- Ese ba bashyitsi wabahaye ibyo kurya?

**Ikibazo**

Iyo twitegereje izi nteruro dusanga zimeze gute?

⇒Iya mbere irahamya, iya kabiri n'iya gatatu ziratangara naho iya kane irabaza.

**2. Inshoza y'utwatuzo dusoza interuro**

Utwatuzo dusoza interuro ni utumenyetso tutari inyuguti dukoreshwa mu nteruro kugira ngo usoma cyangwa uvuga aruhuke kandi twerekana n'ubwoko bwayo.

Mu twatuzo dusoza interuro dusangamo: **akabago, akabazo n'agatangaro.**

**3. Imikoresherezwe y'utwatuzo dusoza interuro**

**a) Akabago (.)**

Akabago ni akatuzo gasoza interuro ihamya, yaba yemeza cyangwa ihakana, kimwe n'interuro itegeka.

**Ingero:**

- Umunyeshuri mwiza ni uwubaha.
- Abahungu bakunda gukina.
- Ntimugatinde mu nzira.

**b) Akabazo (?)**

Akabazo ni akatuzo gasoza interuro ibaza.

**Ingero:**

- Muzaza kudusura ryari?
- Iyi modoka ni iya nde?
- Umaze kugira imyaka ingahe?

**c) Agatangaro (!)**

Agatangaro ni akatuzo gasoza interuro itangara, gashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

**Ingero:**

- Dore intore zambaye neza mama we!
- Mbega ukuntu uyu munsi waberewe!
- Yoo! Iki ni ikigo nderabuzima pe!

**Ikitonderwa** :Twibuke ko interuro ikurikira ishojwe n'utu twatuzo, itangizwa inyuguti nkuru.

**Imyitozo**

a) **Shyira utwatuzo dukwiye muri izi nteruro:**

- Muzasoza igihembwe cya kabiri ryari



CamScanner

⇒Muzasoza igihembwe cya kabiri ryari?

- Ooo Babyaye agakobwa disi

⇒ Ooo! Babyaye agakobwa disi!

- Dufite amashuri make

⇒Dufite amashuri make.

b) **Icyandikwa:**

*Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zikurikira:*

- Mbega ukuntu gukorera mu matsinda ari byiza!
- Jenoside ni mbi tuzayirwanye aho turi hose.
- Nta mwana ugomba kuvutswa ishuri uko yaba ameze kose.
- Wajijuka ute udasoma ibitabo bitandukanye?

c) **Ibisubizo ku kinyatuzu**

Kirazira
Ikibzo
Mama
Amazi
Inka
Umukecuru
Abakene
Inama

Ibiryo
Imfungwa
Impunzi
Vuza
Aka
Fasha
Akavuza

**Intera ya gatandatu: Inyunguramagambo: impuzanyito n'imbusane.**

Igitabo cy'umunyeshuri Urupapuro rwa 36

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora gukoresha neza amagambo ahuje inyito n'amagambo y'imbusane

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.



CamScanner

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu araha abanyeshuri amagambo ari mu mpushya ebyiri, uruhushya rwambere rufite amagambo asobanura kimwe, uruhushya rwa kabiri rufite amagambo ashyamiranye, maze abasabe kuyitegereza no kugerageza gutahura uko ayo magambo yitwa bakurikije ibisobanuro byayo cyangwa uburyo ashyamiranye.*

Gupfa= KwitabaImana

Kubyara = Kwibaruka.

Umusaza = Umukambwe.

Ubushyuhe ≠ Ubukonje

ikiza ≠ ikibi

Ubushyuhe ≠ Ubukonje

Amagambo yo mu ruhushya rwa mbere rimwe rigenda rivuga kimwe n'irindi. Ijambo rimwe rishobora gukoreshwa mu mwanya w'irindi. Ayo magambo bayita **impuzanyito.**

Amagambo yo mu ruhushya rwa kabiri rimwe n'imbusane y'irindi. Ayo magambo bayita **imbusane**

**2. Inshoza y'impuzanyito**

Impuzanyito ni amagambo ahuje ibisobanuro. Bayita kandi **imvugakimwe.**

**Ingero:**

Ishavu = Agahinda.

Kunezererwa = Kwishima.

Umufasha = Umugore.

Kurya = Gufungura, kwegera ameza, kwica isari

**3. Inshoza y'imbusane**

Imbusane ni amagambo afite ibisobanura binyuranye.

**Ingero:**

Gushyira nzira ≠ Guhagarara

Kuzirika ≠ Kuzitura

Gutinda ≠ Kubanguka

Umugore ≠ Umugabo

Umukobwa ≠ Umuhungu

Kwemera≠kwanga, guhakana



CamScanner

**Imyitozo**

a) Tanga impuzanyito z'aya magambo aciyeho umurongo:

- Saa sita yageze muze twegere ameza. Twegere ameza = dufungure
- Zana iyo ntorezo nge kwishakira udukwi. Intorezo= ishoka
- Mu cyaro nabonyeyo urukiza. Urukiza=uruho cyangwa urukebano.

b) Simbuza aya magambo ari mu dukubo imbusane zayo

- (Umukobwa) yaramubajije ati: "Ko mbona ufite (agahinda)?"
  **Umuhungu** yarambajije ati: "Ko mbona ufite **ibyishimo**?"
- Ntiwibagirwe (kuzirika) ya hene.
  Ntiwibagirwe **kuzitura** ya hene
- Uze guca agati (kagufi) ukanzanire.
  Uze guca agati **karekare** ukanzanire.

**Umwandiko: Nyanshya na Baba**

Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 39

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

***Intego zihariye:***

- Gusoma umugani yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye.
- Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusubiza ibibazo ku mugani.

**Imfashanyigisho:** Ibitabo birimo imigani miremire, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona zumvikanamo abantu baca imigani.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

Kuri iyi shusho turikubona ari ninjoro hariho umwana w'umusore utashye afite igifunyika k'ibyo avuye guhiga arimo akomanga k'urutare ngo rukinguke.



CamScanner

**b) Uyu mwandiko uri gutangira gute?**

Uyu mwandiko uri gutangira ngo kera habayeho.

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye koko.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni abahe abantu b'ingenzi bavugwa mu mwandiko?**

⇒ Abavugwa mu mwandiko ni Nyanshya na Baba.

b) **Nyanshya na Baba batungwaga n'iki?**

⇒ Batungwaga no gutega utunyoni.

### 2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

### 2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*

*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda:**

**Imfumbyi:** Umwana wapfushije ababyeyi

**Urutare:** Ibuye rinini

**Umuhigo:** Inyamaswa yishwe n'umuhigi

**Kugurura:** Gukingura

**Kubaruka:** Gusaduka, kuvaho ikibaru

**Kwarika:** Gushyira amazi ku ziko yo gukora umutsima

**Kumviriza:** Gutega matwi uri inyuma y'inzu ngo wumve amagambo abayirimo bavuga

**Icumu:** Igiti kibaje neza gifite icyuma gisongoye ku mutwe bita ikigembe n'ikindi hasi bita umuhunda

**Kunyaga:** Kwisubiza ibyo wagabiye umuntu

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

*Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.*

Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira avuye mu mwandiko:
imfubyi – umuhigo –kwarika – icumu – Kunyaga 1.

a) Kamana avuye mu ishyamba atahukanye……….
⇒ Kamana avuye mu ishyamba atahukanye **umuhigo**

b) Gufasha …………Bizana umugisha.
⇒ Gufasha **imfubyi** bizana umugisha.

c) Shyushya amazi nje ………. umutsima.
⇒ Shyushya amazi nje **kwarika** umutsima.

d) ………………uwo wagabiye bitera ikimwaro.
⇒ **Kunyaga** uwo wagabiye bitera ikimwaro.

e) Kera buri mugabo yajyaga ku rugamba yitwaje…………..
⇒ Kera buri mugabo yajyaga ku rugamba yitwaje **icumu**

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora:

- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko basomye ubushize.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibabazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'isubizo**

a) **Uyu mwandiko ni bwoko ki? Kubera iki?**
⇒ Uyu mwandiko ni umugani
⇒ Kuberako ……

b) **Abana bavugwa mu mwandiko bamaze kuba imfubyi bagiye gutura he?**
⇒ Bagiye gutura mu ishyamba

c) **Baba yakoraga uwuhe mwuga kugira ngo babone icyo kurya?**
⇒ Yarahigaga

d) **Warupyisi yabigenje ite kugira ngo izabashe kugera aho Nyashya ari?**
⇒ Yabanje kumviriza ijwi rya musaza we nyuma aza kumwigana.

e) **Ni ayahe mayeri Nyashya yakoresheje kugira ngo yikize Warupyisi imaze kumwinjirana?**
⇒ Yayibwiyeko uruyuzi rurataruka rujya hanze ari urwayo nuko igiyeyo Nyashya arakinga.

f) **Baba yabwiwe n'iki ko Warupyisi yariye mushiki we?**
⇒ Yarahamagaye abura umwitaba, urutare rukingutse abona imyenda ya mushiki we mu rusenge rw'urutare.

g) **Baba amaze kwica Warupyisi yakoze iki?**
⇒ Yanyaze ibyo kwa Warupyisi byose arangije aritahira.

**Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusoma mu ijwi rirangururye, badategwa, bubahiria utwatuzo n'iyitsa.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**Intera ya kane: Gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gusesengura umwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize no gutahura uturango tw'umugani muremure.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo:**

Umwarimu arabaza abanyeshuri kuvuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

**2. Gusoma umwandiko**

*Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.*

*Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasubbiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**

⇒ "Twirwaneho kandi dufashanye mu gihe k'ingorane nta we duhohoteye."

b) **Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko "Nyanshya na Baba".**

**Ingingo z'ingenzi:**

- Ubupfubyi bw'abana babiri.
- Ukwitanga kw'abo bana.
- Ibyago byo gutura mu ishyamba.
- Urupfu rwa Nyashya.
- Ukwihorera kwa Baba.

a) **Umwandiko "Nyanshya na Baba" utangira ute? Usoza ute?**

⇒ Umwandiko "Nyanshya na Baba" utangizwa na "kera habayeho", ugasozwa na "Si nge wahera".

**1. Uturango tw'umugani muremure**

Umugani muremure urangwa:

- N'intangiririro yawo "kera habayeho"
- N'umusozo wawo "si nge wahera"
- N'amakabyankuru ndetse n'ibitangaza bigaragara nk'ibintu bidashoboka mu buzima busanzwe.
- Umugani muremure uba ufite buri gihe inyigisho ushaka kugeza ku bawumva cyangwa abawusoma.
- Aho abavugwa bari batuye n'igihe byabereyeho ntibizwi.

**Andi magambo bavuga baca umugani**

a) **Gutangira**

Mbacire umugani, mbababambuze umugani n'uzava i Kamugani, azasange ubukombe bw'umugani buziritse ku muganda w'inzu. Habayeho………..

b) **Gusoza**

Umushwi w'inkoko ntiwinjira mu isaho, nyina iba iri munsi

Najugunye akabuye mu kariba ka Kabugondo Kibira kajya epfo nuburuka njya ruguru,
Inka iti "mbaaa", ihene iti "meee"
Nti "byira mbyiruke,"
Intama iti "maaa,"
Iti "kura dukurane mwana w'Imana!"

**Isuzuma risoza umutwe wa mbere**

**Umwandiko: Imigenzo myiza ya Kinyarwanda**

Ku mwaduko w'abakoroni basanze Abanyarwanda bafite imico n'imigenzo hanyuma imwe muri yo igenda isimburwa n'iyabo. Imwe muri iyo migenzo twasigiwe n'abasokuruza harimo imyiza ikwiye gusigasirwa hakabamo n'imibi cyangwa itakijyanye n'igihe tugezemo dukwiye kureka.

Imwe muri iyo migenzo myiza ni iyi: gufashanya mu byerekeye imyaka n'amatungo, gutabarana no kwakira abashyitsi. Kuva kera Abanyarwanda bahoze bafashanya, bagakorera hamwe. Ibyo bikabonekera cyanecyane mu kuguzanya, kwata no kugwatiriza.

Iyo umuntu yabaga yejeje imyaka, undi atareza cyangwa yarumbije, uwejeje yagurizaga utejeje; na we akazamwitura ku bundi buryo. Uwabaga akeneye umurima, yajyaga kwa mugenzi we akamwatira umurima agateramo imyaka yamara kweza akazamuha icyatamurima. Uwabaga ashaka korora na we yasangaga umutunzi akamuha inyana, we akamuha ikimasa, amasuka n'ibindi…

Habagaho kandi umuco wo kugabirana, na n'ubu ukiboneka kesnhi mu Rwanda, aho umuntu mugenzi we itungo ngo rimukenure, hanyuma na we akazamuha inyiturano. Kugabirna kandi bijyana n'ubusabane bukomeye, ugabiwe agakura ubwatsi, bagatumira abantu, bagatarama bakizihirwa.
Gutabarana na byo byahozeho kuva kera. Abanyarwanda bakabyerekanira cyanecyane mu itwererana no mu gufashanya ku buryo bwinshi.

Uwashakaga kwiyubakira inzu bamutizaga umuganda. Ushatse gushyingira, gutwikurura, gukura ubwatsi n'ibindi nk'ibyo bakamutwerera, bakamuha ibimufasha muri iyo mirimo nk'inzoga, amafaranga n'ibindi cyangwa se bakamufashisha amaboko yabo. Uwo muco n'ubu mu Rwanda henshi barawitabira.

Abasokuruza bacu bakundaga gufashanya mu mirimo no kwifatanya na bagenzi babo mu makuba cyangwa no mu byiza. Iyo basangaga umuntu imirimo yamubanye myinshi cyangwa afite iyihutirwa nko gusya, kwenga cyangwa gusarura imyaka bazaga kumuvuna babyibwirije kandi bakabikora bashishikaye.

Indi migenzo mikuru cyane ni iyerekeye kwakira neza abashyitsi, kugoboka abari mu byago, batishoboye, abapfakazi, imfubyi n'indushyi. Abanyarwanda bishimira gucumbikira abari mu ngendo n'iyo nta cyo baba bapfana, bapfa kuba gusa nta bugizi bwa nabi bubarangwaho. Abagenzi cyangwa abashyitsi aho bageze hose bashobora kubazimanira. Kera bwo hahozeho n'umuco wo gufashanya mu kwakira abashyitsi. Ubonye abashyitsi ntiyabyihereranaga, ahubwo yabimenyeshaga abaturanyi, byaba ngombwa bakamuha amata, inzoga, bakanamufasha gushaka isaso kugira ngo umushyitsi we anezererwe.

Igihe umuntu yimukaga cyangwa yahishije urugo batarabona uburyo ngo bamwubakire, bakundaga kumusembereza bakaba bamuhaye ibimuyamba muri icyo gihe: imyaka, ibikoresho cyangwa se amafaranga.

Iyo habaga hari umurwayi wagombaga kujya kuvuzwa, abantu bashyiraga hamwe bakamuheka, ndetse n'abo bahuriye mu nzira bakabakira. Umurwayi yaba agomba guhama mu ivuriro ugasanga bakuranwa kumugemurira. Abatishoboye bari ku musozi bafashwa n'abaturanyi. Ibyo byose Umunyarwanda abiterwa n'ubugwaneza n'urugwiro yasigiwe n'abakurambere. Dukomere ku migenzo yacu myiza, tuyisigasire, kuko ari yo ituranga nk'Abanyarwanda, ikadutandukanya n'abandi batari twebwe.

## A. Inyunguramagambo

1. **Sobanura aya magambo ukurikije umwandiko**
   a) **Gusigasirwa:** Gufata neza
   b) **Kwata:** Gutanga umurima ugahingwa n'undi by'agateganyo
   c) **Yarumbije:** Yateye imyaka ntiyera
   d) **Icyatamurima:** Amafaranga atangwa ku bwate bw'umurima
   e) **Gutwikurura:** Gupfundura
   f) **Gukura ubwatsi:** Gushimira uwakugabiye
   g) **Kumuvuna:** Kumutabara, kumufasha. Imvugo ngo "umvunnye amaguru" bivuga ngo "ungabanyirije urugendo nagombaga gukora ni ho ikomoka. Utabizi yakumva ko ari "ukuvuna amagufa y'amaguru".
   h) **Kubazimanira:** Kubaha icyo kurya n'icyo kunywa
   i) **Kumusembereza: Kumucumbikira mu gihe cy'agateganyo kandi gito**

**2. Simbuza ijambo riri mu dukubo iryo bisobanura kimwe**

a) Uwera yabonye umukecuru ahetse agafuka (**arakamwakira**).
⇒Arakamutwaza

b) Kuri ubu usanga abantu (**bakuranwa**) kugemurira abarwayi.
⇒Basimburanwa

c) Abakurambere (**badusigiye**) umuco mwiza.
⇒Baturaze

**3. Tanga imbusane z'aya magambo aciyeho umurongo**

a) **Gashugi yaguze <u>ikimasa</u> ku isoko. ⇒ Ikimasa # Inyana**
b) **Abamugaye <u>bafashwa</u> n'abaturanyi. ⇒ Bafashwa # Batereranwa**

**4. Koresha buri jambo ukore interuro ziboneye**
Kurumbya-Gukura ubwatsi-Kuzimana.

a) Kurumbya: Izuba ryinshi rirumbya imyaka.
b) Gukura ubwatsi: Databukwe yangabiye inka nzajya kumukurira ubwatsi.
c) Kuzimana: Muge mugira umuco mwiza wo kuzimanira abashyitsi.



CS CamScanner

**5. Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ari mu dukubo ushingiye ku nyito zo mu mwandiko**.

a) Ababyeyi bacu batwitaho nidukura (tuzabagirira neza).

⇒Tuzabagirira neza = Tuzabitura.

b) Genda ubwire Kabera ko ejo tuzaza (kumukurira ubwatsi).

⇒Kumukurira ubwatsi: Kumushimira.

c) Iyo (umuturanyi) wacu agize (agahinda) turamwihanganisha.

⇒Umuturanyi: Umuzimyamuriro

⇒Agahinda: ishavu.

d) Ngiye (gusuka) ariya mata mu gisabo.

⇒ *gusuka: Kubuganiza.*

**6. Tanga imbusane z'aya magambo akurikira**

Kweza ≠ Kurumbya

Gutabara ≠ Gutererana

Kunezerwa ≠ Kubabara

Gusohoka ≠ Kwinjira

Ubukene ≠ Ubukire

Inabi ≠ Ineza

Sogokuru ≠ Nyogokuru

Guseka ≠ Kurira

Benshi ≠ Bake

Muto ≠ Munini

**B. Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. Vuga itatu mu migenzo myiza twasigiwe n'abasogokuruza bacu?

   ⇒ Gufashanya mu byerekeye imyaka n'amatugno, gutabarana no kwakira abashyitsi.

2. Kera umuntu wabaga yarumbije bagenzi be bamukoreraga iki?

   ⇒Abejeje baramugurizaga nawe akazabishyura, akazamwitura kubundi buryo

3. Vuga ndangagaciro zarangaga ababyeyi.

   ⇒ Gufasha abatishoboye, gutabara abari mu kaga, kugemurira umurwayi, kwakira neza abashyitsi.

4. Ni iyihe nama wagira umuntu wumva muri we nta rukundo afitiye abandi?

   ⇒ Inama nagira umuntu wumva nta rukundo afitiye abandi ni ukumubwira ko niba abibye urwango na we azasarura urwango. Nyamara iyo ushaka ko abantu bagukunda nawe ugomba kubakunda.

5. Mu migenzo myiza ya kera harimo ishaje itakijyanye n'igihe tugezemo, hari iyo wowe waba uzi? Kuki ikwiye guhinduka cyangwa igacika?

⇒ Imigenzo ya kera ikwiye gucika:

- Imigenzo ikandamiza igitsinagore: kumubuza gufata ijambo mu ruhame, kumuheza ku mutungo no mu mirimo imwe n'imwe nk'iyo gutabarira igihugu, kurira inzu, …
- Imigenzo yatumaga abana bashorwa mu biyobyabwenge: gutekerera abakuru itabi.

6. Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye?

⇒Isomo uyu mwandiko unsigiye ni uko ngomba gusigasira umuco wacu twasigiwe n'abasogokuruza imyiza nkayikurikiza imibi nkayireka.

**C. Imyandikire y'Ikinyarwanda**

1. Shyira utwatuzo dukwiye muri izi nteruro zikurikira:

- Iyo nkuru yabereye he
- Mbega amasomo meza
- Tugomba kugirirana neza
- Yoo Uyu ni umugi ntangarugero pe

**Ibisubizo:**

⇒Iyo nkuru yabereye he?
⇒Mbega amasomo meza!
⇒Tugomba kugirirana neza.
⇒Yoo! Uyu ni umugi ntangarugero pe!

2. Utu twatuzo twitwa ngo iki? (?), (!) Dukoreshwa he?

**Ibisubizo:**

⇒ (?) Akabazo: Gasoza interuro ibaza.
⇒ (!) Agatangaro: Gasoza interuro itangara n'inyuma y'amarangamutima.



CamScanner

# 2 UMUTWE WA KABIRI: ITERAMBERE
(Umubare w'amasomo:24)

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

– Gusesengura imyandiko ku iterambere, imigani migufi, ibisakuzo n'ibyivugo by'amahomvu.
– Gukoresha neza utwatuzo tujya hagati mu nteruro.

## Umwandiko: Umurage w'abavandimwe batatu

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 37)

## Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

(Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 54 - 56 )

***Intego zihariye:***

Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
Gusobanura amagambo akomeye.
Gukoresha amagambo yungutse mu nteruro no gusubiza ibibazo ku mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### Ivumburamatsiko

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri ze kuvugaho.*

### Urugero rw'ikibazo n'ibisubizo:

**Murabona iki kuri iyi shusho?**

Kuri iyi shusho hariho urugo rurimo inzu isakaje amabati, hariho umusaza wicaye



CamScanner

ku ntebe ya Kinyarwanda imbere ye hicaye abana b'abasore babiri n'umukobwa.

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

**Ingero z'ibibazo**

**a) Umuryango uvugwa muri uyu mwandiko wari ugizwe na ba nde?**
⇒ Wari ugizwe n'umugabo ukuze hamwe n'abana be batatu.
**b) Muri uyu mwandiko umusaza uvugwamo yari afite ikihe kibazo?**
⇒ Haravugwamo inkuru y'umusaza wibazaga uko azabigenza ngo agire umwe mu bana be araga inzu imwe yari afite?
**c) Yabyitwayemo ate?**
⇒ Yigiriye inama yo kubagerageza abasaba kwiga imyuga uwumenye neza kurusha abandi akazaba ari we uyegukana.
**d) Abana bavugwa mu mwandiko bize iyihe myuga ?**
⇒ Umwe yize ubucuzi undi ubwogoshi undi aba umusirikare.

### 2.2. Gusoma baranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

### 2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*

*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda:**

**Kuraga:** Gusigira umutungo umwana wawe cyangwa se undi muntu mu gihe ugeze mu zabukuru cyangwa se ubonye ugiye gupfa
**Guhigira:** Kugambirira
**Imfura:** Umwana wa mbere



CamScanner

**Umucuzi:** Umuntu ukora umwuga wo gukora ibikoresho bitandukanye by'ibyuma ahereye ku gushongesha ubutare cyangwa gucanira ibindi byuma hanyuma akabikubitisha inyundo abiha imiterere yifuza.
**Ubuheta:** Umwana wa kabiri ukurikira imfura.
**Icyatwa:** Ikirangirire, icyamamare
**Bakamushikira:** Bakamuhururira
**Umugaba:** Umutware, umuyobozi
**Kumasha:** Kurasa intego barushanwa kuyihamya.
**Inyundo:** Igikoresho umucuzi akoresha mu gihe arimo gucura ahonda ibyuma, atera imisumari cyangwa ayikura.
**Bagihuzagurika:** Bakirindagira byabayobeye, babuze ikerekezo.
**Intobo:** Ni akabuto kera ku giti bita umutobotobo.
**Bagahusha:** Ntibahamye.
**Abaherwe:** Abakize cyane.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

*Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo ahubwo abafasha kugitahura bo ubwabo.*

**a) Tanga imbusane z'amagambo akurikira:**

- Imfura ≠ Bucura
- Umugabo ≠ Umugore
- Intwari ≠ Ikigwari
- Gupfa ≠ Kuvuka

**b) Uzurisha aya magambo mu nteruro zikurikira:**
*Umucuzi – Yahize –Inyundo –Guhusha*

- Umubaji wese yitwaza…………. yo gutera imisumari. ⇒ inyundo
- Abakinnyi benshi bakunda……………ibitego. ⇒ guhusha
- Uyu mwaka Gatete uyu mwaka …………. ko azaba uwa mbere. ⇒yahize
- …………. w'amasuka abona abaguzi benshi. ⇒ Umucuzi

**c) Koresha aya magambo mu nteruro zawe bwite: Imfura, guhuzagurika, abaherwe.**

⇒Imfura: Umwana wacu w'imfura ari mu mashuri makuru.
⇒Guhuzagurika: Nahuzaguritse kuko nibagiwe inzira mwarimu yakoresheje kugira ngo agere ku gisubizo.
⇒Abaherwe: Mu baherwe bo ku isi harimo Bili Geyiti wahimbye mudasobwa.

## Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora: gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### 1. Isubiramo

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

### 2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

### 3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizodiko

**a) Muri uyu mwandiko haravugwamo ba nde**?

⇒Haravugwamo abahungu babiri n'umukobwa umwe, se na nyina w'abo bana.

**b) Ni iyihe nama umugabo uvugwa mu mwandiko yigiriye kugira ngo agerageze abana be?**

⇒ Yigiriye inama yo kubahamagara abasaba ko bagenda bakajya kwirwanaho, buri wese akiga umwuga we, bazagaruka, uzaba yararushije abandi kumenya neza umwuga we akaba ariwe uzaragwa iyo nzu.

**c) Ni iki cyatumye buri mwana akorana umwete umwuga we? Ese iyo myuga ni iyihe?**

⇒ Nuko yifuzaga kuzaragwa inzu ya se.



CamScanner

**d) Muri bariya bana uko ari batatu hari uwize umwuga mwiza kurusha abandi? Sobanura igisubizo cyawe.**

⇒ Ntawe kuberako buri mwana yerekanye ubuhanga bwe butangaje mu mwuga we byabaye ngombwa ko bayiragwa bombi 5. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko.

⇒ Muri uyu mwandiko nkuyemo ko ngomba gushaka uko nakwiteganyiriza nkibeshaho ndetse nkazabeshaho n'umuryango wange ntarambirije ku murage w'abo nkomokaho.

## Umwitozo

**Tekereza maze utange igitekerezo**

Ugitangira kumva iyi nkuru wumvaga ko hari umwana wahisemo umwuga uciriritse ndetse n'uwahisemo umwuga uzamuhesha ishema kurusha abandi. Ku bwawe ni uwuhe wari wabonye umwuga mwiza, n'uwari wabonye utazamuhesha ishema. Ese mu mpera y'umwandiko ni ko byagenze? Ubihereyeho se wavuga ko umwuga ugirwa mwiza n'iki? Ni iyihe nyigisho uhakuye ku bijyanye no guhitamo umwuga uzakora umaze gukura n'uburyo uzawukora?

## Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusoma mu ijwi riranguruye, badategwa, bubahiria utwatuzo n'iyitsa.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**Intera ya kane: Gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gusesengura umwandiko no kugaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo:**

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

**2. Gusoma umwandiko**

*Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.*
*Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda, barasubbiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo :**

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**
⇒ "Ugushishikariza abana gushaka uko bazibeshaho batarambirije ku murage w'ababyeyi babo."

**b) Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko:**

- Ikifuzo cyo kuragwa inzu y'umuryango
- Inama nziza zo gushaka uko bakwirwanaho
- Imirimo inyuranye abo bana bakoraga
- Ishyaka n'ubutwari buri mwana yerekanye mu murimo we
- Ukuragwa inzu uko ari batatu no gukomeza kubana neza na se amaze gupfa

## Umwitozo

**Icyandikwa:**

*Umwarimu asomera abanyeshuri igika gikurikira na bo bacyandika bubahiriza utwatuzo.*

Nuko ba bavandimwe uko ari batatu baragororerwa. Se na we arabashima. Kubera ko buri mwana yari yerekanye ubuhanga bwe butangaje mu mwuga we, ya nzu bayiragwa uko ari batatu, iba umutungo wabo bafatanyije.

## Umwandiko: Ubwikorezi no gutwara abantu

### Intera ya mbere: Gusoma no Gusobanura umwandiko

Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 59 - 60

***Intego zihariye:***

Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
Gusobanura amagambo akomeye, kuyakoresha mu nteruro no gusubiza ibibazo ku mwandiko.
Gusobanura bimwe mu bigize iterambere bigaragara mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:**

Imyandiko ivuga ku gutwara abantu n'ibintu, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

### 1. Ivumburamatsiko

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezahobanatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

***Urugero rw'ikibazo n'igisubizo***

**Murabona iki kuri iyi shusho?**
Kuri iyi shusho hariho amamodoka menshi ya kwasiteri, n'amatagisi matoya ku rundi ruhande, ubwato n'abantu.

### 2. Gusoma

### *2.1. Gusoma bucece*

*Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

***Ingero z'ibibazo n'ibisubizo***

**a) Muri uyu mwandiko ni ibiki bikenerwa mu mibereho y'abantu biri kuvugwamo?**
⇒Abantu bakenera kugenda no gutwara ibintu.

**b) Ni izihe nzira zinyuranye zikoreshwa mu kugenda kw'abantu?**
⇒Harimo inzira zo ku butaka, mu mazi ndetse no mu kirere.

**c) Vuga ibintu bitatu umuntu yifashisha mu kugenda.**
⇒ Umuntu ashobora kugenda n'amaguru, imodoka cyangwa igare.

## 2.2. Gusoma baranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

## 2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*

*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

***Urugero rw'ibyava mu matsinda:***

**Imigenderano:** Imihanda mito ihuza agasozi n'akandi cyangwa se urugo n'urundi
**Amarayirayi:** Imihanda migari inyurwamo n'ibinyabiziga binini bifite ubushobozi bwo gutwara abantu n'ibintu
**Ibyogajuru:** Ibyuma kabuhariwe byoherezwa mu kirere mu rwego rwo gutara amakuru
**Imizigo:** Imitwaro
**Gutsura umubano:** Kongera umubano

## Imyitozo y'inyunguramagambo

*Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.*

**a) Koresha aya magambo mu nteruro yawe bwite.**
Ibyogajuru –Imizigo –Itumanaho
**Ibyogajuru:** Ibyogajuru tubisanga mu bihugu byateye imbere mu nzira y'amajyambere.
**Imizigo:** Mpambirira imizigo mike.
**Itumanaho:** Navuganye na musaza wange uri mu mahanga kubera itumanaho.

**c) Tanga imbusane z'aya magambo aciyeho akarongo**
Inzira ziciye **munsi** y'ubutaka zigendwamo n'ibimodoka **byihuta cyane** ⇒Inzira ziciye **hejuru** y'ubutaka zigendwamo n'ibimodoka **bigenda buhoro**

**d) Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo:**
gariyamoshi –Ubwato –gutsura umubano
⇒Igihugu cyacu gihora kifuza **gutsura umubano** n'andi mahanga.
⇒**Ubwato** bufite moteri burihuta cyane buri mu Nyanja.



CamScanner

⇒Nzajya kureba **<u>Gariyamoshi</u>** mu mahanga.

**d) Ibisubizo by'ikinyatuzu**

Moto
Ubwato
Amaguru
Ubutaka
Igare
Isuri
Imodoka
Indege
Amazi

## Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

*Intego zihariye:*

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora:
Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwnandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

### *Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:*

**a) Vuga inzira eshatu abantu banyuramo batwara abantu n'ibintu.**



CamScanner

⇒Inzira y'ubutaka, mu mazi ndetse no mu kirere.

**b) Ni ibiki dusanga ahandi utabona mu Gihugu cyacu mu koroshya ubuhahirane n'imibanire?**

⇒Ni inzira ziciye munsi y'ubutaka na Gariyamoshi.

**c) Ni ubuhe buryo bukoreshwa mu bwikorezi bw'abantu n'ibintu bwihuta kurusha ubundi?**

⇒Ni ibyogajuru.

**d) Kuki itumanaho ari ngombwa mu bwikorezi bw'abantu n'ibintu?**

⇒Itumanaho ryoroshya ubusabane n'ihahirana.

**e) Ni iyihe mpamvu mu bwikorezi bw'ibintu n'abantu abenshi bahitamo uburyo bugezweho?**

⇒Bufasha kwihuta bakagera iyo bashaka kujya mu gihe gito, bikoroshya ubucuruzi n'imibanire

## Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusoma mu ijwi rirangururye, badategwa, bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**Intera ya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gusesengura umwandiko no kugaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**

⇒ "Uburyo butandukanye bukoreshwa mu bwikorezi."

**b) Garagaza ingingo zingenzi zivugwa muri uyu mwandiko**

⇒**Ingingo z'ingenzi:**

- Inzira z'ubuhahirane no kugendererana.
- Uburyo butandukanye bwo koroshya urugendo.
- Itumanaho mu koroshya ubusabane n'ihahirana.
- Akamaro k'uburyo bunyuranye kandi bugezweho bujyanye n'ubwikorezi bw'abantu n'ibintu.

**Umwitozo wo kungurana ibitekerezo**

Mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ikurikira:

Igihugu cyacu kiri kure y'inyanja ku buryo tudashobora gukoresha amato. Mutekereza ko bitugiraho izihe ngaruka?

⇒Ibicuruzwa bitugeraho bitinze bigoranye kandi bihenze.

⇒Imigenderanire n'ubuhahirane n'ibindi bihugu biragora.

⇒Urwego rw'ubukerarugendo ruradindira.

## Umwandiko: Itumanaho

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 64 - 65

**Intego zihariye:**

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora:
Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa;
Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha amagambo yungutse mu nteruro ziboneye yihimbiye

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

### *Urugero rw'Ikibazo n'igisubizo*

**Murabona iki kuri iyi shusho?**

⇒Kuri iyi shusho hariho abantu bane   umwana umwe w'umuhungu urimo gusoma ikinyamakuru umugabo arimo kuvugira kuri terefoni, umugore arimo gukorera kuri mudasobwa, naho umukobwa arimo gushyira ibaruwa mu iposita.

**2. Gusoma**

**2.1. Gusoma bucece**

*Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Muri uyu mwandiko harimo kuvugwamo iki?**

⇒Harimo kuvugwamo itumanaho icyo aricyo ni akamaro karyo.

**b) Ni ubuhe buryo bukoreshwa mu itumanaho?**

⇒Harimo kuba umuntu yakwandikira mugenzi we ibaruwa akayohereza, hari ugukoresha ibinyamakuru cyangwa gukoresha ikoranabuhanga.

**c) Ni ubuhe buryo bukunze gukoreshwa cyane bugera kubantu benshi?**



CamScanner

⇒ Ni radiyo na televiziyo.

**2.2. Gusoma baranguruye**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*
*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

***Urugero rw'ibyava mu matsinda***

**Iposita:** Ni sosiyete abantu bifashisha mu gihe bifuza kohereza ubutumwa bwanditse cyangwa se bahana impano z'ibintu, amafaranga,…
**Kampuni:** Ni amasosiyete yunganira amaposita atwara ibintu n'abantu
**Ikantarange:** Kure cyane
**Gushyira nzira:** Kugenda
**Umurishyo:** Ni uduti babaza bakadukoresha mu gihe bavuza ingoma

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

*Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.*

**a) Koresha aya magambo mu nteruro ngufi Iposita-Tereviziyo-Umurishyo**
**Iposita:**
⇒ Njyanira iyo baruwa ku iposita i Kigali
**Tereviziyo:**
⇒ Nabonye ingagi bazerekana kuri tereviziyo
**Umurishyo:**
⇒ Fata uwo murishyo ukubite ingoma saa yine zirageze.

**b) Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo:**
itumanaho –inyemezabuguzi –gushyira nzira –ikantarange
Navuye guhaha bambaza……..y'amafaranga nishyuye. ⇒ Inyemezabuguzi
Kera Abanyarwanda bagombaga…….bakajyana ubutumwa ahandi. ⇒ Gushyira nzira
Ibikoresho by'………..bidufasha mu gutanga serivisi zihuse. ⇒ Itumanaho
Itangazo ryange ryageze…………..kuko ryanyuze kuri radiyo. ⇒ Ikantarange



CamScanner

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora:
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:***

**a) Ni akahe kamaro k'itumanaho?**

⇒ Itumanaho rituma abantu bahana amakuru mu buryo bwihuse igihe icyo ari cyo cyose n'aho uri hose. Kandi rituma abantu bamenya ibyabereye hirya no hino ku isi.

**b) Ni ubuhe buryo bukoreshwa mu Rwanda mu itumanaho?**

⇒ Gutumaho mugenzi wawe undi muntu mu magambo.

⇒ Kumwandikira ibaruwa ukayinyuza ku iposita cyangwa ku bigo bitwara ubutumwa.

⇒ Kubinyuza mu gitangazamakuru cyandika cyangwa gikoresha amajwi n'amashusho nka radiyo na tereviziyo.

⇒ Mu ikoranabuhanga hari ubundi buro wakoresha mu itumanaho nko gukoresha terefoni cyangwa murandasi.

**c) Ni zihe serivisi ushobora kwaka cyangwa guhabwa ukoresheje itumanaho rikoresha ikoranabuhanga?**

⇒ Kohererezanya amafaranga

⇒ Kwishyura inyemezabuguzi

⇒ Kugura umuriro w'amashanyarazi
⇒ Kohererezanya amakuru
⇒ Gutabaza inzego zishinzwe umutekano,....

**d) Ni ubuhe buryo bukunze gukoreshwa mu itumanaho mu gace mutuyemo?**
⇒ Mu gace dutuyemo dukunze gukoresha terefoni.

**Intera ya kane: Gusoma no gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***
Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusesengura umwandiko atahura ingingo z'ingenzi ziwugize.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye.*

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda, barasubbiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*

## *Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:*

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**
⇒ "Uburyo bunyuranye bukoreshwa mu itumanaho n'akamaro kabwo."

**b) Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.**

**Ingingo z'ingenzi**:

- Ibisobanuro by'itumanaho.
- Ibyiza by'itumanaho.
- Uburyo bukoreshwa mu itumanaho.
- Imiterere y'itumanaho mu iterambere ry'igihugu.
- Akamaro k'uburyo bunyuranye dukoresha mu itumanaho.

**Umwitozo**

*Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda abasabe kungurana ibitekerezo ku kibazo gikurikira:*

**Ubona itumanaho ryihuse kandi rigera ku bantu benshi icyarimwe rizana ibyiza gusa nta ngorane ryateza cyangwa ibibazo by'umutekano muke?**



CamScanner

⇒Akamaro k'itumanaho rituma ubutumwa bw'abantu bwihuta bukagera iyo bashaka ko bujya mu gihe gito kandi bikoroshya ubucuruzi n'imibanire. Iyo dukoresheje ibikoresho by'ikoranabuhanga urugero nka tereviziyo, radiyo bidufasha kumenya amakuru yabereye ahandi tutavuye aho turi, nka tereviziyo yo ibivugwa babihuza n'amashusho tukarushaho gusobanukira cyangwa se tukogeza umupira nk'aho turi mu kibuga, ikoranabuhanga mu itumanaho kandi rishobora gukoreshwa nabi bikaba byateza umutekano muke twavuga nk'ibitekerezo binyura ku mbuga nkoranyambaga.

## Umwandiko: Igihembo cya Tuyishimire

**Intera yambere: Gusoma no gusobanura umwandiko**
Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 68 - 69

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, umunyeshuri araba ashobora:
- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa,
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko, no gukoresha amagambo yungutse mu nteruro ziboneye yihimbiye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri ze kuvugaho.

***Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:***

**Murabona iki kuri iyi shusho?**
Kuri iyi shusho hariho amazu meza y'ubwoko bwinshi atandukanye hariho ni umwana w'umuhungu uri kumwe n'umubyeyi ukuze.

**2. Gusoma**

**2.1. Gusoma bucece**

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.

### *Ingero z'ibibazo*

**a) Muri uyu mwandiko harimo kuvugwamo iki?**
⇒Harimo kuvugwamo umwana witwa Tuyishimire watsinze neza mu ishuri nyina wabo akamuhemba kumutembereza.

**b) Atembereye babonye ibiki?**
⇒ Yabonye imisozi n'ibibaye bigize urwanda abona n'amazu meza atandukanye.

**c) Ni uwuhe mugambi yatahanye?**
⇒Yatahanye umugambi wo kujya yigana umwete akazitsinda neza kaminuza ku buryo na we kera aziyubakira inzu nkiriya.

### 2.2. Gusoma baranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

### 2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*
*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

### *Urugero rw'ibyava mu matsinda*

**Umurwa:** Umujyi uri mu gihugu rwagati
**Imiturirwa:** Amagorofa, amazu maremare agerekeranye
**Imana ikinga ukuboko:** Imana ikumira ingorane
**Ingazi:** Urwego
**Igorofa:** Inzu ndende
**Urwererene:** Umweru ukeye cyane
**Urwogero:** Aho bogera
**Umwete:** Umurava

### Imyitozo y'inyunguramagambo

*Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.*

**a) Uzurisha interuro zikurikira amagambo akwiye avuye mu mwandiko:**
Kigali ni………mukuru w'u Rwanda. ⇒Umurwa
Tuyishimire yatangajwe n'amazu maremare cyane bita……… ⇒Amagorofa
Buri munyeshuri agomba kwigana…………..kugira ngo azatsinde neza. ⇒Umwete

**b) Kora interuro ziboneye ukoresheje amagambo akurikira: Ingazi, urwererane, ubwogero, umwete.**

⇒**Ingazi**: Abafundi bagendera ku ngazi iyo bagiye gusakara inzu.
⇒**Urwererane**: Abaherwe bubaka amazu y'urwererane.
⇒**Ubwogero:** Gusukura mu bwogero ni byiza kugira ngo amazi atatunyereza.
⇒**Umwete**: Mwigane umwete muzatsinde neza.

**c) Tanga imbusane z'amagambo aciyeho umurongo:**

- Mu <u>kwinjiramo</u> <u>twazamukiye</u> ku ngazi. ⇒Kwinjiramo ≠ gusohokamo
⇒Twazamukiye ≠Twamanukiye
- Mu <u>mugi</u> nabonye umuhanda uri <u>hejuru</u> y'undi ngira <u>ibyishimo</u>.
⇒mu mugi ≠ mu giturage
⇒Hejuru ≠ hasi
⇒ Ibyishimo ≠ umubabaro

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

**Intego zihariye:**

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora: Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.
Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:***

**a) Tuyishimire atuye mu wuhe mudugudu?**
⇒Umudugudu wa Gasharu.

**b) Ni iyihe mpamvu yatumye bamutembereza mu murwa mukuru w'u Rwanda?**
⇒Yari yabaye uwa mbere mu gihugu mu kizamini cya Leta gisoza amashuri abanza.

**c) Tuyishimire yafashe urugendo ari kumwe na nde?**
⇒Yari kumwe na nyina wabo.

**d) Ni ibiki yabonye mu nzira aho banyuze bitatse u Rwanda?**
⇒Imisozi myiza n'ibibaya.

**e) Bamaze kugera mu mugi rwagati ahakorerwa ubucuruzi yahabonye iki?**
⇒Yahabonye amazu maremare cyane bita amagorofa.

**f) Kugira ngo ugere mu igorofa wifuza, ubigenza ute?**
⇒Ukanda ku rukuta ahantu hari imibare ugahitamo umubare w'igorofa ushaka kujyamo icyo cyuma kigahita kikujyanayo mu kanya nk'ako guhumbya.

**g) Basohotse mu mugi rwagati bahise bajya gusura nde? Basanze inyubako yaho imeze ite?**



CamScanner

⇒Bagiye gusura nyina wabo. Inyubako zaho zari amazu y'urwererane yubatse aringaniye ku murongo kandi akikijwe n'imihanda.

**h) Ni iki cyatumye Tuyishimire afata ikemezo cy'uko agiye kwigana umwete akazarangiza kaminuza ari uwa mbere?**

⇒Ni ukugira ngo azabone akazi keza aziyubakire inzu nziza nk'izo yabonye i Kigali.

**Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusesengura umwandiko atahura ingingo z'ingenzi ziwugize.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye.*

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda, barasubbiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*

***Urugero rw'bibazo n'ibisubizo:***

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**

⇒ "Kwiga tugatsinda bishimisha ababyeyi kandi byatugeza kuri byinshi byiza."

**b) Ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.**

⇒Ingingo z'ingenzi

- Ugutsinda bishimishije.
- Igihembo cyo gutemberezwa mu murwa mukuru w'u Rwanda.
- Iterambere mu myubakire mu Mujyi wa Kigali no mu nkengero zawo.
- Urugendo kwa nyina wabo utuye mu nkengero z'umugi.
- Ishyaka ryo kwihata mu ishuri.

**Umwitozo**

**Subiza ikibazo gikurikira:**

**Umaze gusoma uyu mwandiko wumva watura ahantu hameze gute?**

⇒Abanyeshuri basubiza ibisubizo bitandukanye bitewe n'aho bifuza gutura.



CamScanner

**Umwandiko: Twite ku buziranenge bw'ibyo duhaha.**

**Intera ya mbere: Kumva no Gusobanura umwandiko**

Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 72

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha amagambo yungutse mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere no ku buziranenge, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri ze kuvugaho.*

***Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:***

**Murabona iki kuri iyi shusho?**
⇒ Kuri iyi shusho hariho abagabo, abagore, abasore, inkumi n'abana bahagaze ahantu barimo kuhabagira inka.

**2. Gusoma**

**2.1. Gusoma bucece**

Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.

***Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:***

**a) Muri uyu mwandiko harimo kuvugwamo iki?**
⇒ Harimo kuvugwamo umugabo wabaze inka yiwe abayiriyeho bamwe bagapfa harimo n'umwana we

**b) Abaturage bamaze gufatwa n'uburwayi bakoze iki?**
⇒ Bagiye kureba uyu mugabo wari wabaze inka ngo abajyane kwa muganga

**2.2. Gusoma baranguruye**

Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.



CamScanner

**2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.**

Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.

Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.

***Urugero rw'ibyava mu matsinda***

**Icyogo:** Aho bahanagurira inka
**Yamuhumanyirije:** Yamurogeye
**Inzitane:** Insobe
**Imbaga:** Abantu benshi
**Magendu:** Ubuvuzi butujuje ubuziranenge
**Kuyisonga:** Kuyica itaravamo umwuka
**Kurira inyama gutukura:** Gukurikira akaryoshye
**Ubuziranenge:** Ukuba nta makemwa, nta nenge cyangwa umwanda ikintu gifite.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.

**a) Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira:**
Imbaga –ubuziranenge –inzitane –magendu
- Mu ishyamba rya Nyungwe haba ibihuru by'...........⇒ Inzitane
- .........nyamwinshi yitabiriye ibyo birori. ⇒Imbaga
- Muze twese duhaguruke twamagane ubuvuzi bwa.................⇒Magendu
- Tugomba kurya ibiribwa byujuje ................. ⇒ Ubuziranenge

**b) Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye**
Iminsi, Guhumanya, Gusonga
**Iminsi :**
Hashize iminsi myinshi ntajya gusura nyogokuru **Guhumanya :**
Muge mugirira isuku y'ibikoresho byo mu gikoni mwirinde guhumana.
**Gusonga :**
Inka yiwe yapfuye none umuturanyi wiwe yaje kumusonga amwaka iyo yari yaramuhaye.

**c) Simbuza ijambo riciyeho umurongo imbusane yaryo.**
<u>Bwarakeye</u> Murindahabi <u>ajya</u> kwa Ruhira.
⇒ Bwarakeye ≠Bwije
⇒Ajya ≠ Ava
Nabonye abantu benshi <u>binjira</u> mu ibagiro.
⇒binjira ≠ basohoka
Ibintu byose <u>tugura</u> bigomba kuba byujuje ubuziranenge.



CamScanner

⇒Tugura ≠ ducuruza

d) Simbuza ijambo riciyeho akarongo iryo bisobanura kimwe

- Ruhira yamaze iminsi ibiri yose amerewe nabi.

⇒ amerewe = abayeho

- Madina yararwaye nyuma aza kwitaba Imana.

⇒kwitaba Imana = gupfa

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora: Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:***

**a) Umugabo Ruhira uvugwa mu mwandiko yari atuye mu wuhe mudugudu?**

Yari atuye mu mudugudu wa Cyarugira.

**b) Ni iyihe mpamvu Ruhira yagiye kureba muganga w'amatungo? Ese yaramubonye? Nyuma yaho yakoze iki?**

⇒Inka ye yatangiye guhindura ubwoya.

⇒Ntabwo yamubonye.

⇒Yabitekerereje umukozi bahuye wakoraga mu cyogo amubwira ko yayimuvurira

**c) Ni ukubera iki umuti Murindahabi yateye inka utagize icyo uyimarira?**

⇒Ni uko utari wujuje ubuziranenge.

**d) Ruhira abonye ko inka ye ikomeje kumererwa nabi ni uwuhe mwanzuro yafashe?**
⇒Yafashe umwanzuro wo kuyibaga.

**e) Ni izihe ngaruka abantu bariye kuri izo nyama bagize?**
⇒Batangiye kurwara, bagafatwa bahitwa kandi bakazungera bakitura hasi.

**f) Abantu barwaye cyane ni abariye inyama zimeze gute?**
⇒Ni abariye inyama zokeje.

**g) Ni izihe ngaruka Ruhira n'umuryango we bagize kubera izo nyama bariye?**
⇒Bapfushije umwana w'umukobwa witwa Nadine.

**h) Mu mwandiko baratubwirako ari nde muntu wemerewe kuvura amatungo yarwaye?**
⇒Ni umuganga w'amatungo wabyigiye bita « veterineri. »

**i) Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**
⇒Isomo nkuyemo nuko ibintu byose biribwa cyangwa ibikoresho byose ukoresha bigomba kuba bifite ubuziranengekugira ngo bidahumanya cyangwa bikangiza ababikoresha.

**Intera ya gatatu: Gusoma no Gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***
Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusesengura umwandiko atahura ingingo z'ingenzi ziwugize.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku iterambere no ku buziranenge, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo:**

Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.

**2. Gusoma umwandiko**

Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.
Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda, baratahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*



CamScanner

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:*

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**
⇒ "Ingaruka zo gukoresha ibintu bitujuje ubuziranenge".

**b)Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.**

**⇒Ingingo z'ingenzi:**

- Uburwayi bw'inka no kuyishakira umuti.
- Ukuremba no gufata ikemezo cyo kuyibaga.
- Ingaruka ku bantu bariye inyama zitujuje ubuziranenge.
- Ubushishozi bw'ibyo duhaha no kwirinda ubuvuzi bwa magendu.
- Uko twakumira ibyatwangiriza ubuzima.

## Umwitozo

Abanyeshuri bari mu matsinda, bungurana ibitekerezo ku kibazo gikurikira:

**Iyo bavuze kwita ku buziranenge bw'ibyo muhaha mwumva iki?**
⇒Iyo bavuze kwita ku buziranenge bw'ibyo duhaha twumva ko tugomba guhaha ibintu twabanje gushishoza niba bitararengeje igihe ngombwa cyo kuba bifite ubwo buziranenge. Haba mu biribwa cyangwa ibikoresho byose dukenera tugomba kureba ko bifite isuku kugirango bitaduhumanya cyangwa bikangiza ababikoresha

## Intera ya kane: Ibisakuzo

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora:
- Gusobanura inshoza y'ibisakuzo
- Gutahura uturango tw'ibisakuzo
- Gusakuza abandi no kwica ibisakuzo bitandukanye.

**Imfashanyigisho:** Ibitabo biromo ibisakuzo bitandukanye, amashusho ajyanye no gusakuza, imfashanyigisho z'iyumvabona zumvikanamo abanyu bari gusakuzanya hagati yabo.

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu araha abanyeshuri interuro nyuma ababazeho ibibazo bibafasha kuvumbura inshoza n'uturango tw'ibisakuzo

***Urugero rw'interuro***

Sakwe Sakwe...!
Soma!
a) Abana b'umwami bicaye ku ntebe imwe.
**Intoki**

b) Nshinze umwe ndasakara. **Kimpe!**
**Ngicyo**
c) Tuvuyemo umwe ntitwarya.
**Ishyiga**

**Ibibazo:**
- Izi nteruro zimeze gute?
- Zibanjirijwe n'ayahe magambo?
- Izo nteruro bazita iki?

***Urugero rw'ibisubizo:***

Izi nteruro zimeze nk'umukino w'amagambo ukinwa n'abantu babiri. Uwa mbere atangira agira ati: "Sakwe Sakwe!" Undi akamusubiza agira ati: "Soma!" uwa mbere agahita amubaza ikibazo agategereza gato agahita amusubiza, cyamunanira uwamubajije ikibazo akamubwira ngo "kimpe" undi ati: "Ngicyo!" uwo mukino uteye utya ni wo bita **ibisakuzo.**

**2. Inshoza y'ibisakuzo**

Ibisakuzo ni umukino wo mu magambo, ugendanye n'ibibazo n'ibisubizo byabyo, bihimbaza abakuru n'abato, kandi birimo ubuhanga kuko byigisha gutekereza. Ibisakuzo ni umukino uryohera amatwi nk'uko umupira w'amaguru uryohera ijisho!

**3. Uturango tw'ibisakuzo**

- Interuro zigize ibisakuzo zirangwa n'igereranya rishingiye ku miterere n'imimerere y'ibintu.
- Buri gihe abasakuza aba ari babiri, umwe agatangira agira ati: "Sakwe! Sakwe!" Undi akamusubiza ati: "Soma!" uwa mbere ahita aha uwakabiri igisakuzo, yagishobora akagisubiza cyamunanira, uwamubajije akamubwira ati: "kimpe" undi akakimusubiza agira ati: "Ngicyo!" Nyiri ukukibaza agahita agisubiza. Ni byo bita "Kukica".

**Ingero z'ibisakuzo n'ibisubizo**

| | **Sakwe Sakwe!** | **Soma** |
|---|---|---|
| - | Mugongo mugari mpekera abana | Urutara |
| - | Turaye ubusa inkwi zumye | Amahembe y'inka |
| - | Mama arusha nyoko kwambarira abakwe | Ikigori |
| - | Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo | Ukwezi |
| - | Ngesa bumera | Umusatsi |
| - | Ndara ngenda nkiririwa ngenda | Umugezi |
| - | Karabatsembye karabamaze | Sida |
| - | Mpinze mu gahinga nsarura mu gipfunsi | Umusatsi |
| - | Zenguruka duhure | Umukandara |

- Ijisho ryange rimurika hose — Izuba
- Nteye agapira kagera i Roma — Ibaruwa
- Bihogo bya Birahinda ntitanga iratiza — Imana
- Abakobwa bange babyina bose — Imirya y'inanga
- Rutuku mu gitebo — Umuzungu mu modoka
- Hepfo aha hanyuze impehe — Inzuki zitagira urwiru
- Nagutera icyambuka uruzi kitagira amaguru — Ijwi
- Fata akebo mfate akandi tuge gutara intagwira — Ubwoya bw'inka
- Inyumba isakaje ibyuma — Ikinyogote
- Ihirike naraguharuriye — Imodoka
- Ko undora ndaguha? — Imyenge y'inzu

## Imyitozo

a) Tanga ingero z'ibisakuzo bitatu uzi maze unabisobanure.

b) Ica ibi bisakuzo bikurikira:

Sakwe Sakwe! — Soma

– Abakobwa bange babyina bose. — Imirya y'inanga
– Muzane akuho mbahe agakoma. — Ugutwi kw'imbeba
– Nkubise urushyi rurumira. — Ibara ry'inka
– Amasaka y'iwacu atukura ateze. — Amaguru y'inkware
– Nyiramakangaza ngo mutahe. — Imbeho ku rugi

c) Uzuza ibi bisakuzo

| Sakwe!Sakwe! | Soma |
|---|---|
| Zenguruka duhure | Umukandara |
| Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo. | Ukwezi |
| Rutuku mu gitebo | Umuzungu mu modoka |

d) Fora ndi nde?

– Nta maguru ngira ariko mpora ngendana na databuja aho agiye hose, kandi ushobora kuntuma mu isi yose nkanyaruka nkagutumikira. Ndi nde?
⇒Terefoni igendanwa.

– Nta maguru ngira ariko ndagenda nkazenguruka ibihugu byinshi. Ndi nde?
⇒Umugezi

– Iyo imvura iguye nge ndeguka nkayihagararamo, yahita nkikunjakunja. Ndi nde?
⇒Umutaka.

## Umukoro

Himba "fora ndi nde?" cyangwa igisakuzo maze ibyo wahimbye ubigeze ku bandi bumve niba bifite ireme.

Umwarimu arasaba buri munyeshuri guhanga "fora ndi nde?" cyangwa igisakuzo ke maze asabe buri wese kugeza ku bandi ibyo yahimbye.

## Intera ya gatanu: Imigani migufi

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora:
- Gusobanura inshoza y'imigani migufi
- Gutahura uturango tw'imigani migufi

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ikoreshwamo imigani y'imigenurano itandukanye, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona.

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu araha abanyeshuri interuro nyuma ababazeho ibibazo bibafasha kuvumbura inshoza n'uturango tw'ibisakuzo

***Urugero rw'interuro:***

a) Abagiye inama Imana irabasanga.
b) Imirimo ibiri yananiye impyisi.
c) Akarenze umunwa karushya ihamagara.
d) Igiti kigororwa kikiri gito.

**Ikibazo:** Izi nteruro ziteye zite?
Izi nteruro ni ngufi kandi ziravugira mu marenga, zishaka kwigisha no gukosora abantu zihereye ku byabaye ku bandi bantu kubera imyitwarire yabo akenshi idahwitse. Ikoreshwa hagati y'abene rurimi basangiye umuco nyarwanda kandi bawumva kimwe.

### 2. Inshoza y'imigani migufi

Imigani migufi cyangwa imigani y'imigenurano ni interuro ngufi zivugira mu marenga zishaka kwigisha no gukosora abantu zihereye ku byabaye ku bandi bantu kubera imyitwarire yabo akenshi idahwitse.Ikoreshwa hagati y'abene rurimi basangiye umuco nyarwanda kandi bawumva kimwe.

### 3. Uturango tw'imigani migufi

– Imigani migufi cyangwa imigani y'imigenurano ni imwe mu ngeri y'ubuvanganzo ikoresha imvugo y'amarenga aho babwiriramo umuntu bitewe n'imico cyangwa imyitwarire bamubonyeho, yaba myiza cyangwa mibi.
– Ni imigani iba igamije kwigisha no gukosora umuntu binyuze mu mvugo igenura, ariko igakoreshwa hagati y'abenerurimi, basangiye umuco nyarwanda kandi bawumva kimwe.



CamScanner

– Mu miterere yayo, imigani migufi ikoreshwa mu buzima bwacu bwa buri munsi, hafatiwe ku nsanganyamatsiko zitandukanye. Muri zo twavuga, ubutwari, ubupfura, ubugwari, inda nini, ineza, ubugome, ubukire, ubukene, ubujiji,...

### *Ingero z'imigani migufi n'ibisobanuro:*

– Inda nini yishe ukuze: Ubusambo ni bubi.
– Ikinyoni kigurutse kitavuze bakita igishwi:
– Umuntu utazi kwivuganira usanga iteka bamusubiza hasi kabone n'aho yaba akora neza kurusha abandi
– Igiti kiswe umwana ntigicanwa:
Kirazira kugirira umwana nabi
– Ingwe ntiyari izi gufata ku ijosi yarabwirijwe
Umuntu yigishwa imico mibi n'abandi

**Indi migani migufi**

Imigani migufi ifatiye ku burere
Uburere buruta ubuvuke.
Umwana apfa mu iterura.
Imigani migufi ifatiye ku bukene
Aho umutindi yanitse ntiriva .
Iyo isari yasumbye iseseme, umugabo asubira ku cyo yanze.
Imigani migufi ifatiye ku bupfura
Ubupfura buba mu nda.
Amarira y'umugabo atemba ajya mu nda.
Imigani migufi ifatiye ku ineza
Ineza yiturwa indi.
Akebo kajya iwa Mugarura.
Imigani migufi ifatiye ku nda nini
Inda nini yishe ukuze
Uyikura mu kibindi ikagukura mu bagabo
Imigani migufi ifatiye ku buhemu
Uvura umutindi ijisho bwacya akarigukanurira.
Mpemuke ndamuke yagambaniye uwamuhaye inka.
Imigani migufi ifatiye ku butwari
Akagabo gahimba akandi kataraza.
Uguhiga ubutwari muratabarana.

## Imyitozo

a) Uzuza iyi migani migufi
Akarenze umunwa...................... ⇒karushya ihamagara
Igiti kiswe umwana........................... ⇒ntigicanwa

b) Tanga ingero z'imigani migufi uzi
Abanyeshuri batanga imigani itandukanye bazi, umwarimu akayandika ku kibaho.

## Intera ya gatandatu: Ibyivugo by'amahomvu

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora:
- Gusobanura inshoza y'ibyivugo by'amahomvu.
- Gutahura uturango tw'ibyivugo by'amahomvu.
- Guhanga no kwivuga ikivugo cy'amahomvu.

Imfashanyigisho: Ibitabo birimo ibyivugo by'amahomvu, amashusho ajyanye no kwivuga, imfashanyigisho z'iyumvabona.

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu arasaba abanyeshuri kwitegereza interuro zikurikira no gusubiza ibibazo bizikurikiye.

a) Ndi umugabo ku rugara rw'inkono ku rugamba rw'abagabo ndi igishwi.
b) Ndi Nyamugenda mu b'imbere, singenda mu b'inyuma, ninge Nyambo yogeye!
c) Ndi agashakashaka ndi agashiramanga natemye umuvumu uravumera umwami anyumva neza ati:"Komera Munyentwari kera wari akagabo."
d) Ndi Rumiramineke rwa Murekezi gutaburura urwina mbibamo icyatwa umugabo ntanga ni kamaramasenge.
e) Ndi igihungu k'inganzamarumbu ndi icyatwa mu bankuriye ndi bucura, ncura abandi nkacurangura inkono n'ibyungo.
f) Ndi Rucugusamasafuriya rwa Semasahani kwa Semakamba mbakuburira imbuga bakampemba ibyo bashigaje.
g) Ndi Rukamatabirayi rwa Mutabaruka sintererana abandi ku ntebe yibasiye isahani aho batekeye simpatangwa.

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Munyentwari arivuga iki?**
⇒Arivuga ubuhangange mu gutsinda igiti.
**b) Abantu bavuga mu byivugo, icya 3,4,5,6 bahuriye ku ki?**
⇒Ubuhangange mu kurya.
**c) Bene ibyo byivugo babyita ngo iki?**
⇒Bene ibyo byivugo babyita "**Ibyivugo by'amahomvu**"



CamScanner

**2. Inshoza y'ibyivugo by'amahomvu**

Ibyivugo by'amahomvu ni ibyivugo bigufi bivuga bashaka kwisekereza abantu gusa.

**3. Uturango tw'ibyivugo by'amahomvu**

– Ibyivugo by'amahomvu ni ibyivugo bigufi bigambiriye gusetsa no kwidagadura.
– Uwivuga yigereranya n'ibintu, inyamaswa akaba ari byo ashingiraho ubuhangange bwe.
– Nta bikorwa byo ku rugamba bivugwamo ahubwo uwivuga yirata ubuhangange mu kurya, mu gukundwa n'abagore n'abakobwa n'ibindi.

## Umwitozo:

1. Uzuza izi nteruro ukoresheje aya magambo: amahomvu, kwivuga.
- Kuvuga .....................babyita guhomvomva.
⇒**Kwivuga** bitumu umuntu yiyumvamo akanyabugabo.
- Kera umugabo utari uzi.........................ntiyasomaga ku nzoga. y'imihigo. ⇒Ibyivugo by'**amahomvu** byashimishaga abana.
2. Tanga ingero z'ibyivugo by'amahomvu waba uzi.

**Umukoro**

Ugendeye ku turango tw'ikivugo cy'amahomvu, hanga ikivugo cy'amahomvu.

*Umwarimu asaba buri munyeshuri kuzahimba ikivugo cy'amahomvu maze akazivugira imbere y'abagenzi be.*

## Intera ya karindwi: Utwatuzo dukoreshwa hagati mu nteruro: akitso, utubago tubiri, utwuguruzo n'utwugarizo n'agakato

***Intego zihariye :***

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora:
Gusobanura imikoreshereze y'utwatuzo tujya hagati mu nteruro no kudukoresha neza mu nteruro.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko cyangwa interuro bigaragaramo utwatuzo dutandukanye.

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza interuro zikurikira maze bagasubiza ikibazo kizikurikiye kibafasha gutahure utwatuzo amazina y'utwatuzo:
a) Murindahabi aramusubiza ati: "Wahamagara abaturage bakayirya kuko nayiteye umuti mwiza".

b) Uko yakabivuze, inka yakomeje kumererwa nabi ageza aho ayibaga.
c) Ibiribwa birimo amoko atatu: ibyubaka umubiri, ibirinda indwara n'ibitera imbaraga.

**Ikibazo n'igisubizo**

- Utwatuzo twakoreshejwe muri izi nteruro twitwa ngo iki?

  Mu nteruro ya mbere harimo utwuguruzo n'utwugarizo, mu ya kabiri harimo akitso, mu ya gatatu harimo utubago tubiri, mu ya nyuma hakoreshejwe akatuzo bita agakato.

## 2. Inshoza y'utwatuzo dukoreshwa hagati mu nteruro

Utwatuzo dukoreshwa hagati mu nteruro ni utumenyetso tutari inyuguti dukoreshwa mu nteruro kugira ngo usoma cyangwa uvuga aruhuke cyangwa se yerekane ubwoko bwayo. Utwatuzo dukoreshwa hagati mu nteruro ni: akitso, utubago tubiri, utwuguruzo n'utwugarizo, agakato,…

## 3. Imikoreshereze y'utwatuzo dukoreshwa hagati mu nteruro

### a) Akitso (,)

Akitso gakoreshwa mu nteruro iyo yabaye ndende, bagira ngo baruhuke gato mbere yo gukomeza kuyivuga cyangwa barondora ibivugwa.

**Ingero**

– Umworozi yasuye amatungo ye, yarimo ihene n'intama.
– Mama yaguze ibi bikurikira: ibiyiko, ibikombe, amasahani n'amasafuriya.

### b) Utubago tubiri (:)

Dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa cyangwa gusobanurwa, inyuma y'ingirwanshinga n'ijambo ngo.

**urugero**

Umwarimu yaduhaye: amakaye, amakaramu n'impapuro.

### c) Utwuguruzo n'utwugarizo (“ ”/ ″ ″ )

Dukikiza amagambo y'undi asubirwamo nta cyo ahinduyeho, dukikiza amazinanteruro cyangwa imvugo idasanzwe. Dukoreshwa kandi inyuma y'ingirwanshinga “ati”, “bati”, “iti”……

Iyo utwuguruzo n'utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro, hakoreshwa akuguruzo n'akugarizo kamwe.

**Ingero**

– Abaganga batubwiye bati: “Mugomba kurara mu nzitiramibu.”
– Ndi “Rushitanamushogoro rwa Ntamushobora” iyo iwacu bataseye sinseka.
– Baca umugani ngo: “uburere buruta ubuvuke.”
– Mbwirira Kamanzi uti: “muzanire ya ‘nsakazamashusho' niba wayikoze neza.



CamScanner

**d)Agakato (’)**

Agakato gakoreshwa inyuma y’ibyungo “na” na “nka” kimwe n’ibigenera (amagambo magufi ahinduka agahuza amagambo afitanye isano) inyajwi zabyo zirakatwa iyo zikurikiwe n’amagambo atangiwe n’inyajwi.

**Ingero**

- Uwo mwana ararizwa n’iki?
- Arareba nk’usinziriye.
- Ibigo by’amashuri y’imyuga biriyongera muri iki gihe.

**Imyitozo**

**1. Utu twatuzo twitwa ngo iki?**

a) :

b) ’

**2. Shyira utwatuzo dukwiye muri izi nteruro**

**a) Nyanshya ati baruka rutare Baba yinjire.**

⇒ Nyanshya ati:“Baruka rutare Baba yinjire”

**b) Bamaze kumuvura yahise ajya mu modoka asanga bamutegereje.**

⇒ Bamaze kumuvura, yahise ajya mu modoka asanga bamutegereje

**c) Papa yavuye mu isoko atuzaniye ibi bikurikira imineke inanasi avoka na amacunga.**

⇒ Papa yavuye mu isoko azana ibi bikurikira: imineke, inanasi, avoka n’amacunga.

**3.Icyandikwa***: Somera abanyeshuri izi nteruro bazandike batazireba.*

a) Ibidukikije ni ibintu byose bigira uruhare mu buzima bwacu ari byo : ibimera, inyamaswa, amazi, umwuka n’ibindi.

b) Umubyeyi yabwiye abana be ati: “Bana bange muge mubanira abantu bose kivandimwe.”

c) Abana b’abakobwa n’abahungu bose bagomba guhabwa amahirwe angana.

**Isuzuma risoza umutwe wa kabiri**

**Umwandiko: Indyo yuzuye**

Igitabo cy’umunyeshuri ku rupapuro rwa 88 - 89

**A. Inyuguramagambo**

**1. Sobanura aya magambo ukurikije umwandiko: umushogoro, sosoma, diyabete.**

**Umushogoro**: amababi y’ibishyimbo.

**Sosoma**: ifu y’ibinyampeke bigizwe n’amasaka, soya n’ibigori. - **Diyabete:** indwara iterwa no kurya ibirimo isukari nyinshi.

**2. Koresha aya magambo mu nteruro zawe bwite: Sosoma, ibinyamafufu, diyabete**

**Sosoma:**

**Urugero:** Abana banyoye igikoma cya sosoma bagira ubuzima bwiza.
Ibinyamafufu
**Urugero:** Ibinyamafufu bivanze n'imboga biraryoha.
Diyabete
**Urugero**: Kabera arwaye diyabete.

**3. Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira**
umushogoro, indyo yuzuye, biribwa birinda indwara

a) Imboga n'imbuto zibarirwa mu ……… ⇒**biribwa birinda indwara.**

b) Tugomba gufata………..kugira ngo tubungabunge ubuzima bwacu ⇒ **Indyo yuzuye**

c) Iriya mvura iherutse kugwa yangije ibishyimbo ku buryo ushaka………. atawubona.
⇒ Umushogoro

**4. Tanga imbusane z'aya magambo**
-Imbaraga ≠ ubunebwe
-Amanywa ≠ ijoro
-Amahoro ≠ ibibazo
-Nyinshi ≠ rike

**B. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko**

**1. Ni nde utanga inyigisho muri iyi nkuru?**
⇒ Ni Dogiteri Mucumbitsi.

**2. Indyo yuzuye igizwe n'amoko angahe? Yavuge.**
⇒ Amoko atatu: Ibyubaka umubiri, ibirinda indwara n'ibitera imbaraga.

**3. Ni izihe ngaruka umuntu yahura nazo adakoresheje ibipimo nyabyo ku isukari no ku mavuta?**
⇒ Byamukururira uburwayi bwa diyabete.

**4. Vuga isomo ukuye muri uyu mwandiko**
⇒ Tugomba kurya indyo yuzuye ariko mu kigero nyacyo kuko iyo turengeje igipimo bishobora kudukururira uburwayi.

**C. Ibibazo byo gusesengura umwandiko**

**1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**
⇒ Akamaro ko kurya indyo yuzuye itarengeje igipimo.

**2. Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko**
⇒ Uburyo bwo kwita ku buzima bwacu.
⇒ Amoko y'ibyo kurya umubiri wacu ukeneye.
⇒ Akamaro k'indyo yuzuye mu mubiri wacu.
⇒ Ingaruka zo kurenza urugero fatizo mu mirire.
⇒ Inama zo kwirinda izo ngaruka zo kurya indyo ituzuye.



CamScanner

**D. Shyira utwatuzo dukwiye kuri izi nteruro**

**1. Twiga amasomo menshi imibare ubugenge na ikinyarwanda**

⇒ Twiga amasomo menshi: imibare, ubugenge n'Ikinyarwanda.

**2. VIH Veyihashi ni agakoko gatera SIDA**

⇒ VIH (Veyihashi) ni agakoko gatera SIDA.

**3. Uwera yaramubwiye ati ungurire amakayi ane**

⇒ Uwera yaramubwiye ati: "Ungurire amakayi ane."

**4. Umubare munini wa inoti za igihumbi urushya ibara**

⇒ Umubare munini w'inoti z'igihumbi urushya ibara.

**F. Ibindi bibazo**

**1. Ni akahe kamaro k'ibaruwa?**

⇒Ibaruwa ikoreshwa mu itumanaho, ikabika kandi igatwara amabanga y'umuntu ikayageza ku wo agenewe.

**2. Sobanura uburyo terefoni ifasha umuntu mu itumanaho.**

⇒Terefoni ni ngombwa mu itumanaho kuko uvugana n'ab'ikantarange utavuye aho uri ushobora kuyikoresha mu koroshya ubucuruzi bwawe, wayibikurizaho amafaranga n'ibindi

**3. Ni ikihe gisakuzo bica batya?**

a) Ibishokoro ⇒ Sakwe sakwe! Ngeze mu rutoke abasirikare baramfata.

b) Izuba ⇒ Sakwe sakwe! Ijisho ryange rimurika hose.

**4. Kuki igiti kigororwa kikiri gito?**

⇒ Bishatse kuvuga mu marenga ko umwana umutoza inzira azanyuramo akiri muto ukamwereka ikiza n'ikibi hakiri kare bityo akazakura ari ku murongo. Naho iyo yamaze gutora imico mibi biragora kuyihindura amaze gukura nk'uko igiti kimaze gukura ushatse kukigorora kiravunika.

**5. Uzuza iyi migani**

a) …………………………….. ntuhatera ibuye.

⇒ Aho ujishe igisabo ntuhatera ibuye.

b) Ihene mbi. ……………….

⇒ Ihene mbi ntuyizirikaho iyawe.

c) Umwana utumvira se na nyina……

⇒ Umwana utumvira se na nyina yumvira ijeri.

d) Ubamba isi……

⇒ Ubamba isi ntakurura.

e) Ineza iratinda…….

⇒ Ineza iratinda ntihera.

**6. Andika ikivugo cy'amahomvu wafashe mu mutwe**



CamScanner

UMUTWE WA GATATU:

3

# SIDA N'IZINDI NDWARA ZANDURIRA MU MIBONANO MPUZABITSINA

**(Umubare w'amasomo:24)**

*Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:*

- Gusesengura imyandiko ijyanye no guhashya no gukumira Sida n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
- Gesesengura urwenya na byendagusetsa no kurutera; no gukoresha amasano yo mu muryango n'amagambo adahinduka.

**Umwandiko: Isuku y'imyanya ndangabitsina**
Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 94

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri azaba ashobora gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa; gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku isuku y'imyanya ndangagitsina, amashusho yerekana abavuga mu nkuru, imfashanyigisho z'iyumvabona.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.*

**Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:**

**a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?**
⇒Turahabona umuganga uganira n'abanyeshuri.
**b) Ubusanzwe muganga aba ashinzwe iki?**
⇒Muganga yita ku buzima bw'abantu.

**c) Ni nk'iki muganga ashobora kuganira n'abanyeshuri mu ishuri?**
⇒Muganga ashobora kuganira n'abanyeshuri ibijyanye n'isuku, kwirinda indwara, n'ibindi.

## 2. Gusoma

### 2.1 Gusoma bucece

*Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "**Isuku y'imyanya ndangagitsina**" nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.*
**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo:**

**a) Muganga yaganiriye n'abanyeshuri ibijyanye n'iki?**
⇒Yaganiriye na bo ibijyanye n'isuku y'imyanya ndangagitsina.

**b) Ni ikihe gice cy'umubiri muganga yibanzeho?**
⇒Yibanze ku myanya ndangagitsina.

**c) Ni nde wabajije ibijyanye n'isuku y'umukobwa uri mu mihango?**
⇒ Ni Uwera.

**d) Muganga arabwira abanyeshuri kujya babaza nde ibyo batumva bijyanye n'imyanya ndangagitsina?**
⇒Bashobora kujya babaza ababyeyi babo.

### 1.2 Gusoma baranguruye

*Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye.*

*Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.*

### 1.3 Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo akomeye

*Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye, akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*

*Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.*

*Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.*

**Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda**

**Ubwangavu:** ikigero cy' umukobwa uri hagati y' imyaka cumi n' ibiri na cumi n' itanu; utangiye gupfundura amabere no kujya mu mihango y' abakobwa. Umuhungu we bavuga ko ari ingimbi.

**Kwisiramuza:** gukatwa agahu gatwikiye isonga y' igitsina gabo kugira ngo katabika imyanda yamutera indwara.
**Igodora:** umufariso baryamaho.
**Gufata ikemezo:** kwiyemeza gukora ikintu.

**Imyitozo n'ibisubizo:**

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zatanzwe:** Ubwangavu, kwisiramuza, igodora, gufata ikemezo, tirikomonasi, ingimbi.

a. Umukobwa wange ageze mu gihe cy'**ubwangavu.**
b. Umuhungu wange amaze kuba **ingimbi** ni bwo yagiye **kwisiramuza**.
c. Ubu nge **nafashe ikemezo** cyo kugura **igodora** yo kuryamaho.
d. Nukomeza kwidumbaguza mu bizenga uzarwara **tirikomonasi.**

**2. Subirisha imbusane ukuye mu mwandiko usimbuza amagambo y'umukara cyane.**

a) **Umukobwa** na we agomba kugira isuku.
⇒**Umuhungu** na we agomba kugira isuku.
b) Ni ngombwa kugirira isuku imyenda y' **inyuma.**
⇒Ni ngombwa kugirira isuku imyenda y' **imbere**.
c) **Mu gitondo** Rutabikangwa yashimiye se.
⇒**Nimugoroba** Rutabikangwa yashimiye **nyina**.

**3. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura:**

a) **Ubwangavu:**
Mu gihe cy'ubwangavu umukobwa aba atangiye gupfundura amabere.
b) **Gufata ikemezo:**
Mfashe ikemezo cyo kwiga nshyizeho umwete.
c) **Kwisiramuza:**
Kwisiramuza birinda indwara zandurira mu myanya ndangagitsina ku bagabo.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

*Intego zihariye:*

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora:
Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku isuku y'imyanya ndangagitsina, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.



CamScanner

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*
*Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'umwandiko wizwe.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?
⇒Mu mwandiko haravugwamo muganga n'abanyeshuri.

b) Muganga yari agamije iki mu kuganiriza abanyeshuri ku bijyanye n'isuku?
⇒Muganga yari agamije kubwira abanyeshuri uko isuku y'imyanya ndangagitsina ikorwa.

c) Ni ibihe bikoresho by' isuku bivugwa mu mwandiko?
⇒Mu bikoresho by'isuku bivugwa mu mwandiko harimo amazi meza, isabune, kotegisi, udutambaro, igitambaro gihanagura amazi.

d) Twakora iki kugira ngo imyenda y' imbere igirirwe isuku?
⇒Imyenda y'imbere igomba kumeswa ikanikwa ku zuba kandi igaterwa ipasi.

e) Umukobwa uri mu mihango yakora iki mu kugira isuku?
⇒Umukobwa asabwa kugira isuku cyane mu koga, akanakoresha ibikoresho byabugenewe nka kotegisi (cotex) cyangwa se udutambaro; na two akatugirira isuku.

f) Abana biyemeje gukora iki bamaze kugirwa inama?
⇒Abanyeshuri bose biyemeje kujya bagirira isuku imibiri yabo; imyenda y'imbere bakundaga kwanika munsi y'igodora bakazajya bayanika ku zuba.

g) Kuki abahungu bakwiye kwisiramuza?
⇒Kubera ko agahu ko ku mutwe w'igitsina gabo gashobora kubika mikorobi zitera indwara zinyuranye.

h) Utekereza ko umuntu utagira isuku bimugiraho izihe ngaruka?
⇒Umuntu utagira isuku ararwara bitewe n'umwanda



CamScanner

**Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko no gutahura imiterere n'ubwoko bw'umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo:**

*Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.*

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

a) Umwandiko duheruka gusoma gusoma uvuga ku ki?
⇒Ni umwandiko uvuga ku isuku y'imyanya ndangagitsina.

b) Kuki umukobwa iyo arangije kwituma yihanagura avana imbere ajya inyuma?
⇒Ni ukugira ngo imyanda iva mu kibuno itaba yaza ikajya imbere ikanduza mu myanya ndangagitsina yabo.

c) Ni ba nde bakwiye kwisiramuza?
⇒Ni abahungu.

d) Kuki abahungu bakwiye kwisiramuza?
⇒Kubera ko agahu ko ku mutwe w'igitsina gabo gashobora kubika mikorobi (microbes) zitera indwara zinyuranye.

**2. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.*

*Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.*

*Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo batanze maze bikandikwa.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
⇒Muri uyu mwandiko baratubwira insanganyamatsiko y'isuku y'imyanya ndangagitsina.

b) Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.

⇒**Ingingo z'ingenzi zikurikira:**

- Inama ya muganga ku kamaro ko kugira isuku y'imyanya ndangagitsina.
- Uko abakobwa bagirira isuku imyanya ndangagitsina yabo.
- Uko abahungu bagirira isuku imyanya ndangagitsina yabo.
- Isuku y'ibikoresho bikoreshwa mu kugira isuku.
- Ikemezo cyafashwe n'abanyeshuri bamaze kumva inama ya muganga.

**Umwitozo wo kungurana ibitekerezo**

*Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kungurana ibitekerezo ku kwisiramuza; akabasaba kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo cyo kungurana ibitekerezo bakagisoma mu ijwi riranguruye ndetse akabasaba no kubyandika ku kibaho. Umwarimu asaba abanyeshuri kujya batera urutoki bagatanga ibitekerezo ku kibazo banditse ku kibaho no kugira icyo bavuga ku bitekerezo bitangwa na bagenzi babo.*

**Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:**

Ese kwisiramuza ni ngombwa?

⇒Abahungu bakwiye kwisiramuza kuko agahu ko ku mutwe w'igitsina cyabo gashobora kubika mikorobi zitera indwara zinyuranye".

**Umukoro**

Umaze gusoma umwandiko "Isuku y'imyanya ndangagitsina" bwira muri make umuntu utawusomye ibintu by'ingenzi biwukubiyeno.

**Intera ya kane: Indangahantu**

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri azaba ashobora gutanga inshoza y'indangahantu, kugaragaza uturango twayo; kuzitahura mu nteruro no kuzikoresha neza mu nteruro zatanzwe.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza no kugaragaza imiterere n'umumaro by'amagambo y'umukara cyane ari mu nteruro zo mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 98.*

**Urugero rw'interuro n'ibisubizo batanga:**

a. Isuku **ku** mubiri ni ngombwa.
**b.** **Muri** buri rugo rwo **mu** mugi bacana amatara.
**c.** **Kuri** Jali **i** Kigali hari umunara wa radiyo.

⇒Amagambo: ku, kuri, mu, muri na i yerekana ahantu ikintu giherereye.
⇒Ayo magambo kandi abanjirije amazina cyangwa arayagaragiye.
⇒Ayo magambo ni indangahantu.

**2. Inshoza y'indangahantu**

Indangahantu ni ijambo ribanziriza izina, rivuga aho umuntu cyangwa ikintu biherereye cyangwa ahabera ikintu iki n'iki.

**Imyitozo**

1. Uzuza mu nteruro zikurikira indangahantu zikwiye:
   a. Shyira iyo sahane **ku** meza.
   b. Agiye **i** Kabgayi **ku** Iseminari Nto ya Mutagatifu Lewo.
   **c.** **Kuri** iri shuri nta mwana uzatsindwa.

**3. Icyandikwa**

*Umwarimu arasomera abanyeshuri interuro zikurikira na bo bakazandika. Umwarimu aribanda ku myandikire y'indangahantu no kumikoreshereze y'agakato.*

a. Ku ihuri ryacu twize uko tugomba kwita ku isuku y'umubiri n'iy'aho tuba.
b. Mu gihe mufite ibibazo ku bijyanye n'umubiri wanyu, muge mubaza ababyeyi banyu babasobanurire byinshi ku bijyanye n'imyanya ndangabitsina.
c. Muri iyi si yacu hakenewe ibiti byinshi.

**Intera ya gatanu: Urwenya na byendagusetsa**

Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 99

*Intego yihariye:*

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora:
- Gutahura inshoza y'urwenya na byendagusetsa.
- Kubwira abandi urwenya cyangwa se byendagusetsa.
- Gutandukanya urwenya na byendagusetsa.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

**1.Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri impapuro ziriho imyandiko itandukanye n'amashusho ajyanye na buri mwandiko maze abasabe kwitegereza ayo amashusho hanyuma ababaze ikibazo gituma batahura ibiri bivugwe mu mwandiko uri munsi ya buri shusho.*

**Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:**

a. Witegereje amashusho ari ku rupapuro rwa 99 n'urwa 100, urabona ari iki kiri



CamScanner

kuri ayo mashusho gishobora gutuma umuntu aseka?

⇒ Abanyeshuri baratanga ibisubizo bitandukanye bitewe n'ibyo babona kuri buri shusho bishobora gutuma baseka hanyuma umwarimu age abigorora akurikije icyo umunyeshuri asubije.

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma Bucece

*Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "**Urwenya na byendagusetsa**" nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni ikihe kibazo ihene yabajije intama?

⇒Ihene yabajije intama impamvu ihora ijunjamye icuritse umutwe.

b) Umushoferi uvugwa mu mwandiko wa gatatu yari afite amaguru ameze ate?

⇒Yari afite amaguru y'imitego.

c) Ni iki umunyeshuri yasubije umwarimu amubajije impamvu ahora aza kwiga yakererewe?

⇒ Yamusubije ko ari uko bavuza inzogera atarahagera.

### 2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma umwandiko umwe mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, undi asome undi mwandiko bityo bityo kugeza barangije imyandiko yose. umwarimu agende akosora abanyeshuri aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero umwandiko ku mwandiko.*

## 3. Gusubiza ibibazo ku myandiko

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma imyandiko basubiza ibibazo byayibajijweho, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

*Usibye ibibazo byatanzwe mu gitabo cy'umunyeshuri umwarimu ashobora no kubaza abanyeshuri ibindi bibazo bitari mu gitabo cy'umunyeshuri ariko bijyanye n'imyandiko.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni iki gisekeje mu mwandiko wa mbere?

⇒Ni uko ufite ikida kinini yihaye kuvugira kuri mugenzi we amuseka agasanga na we afite icyo asekwa.

b) Ni iki gisekeje mu mwandiko wa kabiri?

⇒Ni ukuntu ihene yihaye kunenga imico y'intama igasanga na yo inengwa.

c) Ni iki gisekeje mwandiko wa gatatu?

⇒Ukuntu amaguru y'imitego na yo yaba intandaro yo guhanwa.



CamScanner

**4. Inshoza y'urwenya na byendagusetsa**

Urwenya ni amagambo asetsa uyabwiwe ku buryo kwiyumanganya bimunanira agaseka.

Byendagusetsa ni amagambo, ibimenyetso, imyitwarire, imico cyangwa kwigana bisetsa ababyumva, ababibona cyangwa se ababikorerwa.

Urwenya ruvugwa mu magambo gusa naho byendagusetsa ibumbatiye amagambo, imyitwarire, kwigana cyangwa ibikorwa byose bisekeje. Urwenya rutuzanira ubusabane no gukundwa n'abandi, rugabanya guhangayika, abantu bakaruhuka; rutuma kandi umuntu amenya kwinenga akazibukira amafuti ye.

**5. Akamaro k' urwenya na byendagusetsa**

Urwenya rutuzanira ubusabane no gukundwa n'abandi, rugabanya guhangayika, abantu bakaruhuka; rutuma kandi umuntu amenya kwinenga akazibukira amafuti ye.

**Imyitozo**

1. **Umuntu w' umunyarwenya arangwa n'iki?**
   ⇒Umuntu w'umunyarwenya ahora yishimye, akenshi avuga amagambo asekeje.
2. **Byendagusetsa n'urwenya bihurira ku ki?**
   ⇒Byose bisetsa abantu.
3. **Byendagusetsa n'urwenya bitandukanira he?**
   ⇒Urwenya ruvugwa mu magambo gusa naho byendagusetsa ibumbatiye amagambo, imyitwarire, kwigana cyangwa ibikorwa byose bisekeje.

**4. Mu itsinda ry'abantu nibura batandatu nimusome izi nkuru maze muzikine babiribabiri.**

**Urugero rw'ibyo bakina:**

⇒Ufite ikida kinini: Mbe shahu ko wikoreye ikibuga uyu munsi amakipe yagombaga guhura arakinira he?
⇒Ufite uruhara: None se ko nabonaga umupira wawumize, nashatse kugukurikiza ikibuga kugira ngo nuwusohora bahite bakina.
⇒Ihene: Kuki uhora ujunjamye ucuritse umutwe?
⇒Intama: Mba nanga kukureba wambaye ubusa nta kariso wambaye.
⇒Umushoferi ufite imitego: umupolisi yandenganyije ngo nahagaze nabi ntambamira ibindi binyabiziga.
⇒Mugenzi w'umushoferi: n'ubundi baracyaguca amafaranga; dore n'ubundi amaguru yawe atambamiye abandi bagenzi."

**Intera ya gatandatu: Impakanyi**

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri azaba ashobora gutanga inshoza y'impakanyi, kugaragaza uturango twayo; kuyitahura mu nteruro no kuyikoresha neza mu nteruro zatanzwe.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu aha abanyeshuri interuro akabasaba kugaragaza imiterere n'umumaro by'amagambo y'umukara cyane.*

**a)** **<u>Nta</u>**wutazi akamaro k'isuku.

**b)** **<u>Nta</u>** tabi dushaka ko unywera mu bantu.

c) Mbese **<u>nta</u>** muntu wamboneye ikariso ko nayibuze?

**Urugero rw'igisubizo cyatangwa:**

Ijambo riciyeho akarongo ni **nta**. **Nta** ifite umumaro wo guhakana. **Nta** ni **impakanyi**

**2. Inshoza y'impakanyi**

**<u>Nta</u>** ni ijambo ridahinduka rikoreshwa mu guhakana.

**Umwitozo**

a) Koresha impakanyi **nta** mu nteruro yawe bwite.

⇒Mu butayu nta mazi ahaba.

b) Hakana ukoresha impakanyi nta mu nteruro zikurikira

– Hari umusinzi ugira isuku

⇒Nta musinzi ugira isuku.

– Hari abantu bashyigikira ibirara.

⇒Nta bantu bashyigikira ibirara.

**Umwandiko: Indwara zandurira mu myanya ndangagitsina**

Igitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 103

**Intera ya mbere: gusoma no gusobanura umwandiko**

***Intego yihariye:***

Nyuma y'iki kigwa umunyeshuri araba ashobora:

- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.



CamScanner

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavuga mu nkuru.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri ze kuvugaho.*

**Urugero rw'ibibazo yababaza aramutse akoresheje amashusho:**

**a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?**

⇒ Kuri aya mashusho turabona ameza, abantu bicaye n'umuntu uhagaze.

**b)Ni iki mubona ku meza?**

⇒ Ku meza hari ipaki y'udukingirizo.

**c) Urakeka ko umuntu uhagaze ari kuganiriza iki abandi?**

⇒ Arabaganirira ku indwara zandurira mu myanya ndangagitsina: Sida, uburagaza, mburugu, imitezi, tirikomonasi ...

**2. Gusoma**

**2.1. Gusoma bucece**

*Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "I**ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina, nyuma akababaza** ibibazo byo gusuzuma ko basomye.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni nde wasobanuye ibirebana n'indwara zandurira mu myanya ndangagitsina?**

⇒Ni Mujyanama.

**b) Vuga zimwe mu ndwara zivugwa mu mwandiko.**

⇒Sida, uburagaza, mburugu,...

**2.2. Gusoma baranguruye**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*
*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*
*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

**Urugero rw' ibyava mu matsinda:**

**Amacumu**: ni zimwe mu ntwaro zakoreshwaga ku rugamba mu Rwanda, barwana n' abanzi.

**Mikorosikopi:** igikoresho cyo kwa muganga bareberamo udukoko dutera indwara cyangwa se mu bushakashatsi.
**Ibyuririzi:** indwara zifata umuntu kubera ko virusi itera Sida yishe abasirikare b' umubiri.
**Indasago:** inkovu z' aho bagukebesheje urwembe kugira ngo amaraso agabanuke mu mubiri.
**Ubugumba:** kutabyara kubera ikibazo umubiri ufite.
**Guhabwa akato:** guheza umuntu ntage aho abandi bari akagira ibye bikoresho; kubera uburwayi afite cyangwa amakosa.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura: amacumu, mikorosikopi, ibyuririzi, indasago,ubugumba, guhabwa akato.
**Amacumu**
⇒Abanyarwanda ba kera barwanishaga **amacumu**.
**Mikorosikopi**
⇒Abaganga bakoresha **mikorosikopi** mu kuvumbura igitera indwara.
**Ibyuririzi**
⇒Ubana n'agakoko gatera Sida ahitanwa n'indwara z'**ibyuririzi**.
**Indasago**
⇒Mu guca **indasago** bakoresha urwembe bakeba ku mubiri.
**Ubugumba**
⇒Si umuntu gusa ugira **ubugumba** n'amatungo abura urubyaro.
**Guhabwa akato.**
⇒Iyo umuntu **ahawe akato** ubona yigunze ari wenyine.

2. Uzurisha amagambo ukuye mu mwandiko interuro zikurikira
   a. Urashaka kwica **agakoko** kabonwa na **mikorosikopi** gusa ukoresheje **icumu**?
   b. S**ida** ntigira umuti cyangwa urukingo.
   c. Abaturage ntibari bazi ko habaho **agakingirizo** k' abagore.
   d. Koga amazi mabi byanduza **tirikomonasi**.

3. Tanga impuzanyito y' amagambo akurikira
   a. Kwifata: **kudakora imibonano mpuzabitsina**
   b. Umutegarugori: **umugore**
   c. Agakoko: **agasimba**

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

*Intego zihariye:*

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora:
Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.
Gusobanura zimwe mu ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina no kuzirinda.



CamScanner

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku isuku y'imyanya ndangagitsina, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?**
⇒Abaturage, Mujyanama, Nkiranuye, Mahoro n'umugore we Gikundiro.

**b) Ni izihe ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zivugwa mu mwandiko?**
⇒Hari Sida, uburagaza, mburugu, imitezi, tirikomonasi, umwijima wo mu bwoko bwa B n' izindi.

**c) Ni iki cyateye umugore wa Nkiranuye guhindagana?**
⇒Yagize ubwoba bw'uko umugabo we ashobora kuba yaramwanduje Sida.

**d) Agakingirizo kavugwa mu mwandiko kamaze iki?**
⇒Karinda abakora imibonano mpuzabitsina kwandura indwara.

**e) Ni mu buhe buryo umuntu yakwandura vurusi (virus) itera Sida?**
⇒Mu gukora imibonano mpuzabitsina idakingiye, mu mashereka no mu gusangira ibikoresho bikomeretsa.

**f) Ni mu buhe buryo umuntu yamenya ko atanduye virusi (virus) Itera Sida**
⇒Ni ukwipimisha.

**Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yize, umunyeshuri araba ashobora gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko bitandukanye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.*

**2. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.*

*Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.*

*Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo batanze maze bikandikwa.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**

⇒Indwara zandurira mu myanya ndangagitsina: Sida, uburagaza, mburugu, imitezi, tirikomonasi..."

**b) Garagaza indwara zivugwa mu mwandiko, uko twazirinda.**

⇒ Gukoresha agakingirizo, kudaca inyuma uwo mwashakanye, kwirinda koga amazi mabi.

**c) Ni iyihe ndwara ushobora kwandurira mu myanya ndangagitsina kandi atakoze imibonano mpuzabitsina?**

⇒Ni tirikomonasi

**d) Ingaruka z' imitezi ni izihe?**

⇒Ubugumba, igitsina kininda amashyira, kugenda utagataga…

**e) Ingaruka z' uburagaza ni izihe?**

⇒Ibisebe binini ku gitsina, urupfu

**f) Ingaruka za mburugu ni izihe?**

⇒Kwangirika k'ubwonko

**g) Ingaruka za Sida ni izihe?**

⇒Urupfu, ubukene, ubupfubyi, gutandukana kw'abashakanye…

**Umwitozo**

1. Andika ingaruka ziterwa no kwandura indwara zandurira mu myanya ndangagitsina muri rusange

⇒Urupfu, ubukene, gutakaza akazi…



CS CamScanner

2. Garagaza isomo ukuye muri iyi nkuru.

⇒Kwirinda ubusambanyi, gukoresha agakingirizo mu kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, kurinda uruhinja kwandura…

**Umwandiko: Twite kubanduye agakoko gatera Sida**

Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku urupapuro rwa 107

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

**Intego zihariye:**

Nyuma y'iki kigwa umunyeshuri araba ashobora

– Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

– Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavugwa mu nkuru.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho. Umwarimu arakoresha ibibazo kugira ngo abanyeshuri babashe kuvumbura icyo inkuru iza kuvugaho.*

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo:**

**a) Ni iki mubona kuri aya mashusho?**

⇒Turabona abantu babir, umukobwa n'umuhungu, umuhungu ari koza amenyo, umukobwa amufatiye agakombe.

**b) Ni nk'iyihe ndwara uyu musore ashobora kwanduza abandi?**

⇒Harimo Sida, mburugu...

**2. Gusoma**

**2.1. Gusoma bucece**

*Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umwandiko "**Twite ku banduye agakoko ka Sida**" nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.*

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo bishoboka:**

a) Ni nde wahaye akato Karisa?

**Ni ababyeyi be.**

b) Mu guha akato Karisa yakorewe iki?



CamScanner

**Bamuhaye inzu ya wenyine n'ibikoresho bye wenyine.**
c) Abashyize Karisa mu kato babitewe n'iki?
**Babitewe n'ubujiji.**

d) Mushiki wa Karisa avuga ko ari hehe Sida itandurira?
**Sida ntiyandurira mu mwuka, mu gusangira, mu gusuhuzanya.**

**2.2. Gusoma baranguruye**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**2.3. Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo akomeye**

*Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye.*

*Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bari gukorera hamwe mu matsinda atandukanye.*

*Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.*

*Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye babyandika ku kibaho.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda:**

**Kwifata**: kureka gukora imibonano mpuzabitsina ku bushake.

**Guhabwa akato:** guheza umuntu ntage aho abandi bari akagira ibye bikoresho; kubera uburwayi afite cyangwa amakosa.

**Kondora umuntu**: kumwitaho umugaburira indyo yuzuye, umukarabya, kugira ngo yongere kugira ubuzima bwiza.

**Ubukana**: imbaraga z'ikintu.

**Guhumuriza umuntu**: kumubwira amagambo meza atuma ashira ubwoba.
**Kwiyakira**: kudahangayikishwa n' ibibazo ufite, ukihanganira kubana na byo

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

**1. Uzuza interuro ukoresheje amagambo akurikira :** Kwifata, ahabwa akato, yondorwa, ubukana, arahumurizwa.

a) Ubana n'agakoko gatera Sida ntabwo **ahabwa akato** ahubwo **yondorwa** ahabwa indyo yuzuye.

b) **Ubukana** bw' imboga ntibwotsa imbehe.
Umuntu wahahamutse **arahumurizwa**.

**2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura:**

**Kwifata.**
⇒Abana n'abakuru basabwa **kwifata** bakirinda ubusambanyi.
**Guhabwa akato**
⇒**Uwahawe akato** asigara ari wenyine.
**Kondora umuntu**
⇒Umuntu ukirutse marariya agomba **kondorwa**.
**Ubukana**
⇒Iyi nkorora ifite **ubukana** bwinshi yari impitanye iyo ntivuza.
**Guhumurizwa**
⇒Uwahahamutse aba agomba **guhumurizwa**.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

*Intego zihariye:*

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora:
– Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.
– Gusobanura zimwe mu ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina no kuzirinda.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku isuku y'imyanya ndangagitsina, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko basomye ubushize.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?
⇒**Karisa, mushiki wa Karisa, se, umuryango wa Karisa.**

b) Uyu musore yanduye ate agakoko gatera Sida?
⇒**Yakoze imibonano mpuzabitsina idakingiye.**

c) Ababyeyi bamaze kumenya ko umuhungu wabo yanduye agakoko gatera Sida



CamScanner

bakoze iki?

⇒**Bamushyize mu kato.**

d) Mushiki wa Karisa yamukoreye iki?

⇒**Yasabye nyirasenge kondora Karisa.**

e) Ni iki cyatumye Karisa areka ikemezo yari yafashe cyo kwanduza abandi?

⇒**Yabonye abamwitaho bareka kumuha akato.**

f) Umuryango wasezeranyije iki Karisa?

⇒**Wamusezeranyije kumuba hafi.**

g) Ni iki kitugaragariza ko Karisa yiyakiriye?

⇒**Kubana n'agakoko gatera Sida ntibizamubuza gukomeza imishinga ye yatangiye.**

**Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yize, umunyeshuri araba ashobora gusubiza gutahura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko no gusubiza ibindi bibazo byo gusesengura umwndiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Umwarimu abaza abanyeshuri ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.*

**2. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.*

*Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.*

*Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo batanze maze bikandikwa.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?

⇒**Kudaha akato ababana n' agakoko gatera Sida no kwiyakira ku banduye.**

b) Garagaza ibintu bivugwa mu mwandiko byerekana ingaruka zo guha akato ababana n' agakoko gatera Sida.

⇒**Uwanduye ashobora kwanduza abandi yabigambiriye.**

⇒**Uwanduye atakaza ikizere cy'ubuzima.**

c) Ni iki kivugwa mu mwandiko kerekana ko umuntu ubana n' agakoko ka Sida aba agifite akamaro mu muryango no ku gihugu ke?

⇒Umuntu wanduye iyo afashe imiti igabanya ubukana, agafata indyo yuzuye, akagira isuku, akomeza kubaho igihe kirekire kandi agashobora gukomeza imishinga ye. Ashobora rero gufasha umuryango we kandi agakora agateza igihugu ke imbere.

**Umwitozo**

*Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda maze abasabe kungurana ibitekerezo ku bibazo bikurikira.*

1. Ni akahe kamaro k'ikigo nderabuzima mu gutuma ababana n' agakoko gatera Sida biyakira.

⇒Ikigo nderabuzima gitanga imiti igabanya ubukana bw'agakoko gatera Sida

2. Mugire inama abana n'agakoko gatera Sida.

⇒ Ubana n'agakoko gatera Sida ntakwiye kwiheba aba agomba kurya indyo yuzuye, akibuka kugana ikigo nderabuzima kikamugira inama; akirinda kwanduza abandi.

**Intera ya kane: Amasano yo mu muryango**

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora gusobanura amwe mu masano yo mu muryango.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkuru zivuga ku masano yo mu muryango.

**1. Isubiramo**

*Umwarimu asaba abanyesuri kongera gusoma umwandiko* ***"Twite ku banduye agakoko gatera Sida"*** *maze akababazaho ikibazo kijyanye n'amasano yo mu muryango.*

**Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:**

a) **Karisa yavukanaga nan de?**
⇒ Karisa yavukanaga na mushiki we Mukabarisa.

b) **Se na nyina wa Karisa bamukoreye iki kibi?**
⇒ Se na nyina wa Karisa bamuhaye akato.



CamScanner

**2. Amasano yo mu muryango**

*Mu matsinda umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza amagambo y'amasano ari mu mwandiko.*

Amagambo y'amasano ari mu mwndiko ni: sogokuru, nyogokuru, marume, mama wacu, masenge, data, mama, babyara bange na mushiki wange

**Imyitozo:**

1. Mu matsinda ya babiribabiri, nimuhuze amasano y'umuryango akurikira n'ibisobanuro byayo:

- Masenge: mushiki wa data
- Marume: musaza wa mama
- Mubyara wange: umwana wa marume
- Abisengeneza: abana ba musaza wange
- Mwishywa wange: umwana wa mushiki wange
- Data: umugabo umbyara
- Data wacu: mukuru cyangwa murumuna wa data
- Mama wacu: mukuru cyangwa murumuna wa mama
- Sogokuru: se wa data cyangwa wa mama
- Nyogokuru: nyina wa data cyangwa wa mama
- Muramu wange: umugabo wa mushiki wange
- Mushiki wange: umukobwa tuvukana
- Musaza wange: umuhungu tuvukana
- Data bukwe: se w' umugore cyangwa w' umugabo wange
- Mabukwe: nyina w' umugore cyangwa w' umugabo wange 16. Umukazana : umugore w' umuhungu wange
- Umukwe: umugabo w' umukobwa wange.
- Bamwana wange: sebukwe cyangwa nyirabukwe w' umwana wange
- Mukadata: umugore wa data utari mama
- Mukeba wange: undi mugore dusangiye umugabo
- Umwuzukuru: umwana w' umwana wange
- Umwuzukuruza: umwana w' umwuzukuru wange
- Ubuvivi: umwana w' umwuzukuruza wange
- Ubuvivure: umwana w' ubuvivi bwange
- Ubuvivagiza: umwana w' ubuvivure
- Impanga: umuvandimwe twavukiye rimwe

2. Noza imvugo usimbuza amagambo y'umukara cyane amazina agaragaza amasano yo mu muryango.

a) Karisa yondowe na **mushiki wa se.**
⇒Karisa yondowe na **nyirasenge**

b) Se wa se wa Karisa n' abana ba nyirarume bari bahari.

⇒<u>**Sekuru**</u> wa Karisa na **babyara be** bari bahari.

c) Karisa yatabawe n' <u>umukobwa bavukana.</u>
⇒Karisa yatabawe na **mushiki we**.

d) Inkoni ikubise <u>umugore musangiye umugabo</u> uyirenza urugo.
⇒Inkoni ikubise <u>**mukeba**</u> uyirenza urugo.

e) <u>Nyina w' umugore we</u> yamusuye.
⇒<u>**Nyirabukwe**</u> yamusuye.

**Isuzuma risoza umutwe wa gatatu**
Igitabo cy'umunyeshuri ku rup. rwa 112

**A. Inyunguramagambo**

1.Sobanura izi mvugo zikurikira ukurikije uko zakoreshejwe mu mwandiko.

⇒**Kubungabunga amagara**: kwita ku buzima.
⇒**Kwipimisha:** gutanga amaraso kwa muganga bakarebera muri mikorosikopi ko nta gakoko karimo.
⇒**Ibinyamafufu: ibiribwa by'ibinyabijumba bifite amafufu.**
⇒**Guca inyuma uwo mwashakanye: gusambana kandi ufite umugabo cyangwa se umugore.**

2. Kora interuro yawe bwite wifashishije amagambo akurikira: imboga, indyo yuzuye, ubusambanyi,igikoma.

**Imboga**
⇒Imboga zishya vuba iyo zitetswe.
**Indyo yuzuye**
⇒ Umuntu wese agomba guhabwa indyo yuzuye kugira ngo abeho neza.
**Ubusambanyi**
⇒Abenshi bandurira agakoko gatera Sida mu busambanyi.
**Igikoma**
⇒Abana bakunda kunywa igikoma cy'amasaka.

3. Shaka mu mwandiko ingero ebyiri z'ibiribwa bibarirwa mu binyamisogwe.

⇒**Ibishyimbo**
⇒**Amashaza.**

4. Koresha ijambo **igikoma** mu nteruro ebyiri zidahuje ibisobanuro.

⇒**Ifu ya soya, amasaka n'ibigori ivamo igikoma kiza.**
⇒**Ntusinzire kugira ngo wumve igikoma batatwiba.**



CamScanner

5. Koresha ijambo **indyo** mu nteruro ebyiri zidahuje ibisobanuro.

⇒**Zamura ukuboko kwawe kw'indyo.**
⇒**Indyo yuzuye ni ngombwa kuri buri wese.**

**B. Ibibazo byo kumva umwandiko**

Soma umwandiko "Akamaro k'indyo yuzuye ku murwayi wa Sida" maze usubize ibibazo bikurikira.

a) Iyi nama yari yitabiriwe na ba nde?

⇒Ababana n'agakoko gatera Sida na muganga.

b) Garagaza amoko atatu y'ibiribwa agize indyo yuzuye.

⇒Indyo yuzuye irimo amoko atatu y'ibiribwa: ibitera imbaraga, ibyubaka umubiri n'ibirinda indwara.

c) Ni akahe kamaro k'indyo yuzuye kagaragara mu mwandiko?

⇒Indyo yuzuye ituma umubiri uhangana n'indwara, ukagira imbaraga zo gukora kandi ugakura neza.

d) Ni iki dukwiye kwirinda mu kurya no mu kunywa?

⇒Si byiza kurenza urugero mu kurya no mu kunywa kuko isukari nyinshi n'inzoga nyinshi byangiza umubiri.

e) Garagaza ibinyampeke bigaragara mu mwandiko?
⇒Harimo ibigori, amasaka, umuceri, uburo n'ingano.

**C. Ikibonezamvugo**

1. Andika ubwoko bw' amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira:

a) Amazi meza ni ngombwa <u>mu</u> mubiri. ⇒**Mu** ni indangahantu.

b) Indyo yuzuye ni itegeko <u>ku</u> murwayi. ⇒**Ku** ni indangahantu.

**D. Imyandikire y'Ikinyarwanda**

1. Andukura interuro zikurikira ushyiraho utwatuzo dukwiye.

⇒Mu mbuto harimo inanasi, amapera, amaronji**…** ntawazirondora ngo azirangize**.**

⇒Kuki mutarya imbuto**?**

⇒Zirahenda**.**

⇒Kuki se mudatera izanyu**?**

⇒Twabuze ingemwe**.**

⇒Muzasabe Agoronome kubibafashamo**.**

⇒Murakoze**.**

2. Andukura interuro iri mu mwandiko yakoreshejweho uturegeka.

⇒Mu mbuto harimo amapapayi, inkeri, imineke, amacunga, ibinyomoro, amatunda, indimu …



CamScanner

**E. Ihimbamwandiko**

Andika interuro igaragaramo ibiribwa n'ibinyobwa binyuranye wategurira abantu ukaba ubagaburiye indyo yuzuye.

⇒Nateka ibirayi, ibishyimbo, dodo, umuceri n'inyama nkagaburira abantu; nkabaha n'amazi atetse yo kunywa.

**F. Amasano y'umuryango**

Noza imvugo usimbuza amagambo y'umukara cyane amasano y' umuryango**.**

1. Indyo yuzuye yateguwe na **se wa nyina**.
   ⇒Indyo yuzuye yateguwe na **sekuru.**
2. **Umukobwa wa nyirarume** abana n'agakoko gatera Sida.
   ⇒**Mubyara we** abana n'agakoko gatera Sida.
3. Umugabo umbyara n'umugore umbyara bahaha ibyo kurya.
   ⇒**Data** na **mama** bahaha ibyo kurya.
4. Sinshaka gupfa ntabonye **umwuzukuru w'umwuzukuru wange**.
   ⇒Sinshaka gupfa ntabonye **ubuvivi**.
5. Mukabarisa yatabawe n' **umuhungu bavukana**.
   ⇒Mukabarisa yatabawe na **musaza we.**
6. Inkoni ikubise **umugore musangiye umugabo** uyirenza urugo.
   ⇒Inkoni ikubise **mukeba** uyirenza urugo.
7. **Musaza w'umugore we** yamusuye.
   ⇒**Muramu we** yamusuye.



CamScanner

# 4 UMUTWE WA KANE: IMIKINO N'IMYIDAGADURO

**Umwandiko: Imikino gakondo**
Igitabo cy'umunyeshuri kuva ku rupapuro rwa 116

**Intera ya mbere: gusoma no gusobanura umwandiko**

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri azaba ashobora:
- Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
- Gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko uvuga ku mikino gakondo, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavuga mu nkuru.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akabereka n'amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umwandiko bagiye gusoma.*

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo**

a) **Ni iki mubona kuri aya mashusho?**
⇒Turahabona abagabo babiri barakina igisoro.

b) **Ukurikije uko bambaye twabavugaho iki?**
⇒Bafite imyambarire ya kera.

c) **Witegereje aba bakobwa urabona barakora iki?**
⇒Barimo gukina ubute.

d) **Ukurikije imyambarire y'aba bakobwa twayivugaho iki?**
⇒Bafite imyambarire ya kera.

e) **Wifashishije ibi bishushanyo urumva tugiye kwiga iki?**
⇒Tugiye kwiga imikino gakondo.



CamScanner

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.*

**Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo:**

a) **Igisoro kigira amacuba angahe?**
⇒ Kigira amacuba (utwobo) mirongo itatu n'abiri.

b) **Mu gukirana abantu bafatana he?**
⇒Bafatanaga mu nda barebana.

c) **Ni ryari umwana yararanaga ubute?**
⇒ Iyo yaburaga uwo abuha kugeza aryamye.

d) **Mu kurasa bifashishaga iki?**
⇒Bifashishaga umuheto n'impiru.

### 2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

*Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye.*

*Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.*

### 2.3. Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo akomeye

*Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye, akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*

*Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.*

*Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda:**

**Hambere:** kera.

**Kwigunga:** kuba wenyine udashaka kuvuga.

**Kuboneza:** kudahusha, guhamya intego.

**Kubuguza:** gukina igisoro

**Ibinure:** imikaya y'amavuta iboneka mu mubiri w'umuntu cyangwa w'inyamaswa.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

1. **Uzuza interuro ukoresheje amagambo akurikira:** Hambere, kwigunga, kuboneza, tubuguze, ibinure.

⇒Aho gukomeza **kwigunga** ngwino **tubuguze**dore ngiki igisoro.

⇒Abantu bo **hambere** bari bazi **kuboneza** imyambi mu gihe bamasha.

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura:

**Hambere**

⇒ Abantu bo hambere bambaraga imyenda ikoze mu mpu.

**Kwigunga**

⇒ Akenshi umwana wigunze aba arwaye.

**Kuboneza**

⇒ Boneza amazi mu mubirikira atameneka.

**Kubuguza**

⇒ Kubuguza ni ugukina igisoro.

**Ibinure**

⇒ Ingurube igira ibinure byinshi.

3. Mu matsinda nimurondore imikino igaragara mu mwandiko mugaragaze n'umubare cyangwa ingano y'abakinnyi bayikina.

⇒ Igisoro: gikinwa n'abantu babiri.

⇒ Gusimbuka urukiramende: rusimbukwa na benshi.

⇒ Gukirana: ukinwa n'abantu babiri.

⇒ Ubute: ukinwa n'abana benshi.

⇒ Kumasha: ukinwa n'abantu benshi.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora:
Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

Imfashanyigisho: Imyandiko ivuga ku mikino gakondo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Umwarimu arabaza abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko bize ubushize.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni iyihe mikino ivugwa mu mwandiko?
⇒Kubuguza, gusimbuka urukiramende, ubute, gukirana, kumasha.

b) Ni ryari uwakinaga igisoro yabaga atsinzwe?
⇒Iyo inka zawe baziriye bakazimaramo.

c) Kuki hakoreshwaga amagambo asa n'aho yandagaza uwabaga yatsinzwe: kurarana ubute, kunera urukiramende, ...?
⇒Ni ukugira ngo buri wese akorane umwete, kuko gutsindwa bifite inyito mbi, ni igisebo buri wese yagombaga guharanira kwirinda.

d) Ni gute igisoro gifasha abantu kumenya kubara no gutekereza byimbitse?
⇒Ni uko kugira ngo umenye aho inka ziri burangirire ugomba kumenya kubara vuba izo ugiye kurya, kandi ukaba wabaze n'izo urarya. Gutsinda mu gisoro ni imibare no kumenya gupanga ukareba kure.

e) Ni akahe kamaro k'imikino kavugwa mu mwandiko?
⇒Ifasha abantu kuruhuka, amaraso agatembera neza mu mubiri akarinda indwara zimwe na zimwe.

f) Kuki imikino gakondo yagiye icika kandi ifite akamaro? Twayigarura gute mu muco wacu?
⇒Impamvu imikino gakondo igenda icika, ni uko habonetse ibindi bintu bitwara abantu igihe nko kwiga, kureba televiziyo, n'ibindi. Hadutse kandi indi mikino irangaza abantu. Icyo twakora kugira ngo tuyigarure, ni uko yahabwa agaciro mu igashyirwa kuri gahunda kimwe n'indi mikino ikinwa ubu.

**Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko**

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iki kigwa umunyeshuri araba ashobora:
Gusobanura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko no gusobanura ibijyanye n' imikino gakondo.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

**1. Isubiramo**

*Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.*

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

a) Urubyiruko ko rwigishwaga kumasha byamariraga iki ubwami bw'u Rwanda?
⇒Uyu mukino watumaga urubyiruko rwitoza kuboneza kugira ngo ku rugamba cyangwa mu muhigo bazashobore guhiga abandi.

b) Ni iyihe mikino yo hambere ikiriho na n'ubu?
⇒Gukirana, gusimbuka urukiramende, guhana ubute…

**2. Gusoma no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.*

*Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko. Umwarimu abivuga mu ijwi riranguruye akanabyandika ku kibaho kugira ngo afashe abatumva n'abatabona niba bahari.*

*Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.*

*Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kubinonosora bakabyandika.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
⇒Imikino gakondo

b) Ni izihe ngingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko
⇒Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko:
- Batangira barondora imikino yo hambere n'akamaro kayo.
- Bakomeza batubwira uko buri mukino ukinwa n'abakinnyi bawo.
- Basoza batubwira uruhare rw'imikino mu buzima.

c)Kwigisha urubyiruko kumasha byamariraga iki igihugu?
⇒Byatumaga urubyiruko rumenya guhamya neza maze bigatuma bavamo ingabo z'igihugu nziza, zizi kurasa kandi zigahamya.

d) Ni iyihe mikino yo hambere ikiriho na n'ubu?
⇒Urugero: kubuguza, ubute, urukiramande…

e) Vuga imwe mu mikino yo hambere n'uko yatsindaga.
⇒Imikino yo hambere n'uko umuntu yatsindaga.

- **Kurasa intembe:** uhamya umwambi mu nguri yibarangura aba ahize abandi.
- **Kubuguza**: iyo inka z'uwo mukinana uzimaze uzirya uba umutsinze.
- **Sebutimbiri:** abana barataragurika nk'igikeri hakaboneka usiga abandi n'ikirizo.
- **Kumasha:** urushije abandi guhamya integoaba atsinze.
- **Ubute:** hatsindwa uwo bwiriyeho atarakora k'uwo yirukankana.
- **Urukiramende:** hatsinda uwarushije abandi gusimbuka harehare.
- **Gukirana:** utuye undi hasi ni we uba atsinze.

f) Imikino yo hambere yamariraga iki urubyiruko?

⇒Urubyiruko rwo hambere rwahuzwaga n'imikino ikarushyiramo n'umuco mwiza, ndetse
ikanarujijura nk'imikino yigisha kubara, iyigisha guhamya intego, iyigishaga gushishoza, indi ikabuza urubyiruko kwigunga.

**Umuvugo: Nimuze twamagane Sida**

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 120

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umuvugo**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko, abanyeshuri baraba bashobora gusobanura:
Gusoma neza umuvugo bubahiriza injyana yawo.
Gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu muvugo no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho yerekana abavugo umuvugo

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu aganirira abanyeshuri akaganiro ko mu buzima busanzwe kaganisha ku muvugo bagiye kwiga, akababazaho ibibazo bituma bavumbura ibyerekeranye n'umuvugo bagiye gusoma.*

**Urugero rw'ibibazo yababaza**

a) Ni iyihe ndwara twabonye itagira umuti ntigire n'urukingo?
⇒Ni Sida

b) Ni ba nde bashobora kurwara Sida?
⇒Abantu bose bashobora kurwara Sida.

**2. Gusoma**

**2.1. Gusoma bucece**

*Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma bucece umuvugo "**Nimuze twamagane***

***Sida"*** *nyuma akababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Abakobwa n'abasore bakwiye kwirinda iki?
⇒ Bakwiye kwirinda ababashuka.
b) Ni ryari umwana wonka yakwandura Sida?
⇒ Igihe yakomeretse mu kanwa, nyina arwaye Sida.
c) Ni nde ugenda atambaye agafuka?
⇒ Ni umukobwa.
d) Abana barasabwa gukora iki?
⇒ Abana bose barasabwa kwifata.

### 2.2. Gusoma baranguruye

*Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umuvugo wose baranguruye, umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye.*

*Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo cyangwa injyana y'umuvugo.*

### 2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye

*Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umuvugo no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye, akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*

*Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.*

*Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda**

**Ubudahemuka:** ukudaca inyuma uwo mwashakanye ngo usambane.
**Abarushinze:** abashakanye, umugabo n' umugore.
**Amagara:** ubuzima.
**Umugina:** umukingo w' imva aho bahambye umuntu; nanone ni ahantu hapfa ibihumyo nk' imegeri, ibihepfu, n' ibyoba biribwa.
**Ubwomanzi:** ubuzererezi ku bakobwa; ku bahungu ni uburara.
**Agafuka:** hano mu muvugo ni agakingirizo kavugwa. Bakambika igitsina iyo birinda indwara cyangwa birinda gutwara inda.
**Inoti zitukura:** ni inoti z' ibihumbi bitanu.



CamScanner

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura: ubudahemuka, kwifata, ubwomanzi.**

**Ubudahemuka**

⇒Ubudahemuka bw'abashakanye butuma babana akaramata.

**Kwifata**

⇒Nashakaga kuvuga ariko ndifata sinakoma.

**Ubwomanzi**

⇒Ubwomanzi bw'uyu mukobwa bwamuteye kwandura Sida.

**2. Tanga imbusane z' amagambo y'umukara cyane mu nteruro zikurikira:**

a) Imucengera **idakoma**.

⇒Imucengera **isakuza.**

**b) Umusaza atanga inoti zitukura.**

⇒**Umukecuru** atanga inoti zitukura.

c) Iyi nka **yapfuye**.

⇒Iyi nka **ni nzima.**

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku muvugo bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora:
- Gusubiza ibibazo byo kumva umuvugo mu magambo yabo bwite kandi mu gihe
- cyagenwe.
- Gusobanura bimwe bigaragara mu mwandiko.
- Gushyira mu bikorwa ibivugwa mu muvugo.

**Imfashanyigisho:** Ibitabo birimo imivugo itandukanye, amashusho ajyanye no kuvuga umuvugo, imfashanyigisho z'iyumvabona.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku muvugo "Nimuze twamagane Sida".*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umuvugo, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Ni izihe ndwara zivugwa mu mwandiko?**
⇒Haravugwamo Sida.

**2. Ibyo birwara byibasiye ba nde**?
⇒Byibasiye abana n'abakuru.

**3. Umuganga aratanga iyihe nama?**
⇒Ubudahemuka ku barushinze rugahama bukomeze naho abana bose bifate.

**4. Umukobwa abajijwe impamvu atambara agakingirizo yashubije iki?**
⇒Yasubije ko Kimasa naza atagafite bimureba ko apfa amagana.

**5. Ni iyihe nama wagira uyu musaza utanga inote zitukura mu busambanyi bwe?**
⇒Namugira inama yo kureka gushuka abana kuko akwirakwiza Sida.

**6. Ushingiye ku mugani "amagara ntaguranwa amagana", gira inama abishora mu busambanyi mu mirongo itatu**.
⇒ Gukurikira amafaranga ugatakaza ubuzima si byo. Iyo abasambanyi bananiwe kwifata bashobora gukoresha agakingirizo. Iyo upfuye ukenyutse kubera sida uteza ibibazo byinshi, ingaruka zikagera kuri nyirubwite, ku muryango ndetse no ku gihugu.

**Intera ya gatatu: Gusoma no gusesengura umuvugo**

*Intego zihariye:*

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora gusesengura umuvugo no gutahura bimwe mu biwuranga.

**Imfashanyigisho:** Ibitabo birimo imivugo itandukanye, amashusho ajyanye no kuvuga umuvugo, imfashanyigisho z'iyumvabona.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku muvugo baheruka kwiga.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umuvugo basubiza ibibazo bijyanye no kuwusesengura, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu muvugo?
⇒Kwamagana Sida.

b) Ni iki gitera umukobwa uvugwa mu muvugo kudakoresha agakingirizo?

⇒Na we yayandujwe n'umusaza amushukishije amafaranga.

c) Umwana wonka ashobora kwandura agakoko gatera Sida ate?

⇒ Igihe yakomeretse mu kanwa, nyina arwaye Sida.

d) Garagaza inama itangwa na muganga muri uyu mwandiko.

⇒Ubudahemuka bukomeze ku barushinze rugahama, abana bose bifate.

**Umwitozo**

*Umwarimu arasaba abanyeshuri, mu matsinda ya babiribabiri, gusubiza ikibazo gikurikira:*

Ni zihe ngaruka zo kwishora mu busambanyi?

⇒Sida imunga amagara, umubyeyi aba ashobora kwanduza umwana

**Umukoro**

Mufate uyu muvugo mu mutwe muzawubwirane babiribabiri.

**Intera ya kane: Uturegeka n'akanyerezo**

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora gukoresha neza uturegeka n'akanyerezo.

Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gusoma interuro zirimo uru１regeka n'akanyerezo akabasaba kuvuga imiterere y'utwo twatuzo, umumaro watwo n'imikoreshereze yatwo.*

**a)** Hari indwara nyinshi zihitana abantu: Sida, marariya, igituntu, mburugu…

**b)** Wa mukobwa yaragiye ahura na mwene… simuvuze nzamuvumba.

**c) Kabarisa na Karisa batangira kuganira:**

- Ni uwuhe mukino ukunda kurusha iyindi?
- Nkunda gukina ubute.
- Ubukina gute?
- Nirukankana uwo dukina namufata nkabumuha.

**Urugero rw'ibyava mu matsinda:**

- Utwatuzo dusoza interuro ebyiri za mbere tugizwe n'utudomo dutatu dukurikiranye.

Hamwe dufite umumaro wo kugararagaza ko hari ibintu batarangije kurondora (mu nteruro ya mbere.);

Ahandi tugaragaza ko hari ingingo batashatse kuvuga ku bushake mu nteruro ya kabiri.)

- Utwatuzo dutangira interuro enye mu kiganiro cya Kabatesi na Karisa turerekana ihererekanya ry'amagambo hagati y'abavuga aribo Kabatesi na Karisa.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko utwatuzo tugizwe n'utudomo dutatu dukurikiranye twitwa **uturegeka** (…) n'aho akarongo kagufi ko kakaba kitwa **akanyerezo**.

**2. Inshoza y'uturegeka.**

Uturegeka ni utwatuzo duhagarariwe n'utudomo dutatu dukurikiranye. Dukoreshwa iyo berekana irondora ritarangiye, interuro barogoye cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

**3. Inshoza y'akanyerezo**

Akanyerezo ni akatuzo gahagarariwe n'akarongo kagufi gatambitse. Gakoreshwa mu magambo kugira ngo berekane ihererekanywa cyangwa iyakuranwa ry' amagambo. Gakoreshwa kandi mu gukata ijambo ritarangiranye n'impera z'umurongo.

**Imyitozo**

**1. Shyira utwatuzo dukwiye ku nteruro zikurikira**

– Urarizwa n'iki ?
– Ndarizwa n'uko abandi bana banyibiye ibikoresho.
– Ni ibihe bikoresho bakwibye ?
– Banyibye : amakayi, amakaramu, agacamurongo…

**2. Icyandikwa**

*Umwarimu asomera abanyeshuri interuro na bo bakazandika neza bubahiriza utwatuzo.*

a) Mu ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina harimo, Sida, mburugu …
b) Kantengwa Nyirakuru maze baraganira:

– Uvuye he mwana wa?
– Mvuye mu rugo nyogoku.
– Nari ngukumbuye pe!
– Nange nari ngukumbuye nyogoku.

**Intera ya gatanu: Impuzashusho n'imvugwakimwe**

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro 124-127

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora gukoresha neza impuzashusho n'imvugwakimwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu.



CamScanner

**1. Ivumburamatsiko**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gusoma interuro yabandikiye ku kibaho, kwitegereza amagambo y'umukara cyane ari muri izo nteruro no gusubiza ibibazo bikurikira izo nteruro.

**Urugero rw'interuro:**

a) Yaciye **ikirere** mu rutoki**.** Mu **kirere** haratambamo inyoni.
b) Nyogokuru araboha **umusambi.** Ateye ibuye **umusambi** uraguruka.
**c) Umukara** wantwariye inkoko. Yambaye ikanzu isa n'**umukara.**
d) Nzanira iyo ntara ngosore **amasaka. Karekezi** yagiye mu ntara.

**Ibibazo:**

- Mugire icyo muvuga ku magambo asa n'umukara cyane mu nteruro (a) na (b)
- Mugire icyo muvuga ku magambo asa n'umukara cyane mu nteruro (c) na (d)

*Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibyo bibazo, buri tsinda rimubwira ibyo ryagezeho maze bagafatanya kubinoza bakabyandika.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda:**

Amagambo yo mu nteruro (a) na (b) yandikwa kimwe ariko ntasomwe kimwe ndetse n'ibisobanuro byayo bigatandukana. Ayo magambo ahuje ishusho. Yitwa **impuzashusho.**
Amagambo yo mu nteruro (c) na (d) ahuza imivugirwe, yandikwa kimwe ariko ntasobanure kimwe. Yitwa **imvugwakimwe**.

**2. Inshoza y'impuzashusho.**

Impuzashusho ni amagambo yandikwa kimwe mu Kinyarwanda ariko ntasomwe kimwe kubera ubutinde n'amasaku ndetse n' ibisobanuro byayo bigatandukana.
**Urugero: Intama**: ni rimwe mu matungo magufi ritanga amata y'amatamatama n'ubwoya. **Intama** nanone ni icyo umira inshuro imwe.

**3. Inshoza y'imvugwakimwe**

Imvugwakimwe ni amagambo ahuje imivugirwe (ni ukuvuga ko avugwa kimwe), akandikwa kimwe ariko ntasobanure kimwe.

**Urugero: Mu gihumbi:** ni mu bitugu. **Igihumbi** kandi nanone ni umubare.

**Imyitozo**

1. a) Sobanura aya magambo uhereye ku bivugwa mu mwandiko: umukara, mu gihumbi, kuvuga umutsima, gucira umuntu ahantu, intara, unkingire.

   ⇒**Umukara:** ni igisimba kimeze nk'injangwe gisa n'umukara kikibera mu bihuru no mu rubingo. Nanone kandi ni ibara.

   ⇒**Mu gihumbi:** ni mu bitugu. Igihumbi kandi nanone ni umubare.

⇒ **Kuvuga umutsima:** guteka umutsima ugaragura ifu mu marike. **Kuvuga** kandi ni ugusohora amagambo mu kanwa.

⇒ **Gucira umuntu ahantu:** kwirukana umuntu ugize aho umwohereza. Gucira umuntu nanone ni ukumuvundereza amacandwe.

⇒ **Intara:** ni igikoresho bakoresha bagosora imyaka nk'amasaka cyangwa ibishyimbo. Intara nanone ni kimwe mu bice bigize igihugu gifite ubuso bunini.

⇒ **Unkingire:** umpe urukingo rw' indwara. Nanone bivuga ko ukinga urugi mu mwanya wange.

b) Ayo magambo ni bwoko ki?
Aya magambo ni imvugwakimwe.

2. a) Tanga ibisobanuro bibiri bya buri jambo muri aya: ikirere, umusambi, intara, urutoki, ikiraro, kuvura.

⇒**Ikirere:** ni ikibabi k' insina cyamaze kuma. **Ikirere** kandi ni ikeragati kiri hagati y' isi n'ijuru.

⇒**Umusambi**: ni ubwoko bw'inyoni ifite umujosi muremure. **Umusambi** kandi igikoresho bicaraho cyangwa baryamaho.

⇒**Intama**: ni rimwe mu matungo magufi ritanga amata y'amatamatama n'ubwoya. **Intama** nanone ni icyo umira inshuro imwe.

⇒**Urutoki**: ni insina nyinshi ziteye hamwe. **Urutoki** nanone ni urugingo rw'ikiganza.

⇒**Ikiraro**: ni urutindo bambukiraho. Nanone **ikiraro** ni aho amatungo aba.

⇒**Kuvura:** gufatana kw'amata cyangwa kw'amaraso. Nanone **kuvura** ni uguha umurwayi imiti.

b) Ayo magambo ni bwoko ki?
⇒Ni impuzashusho.

3. Tanga igisobanuro k' interuro ukoresheje ijambo ukuye mu dukubo

Umusambi urya utubuto. ⇒Hano umusambi ni inyoni. (inyoni, icyo bicaraho).
Yanyoye intama imwe y'amatamatama. ⇒Intama ni icyo umira. (itungo borora, icyo umira).
Ujya mu rutoki abanza ikivugirizo. ⇒Urutoki ni insina nyinshi. (insina nyinshi, urugingo rw'ikiganza).
Yituye mu kiraro amira nkeri. ⇒Ikiraro ni icyo bambukiraho umugezi. (aho inka iba, icyo bambukiraho umugezi).

4. Koresha ijambo "Kuvura" mu nteruro ebyiri zidahuje ibisobanuro.

⇒Nateretse amata none yamaze **kuvura.**

⇒Muganga agiye **kuvura** abarwayi.



CamScanner

**Imbyino gakondo: Dore ikondera**

Igitabo cy'umunyeshuri, urup. rwa 129

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mbyino, abanyeshuri baraba bashobora:

**- Gusoma neza imbyino bakurikiza utwatuzo n'iyitsa**

- Gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mbyino no kuyakoresha mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imbyino gakondo nyarwanda, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri ze kuvugaho.*

**1. Gusoma**

**2.1. Gusoma bucece**

*Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mbyino bigaragaza ko basomye.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe jambo rigenda rigaruka kuri buri murongo?**
⇒Dore ikondera

**b) Ishyamba rivugwa mu mwandiko ringana gute?**
⇒Ni rinini

**c) Umuhanzi arifuza ko inzuzi azatera zizera iki?**
⇒Zizera uducuma

**2.2. Gusoma baranguruye**

*Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko wose baranguruye: umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, abandi bakurikira mu bitabo byabo, nyuma yo kurangiza igika umwarimu asaba undi munyeshuri kumusimbura bityo bityo kugeza umwandiko wose urangiye.*

*Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.*

### 2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye

*Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye, akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*

*Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.*

*Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**Ishyamba:** ni ahantu hateye ibiti byinshi cyane.
**Inzuzi:** ni utubuto tw' amadegede; ibimera byeraho abicuma, amadegede cyangwa imyungu.
**Ikondera:** igicurangisho bavuza hakoreshejwe umunwa.
**Imyambi:** intwaro bashyira mu muheto iyo barasa; ni nk'uducumu duto.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite zigaragaza ko wumva icyo asobanura:**
**Ishyamba**
⇒Ngiye mu ishyamba rimpa umwezi.
**Inzuzi**
⇒Inzuzi zikaranze zivura inzoka y'igihuka.
**Ikondera**
⇒Vuza ikondera tubyine.
**Igicuma**
⇒Igicuma kera ku ruyuzi.
**Imyambi**
⇒Shyira umwambi mu muheto maze ufore urase.

**2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo ukuye mu mwandiko**

a) Tugomba gufata neza **ishyamba** kuko kuritema ari ukonona ibidukikije
**b) Igicuma** ni igikoresho cyakoreshwaga mu kunywa inzoga kandi bakazibikamo.
c) Vuza iryo **kondera** dutangire kubyina.
d) Ko utampaye **imyambi** ndarashisha iki?

**Intera ya kabiri: kumva umwandiko no gusesengura imbyino**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bamaze gusoma, abanyeshuri baraba bashobora:
Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko baheruka gusoma.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva no gusesengura imbyino**

*Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko no gusesengura, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni ba nde bavugwa mu mwandiko?
⇒Haravugwamo umusore, abasore.

b) Uyu musore afite ikihe kifuzo?
⇒Afite ikifuzo cyo gukwa umugore.

c) Ni ibihe bikoresho bya muzika bivugwa mu mwandiko?
⇒Haravugwamo ikondera.

d) Inyana ivugwa umusore azayikura he?
⇒Azayigurana uducuma azeza.

e) Kuki uyu musore ashaka inyana?
⇒Arashaka inyana yo gukwa umugore.

f) Andika ikivugo kigaragara mu mwandiko.
⇒Nagiye ku rusenge ibitugu ndabitigisa imyambi ndayisukiranya, abo twari kumwe ndabacyaha, umukobwa ati: "Uyu musore ni mwiza arakandongora"!

g) Iyi mbyino ifite iyihe nyikirizo?
⇒Dore ikondera.

h) Ukurikije igishushanyo abantu bari mu gitaramo barimo ibihe byiciro?

⇒Abantu babyina, abakoma amashyi, umuntu uravuza ikondera n'umusore urimo kwivuga.

i) Tandukanya indirimbo n'imbyino.

⇒Mu mbyino hagaragaramo ababyinnyi, abaririmbyi, abakoma amashyi n'abacuranzi. Naho indirimbo igira ibitero n'inyikirizo.

**Umwitozo**

Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira:
Ese gutema ishyamba ugamije kurihingamo imyaka bikwiye gushyigikirwa?

⇒**Bitera isuri, imvura ikabura, ibura ry'ibicanwa n'ibindi.**

**Isuzuma risoza umutwe wa kane n'ibisubizo**

Soma umwandiko ukurikira witonze hanyuma usubize ibibazo bijyanye na wo.

**Umwandiko: Impyisi n'intama**

Kera habayeho impyisi ihura n'intama biraramukanya. Impyisi ibanza kuramutsa intama.

- Amashyo?
- Amashyongore.

Impyisi yanga kurekura ukuboko kw'intama iragukomeza.

Ndekura wa mugabo we nigendere ndihuta!

Banza umbwire aho uturuka.

- Ndaturuka ibwami.
- Ibwami se hari mateka ki?

– Ibwami hari amateka aca urugomo mu gihugu cyose. Umwami yategetse ngo impyisi ntikarye intama, ingwe nihura n'imbwa ntikagire icyo iyitwara. Ikirura ntikikarye umwana wa… sinyivuze nzayivumba. Uwagiraga amahane n'urugomo wese abireke, kandi ngo uzarenga kuri iryo tegeko azamuhana bikomeye, umwami ategetse ko amahoro akwira igihugu cyose.

– Ayo mateka ntashimishije ngiye kukurya, nibashaka bazanyice!
– Ibyo birakureba kandi bishobora kukumerera nabi ubikinishije.
– Mbese ntureba uriya mugabo ugukurikiye ?

Impyisi irahindukira ngo irebe uwo mugabo, intama iriruka, impyisi iyirukaho. Intama igenda iyibwira iti:" Reka dusiganwe numfata nakubwira iki!" Bigera ku iriba. Intama irasimbuka, impyisi isimbutse igwamo.

– Sinakubwiye! Ubu se urabigenza ute? Iyo ruba urukiramende uba urunereye!
Nuko intama irigendera igeze hirya iribwira iti:" Uwakiza iriya mpyisi nkayumvisha ko kugira nabi ntacyo bimaze". Nuko rero intama iragaruka ikura ya mpyisi mu iriba.
– Sinari nzi ko inabi ishobora kwiturwa ineza!
Nuko biraganira, birangije bisezeranaho. Si jye wahera hahera umugani.



CamScanner

**A. Kumva umwandiko**

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki ?
   ⇒Uyu mwandiko ni umugani.
2. Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?
   ⇒Mu mwandiko haravugwamo intama n'impyisi.
3. Ijambo amateka rivugwa muri uyu mwandiko risobanura iki?
   ⇒Amateka muri uyu mwandiko ni amategeko.
4. Uburyo bwiza bwo kwitura uwakugiriye nabi ni ubuhe?
   ⇒Ni ukumugirira neza.
5. Ni iyihe mikino yakinwe n'intama n'impyisi?
   ⇒Gusiganwa.
6. Ni iki kerekana ko intama irusha impyisi gusimbuka?
   ⇒Impyisi yarasimbutse igwamo kandi intama yahasimbutse.
7. Uyu mwandiko uratwigisha iki?
   ⇒Uratwigisha kubana neza n'abandi.

**B. Inyunguramagambo**

1. Sobanura izi mvugo zikurikira ukurikije uko zakoreshejwe mu mwandiko
   a) Urugomo: **amahane, kugirira nabi abandi.**
   b) Gusimbuka: **gutaruka.**
   c) Kunera urukiramende: **kunanirwa kurenga urukiramende mu gusimbuka.**

2. Kora interuro yawe bwite wifashishije amagambo akurikira**:** Impyisi, amahoro, ibwami.

**Impyisi**
   ⇒Impyisi y'iwanyu ikurya ikurundarunda.  **amahoro**
   ⇒Ahari amahoro abantu batera imbere.

**ibwami**
   ⇒Abatajya ibwami babeshywa byinshi.

3. Shaka mu mwandiko amazina y'ibisimba bigaragaramo.
   ⇒Impyisi, intama, ikirura, ingwe n'imbwa.
4. Koresha ijambo **amateka** mu nteruro ebyiri zidahuje ibisobanuro
   ⇒Mu mateka y'u Rwanda twizemo abami.
   ⇒Umwami yashyizeho amateka aca urugomo.
5. Koresha ijambo **intama** mu nteruro ebyiri zidahuje ibisobanuro.
   ⇒Intama imwe y'inzoga yamusindishije.
   ⇒Inyama z'intama ziraryoha.
6. Tanga imbusane y'amagambo akurikira: Ineza, birangije, nturutse.
   Ineza ≠ inabi
   Birangije≠ bitangiye
   Nturutse ≠ mvuye



CS CamScanner

**C. Ikibonezamvugo**

**Andika ubwoko bw' amagambo aciyeho akarongo mu nteruro.**

a) Impyisi **nta** mpuhwe igira.

⇒ Nta: ni impakanyi.

**b) Muri** Kigali **ku** Muhima kera hahoze impyisi.

⇒ **Muri** na **ku: ni indangahantu**

**D. Inyandikire y'Ikinyarwanda**

1. Andukura nibura interuro enye zikurikiranye ziri mu mwandiko zigaragaza ikiganiro, ushyiraho utwatuzo dukwiye.

- Ndekura wa mugabo we nigendere ndihuta!
- Banza umbwire aho uturuka.
- Ndaturuka ibwami.
- Ibwami se hari mateka ki?

2. Andukura interuro iri mu mwandiko yakoreshejweho uturegeka.

⇒ Ikirura ntikikarye umwana wa… sinyivuze nzayivumba.

**E. Ihimbamwandiko**

Mu mirongo itanu, andika ku neza intama yagiriye impyisi.



CamScanner

# 5 UMUTWE WA GATANU: KUBANA NEZA N'ABANDI

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

- Gusesengura imyandiko ijyanye no guteza imbere imibanire myiza n'abandi agaragaza amazina bwite n'amazina rusange, imikoreshereze y'inyuguti nkuru.
- Gusesengura inteko z'amazina rusange no gukora ihinamwandiko.

**Umwandiko: Ibintu ni magiririrane**

Igitabo cy'umunyeshuri, urup. rwa 140

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

*Intego zihariye:*

Ahereyeku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko no kuyakoresha mu nteruro ziboneye yihimbiye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ku gufashanya no gutabarana, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo yababaza:**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

⇒Kuri iyi shusho hariho umuntu mukuru uzamura undi mu mwobo bakikijwe n'abana, abakobwa n'abahungu harimo n'ufite ubumuga uhagaze ku mbago, bakoma mu mashyi bishimye.

**b) Ibikorwa by'aba bantu birerekana iki?**

⇒Igikorwa cyo gukura undi mu mwobo kiragaragaza ubutabazi ku muntu uri mu byago. Kuba uriya muntu waguye mu mwobo atashoboraga kwikuramo bigaragaza ko yari akeneye ubufasha. Kuba abana bakoma mu mashyi biragaragaza ko babyishimiye kandi ko basanga ari urugero rwiza rwo gushyigikira no gukurikiza.

**c) Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « Ibintu ni magirirane » bishatse kuvuga iki?**

⇒Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « Ibintu ni magirirane » birasobanura ko muri uyu mwandiko harimo inama ziganisha ku mibanire myiza n'abandi irangwa no gufashanya no gutabarana mu bibazo binyuranye by'ubuzima tubamo.

**d) Ijambo « magirirane » kuri mwe risobanura iki ?**

⇒Ijambo magirirane risobanura ko abantu babereyeho gufashanya, gufatanya no gutabarana, umuntu akitura undi ineza yamugiriye.

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko hanyuma ababaze ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

**Urugero z'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Imvugo « ibintu ni magirirane » yakomotse kuri nde?**

⇒Yakomotse kuri Sebantu mwene Ruhago wari utuye ku Ndiza akaba umupfumu n'umunyanzoga wa Mashira ya Nkuba ya Sabugabo, umwami w'i Nduga.

**b) Yari umuntu ufite iyihe mico?**

⇒Yari umuntu ufite imico myiza.

**c) Iyo mico yagaragazwaga n'iki?**

⇒Nta kiguzi yakaga abazaga kumuhanuza, ababaga bamusabye inzoga bafite inyota yayibaheraga ubuntu atabagurishije.

**d) Yakoraga uwuhe mwuga**?

⇒Yari umupfumu n'umunyanzoga wa Mashira.

**e) Iyi nkuru yabaye ku ngoma y'uwuhe mwami w'u Rwanda**?

⇒Yabaye ku ngoma ya Mibambwe Sekarongoro.

**f) Mashira ni muntu ki**?

⇒Mashira yari umwami wa Nduga na Ndiza.

**g) Yagiranye ibihe bibazo na Mibambwe**?

⇒Mibambwe yaramuteye aramutsinda amunyaga Nduga na Ndiza ariko aza kumusubiza kuyobora Nduga abisabiwe na Sebantu.

### 2.2. Gusoma baranguruye

*Umwarimu agena abanyeshuri asaba gusoma umwandiko « Ibintu ni magirirane » baranguruye ijwi igika ku kindi, umwumwe cyangwa mu matsinda mato igihe bishoboka, kugeza barangije umwandiko wose. Asaba abanyeshuri gukurikira usoma bagenzura ko asoma atagemura kandi ko yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, kandi aho atasomye neza bakamukosora.*

### 2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye

*Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye, akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*

*Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.*

*Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda**

**Umupfumu**: umuntu urebera abandi ibizababaho akababwira iyo bishoboka uburyo bazivana mu bibazo, umuntu uragura
**Umunyanzoga**: umugaragu ushinzwe abantu benga inzoga z'ibwami
**Abamuhanuzaga**: abazaga kumubaza ibizababaho, abazaga kuraguza
**Akabahera ubuntu**: akabaha atabatse ikiguzi
**Kuragura**: kubwira umuntu ibizamubaho
**Atazanyaga**: atazanyambura
**Yahatwaraga hombi**: yayoboraga ibyo bihugu (Nduga na Ndiza) uko ari bibiri
**Gushidikanya**: kutemera ibyo bakubwiye, kutizera ko ibyo bakubwiye ari ukuri
**Bahinyuza**: basuzuma niba ibyo babwiwe ari byo koko
**Inzuzi**: udukoresho bitabazaga baragura, akenshi ziba icyenda. Rumwe rwitwa kanantuku rubaje mu muko cyangwa mu kamene k'igisabo cyangwa uruyuzi rw'urwungwane (rwera imyungu), enye zindi zibaje mu magufa y'ikimasa cyabagiwe imandwa kandi kikaba kitari gifite ubusembwa, cyangwa mu magufa y'imvubu cyangwa mu mahembe y'inzuvu, enye zindi zibaje mu mbaba z'amafuni. Kuziraguza ni ukuzibaraza ku mbehe hanyuma bakavuga indagu (ibyo zigaragaje) bakurikije uko zimeze.

**Inganji**: insinzi
**Aramuhaka**: amugira umugaragu we
**Aramutonesha**: aramukunda cyane, amurutisha abandi
**Haciyeho iminsi**: hashize igihe runaka
**Gutera**: kujyana abantu ku mwami ugamije kumurwanya



CamScanner

**Ingabo ziranesha**: abarwanyi baratsinda
**Umutoni**: umuntu ukunzwe cyane
**Agabana Ndiza**: ahabwa Ndiza ngo ayitegeke
**Gukura ubwatsi**: gutura inzoga ushimira uwaguhaye inka
**Yihererana**: amushyira ukwe ngo agire icyo amubwira
**Kudohorerwa**: gusubizwa uburenganzira yambuwe, kugirirwa imbabazi

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

*Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.*

**1. Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye ubwawe**:

**Guhinyuza**
⇒ Karori yaje mu rugo kureba ko mfite impapuro mu rwego rwo guhinyuza uwavuze ko ndwaye.
**Gushidikanya**
⇒Niba ushidikanya baza muganga uko bafata iyo miti.
**Gukura ubwatsi**
⇒Ejo uzamperekeze tuge gukura ubwatsi kwa Semahe wampaye inka y'ubugondo.
**Kunesha**
⇒Iyo ingabo ziyobowe neza kandi zifite ibikoresho bihagije zinesha ababisha.
**Kwihererana**
⇒Kubera gutinya gufungwa abatanga ruswa bihererana aba bayiha.
**Kudohorerwa**
⇒Amaze kudohorerwa ibihano yahawe, Kalisa yatashye iwe atekanye.
**Guhanuza**
⇒Ni byiza guhanuza igihe ubonye ikintu kidasobanutse.
**Kugabana**
⇒Sebantu yagabanye Ndiza naho Mashira agabana Nduga y'epfo.

**2. Shakisha mu mwandiko amagambo asobanura kimwe n'aya akurikira:**

⇒**Umuhanuzi:** umupfumu
⇒**Umutware:** umwami
⇒**Yitwaraga neza:** yarangwaga n'imico myiza
⇒**Ku buntu:** nta kiguzi
⇒**Atazambura:** atazanyaga
⇒**Yayoboraga:** yatwaraga
⇒**Amushyira mu bagaragu be:** aramuhaka
⇒**Insinzi:** inganji
⇒**Gushimira uwaguhaye inka:** gukura ubwatsi
⇒**Kubabarirwa:** kudohorerwa
⇒**Amushyira ukwe:** aramwihererana
⇒**Gusabira imbabazi:** kuvuganira

⇒**Imana**: Nyagasani.

**3. Shaka mu mwandiko amagambo afite igisobanuro kinyuranye n'icy'aya magambo akurikira:**

⇒**Kunyaga**: kugabira
⇒**Umushiha**: umutima mwiza
⇒**Bemeza**: bahinyuza
⇒**Bahinyuza**: bemeza
⇒**Bava**: bajya
⇒**Kumucika**: gufatwa
⇒**Azatsindwa**: azanesha
⇒**Bagezeyo**: bavuyeyo
⇒**Inyuma:** imbere
⇒**Umukungu:** umukene
⇒A**ramwanga cyane:** aramutonesha
⇒**Abaswa:** abahanga
⇒**Ubunebwe:** umwete
⇒**Kugukirana**: kugukenana
⇒**Kwegurirwa**: kunyagwa.

**4. Sobanura imvugo ngo: "Gira so yiturwa indi" uhereye ku bivugwa muri uyu mwandiko.**

⇒Imwe mu ndamukanyo y'Abanyarwanda abantu bakuru babwira abana ni « gira so ». Ubwo aba amwifurije neza. Gira so yiturwa indi rero bisobanura ngo ineza yiturwa indi. Uwakugiriye neza nawe uzamugirire neza. Mashira yakuye Sebantu mu bukene aramukiza nawe ageze mu magorwa amaze gutsindwa n'ingabo za Mibamwe Sebantu aramuvuganira ntiyicwa. Aho amariye kugabana Ndiza kubera ubutoni yari afite kuri Mibambwe, Sebantu yumvishije Mibambwe ko Mashira atamwanga bituma yongera kumwegurirwa Nduga y'epfo ngo ayiyobore. Ubwo ibyiza Mashira yagiriye Sebantu na we yarabimwituye.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, abanyeshuri baraba bashobora bashobora:
Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.
Gusobanura bimwe bigaragara mu mwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Imvugo ibintu ni magirirane ikoreshwa ryari?**

⇒Imvugo « ibintu ni magirirane » ikoreshwa iyo babonye umuntu agiriye neza uwigeze kuyimugirira, utabaye se uwigeze kumutabara.

**b) Kuki Sebantu yiswe Magirirane?**

⇒Sebantu yiswe Magirirane kuko yatumye Mashira asubizwa kuyobora Nduga, amwitura ibyo yari yaramugiriye.

**c) Kuki byabaye ngombwa ko Mashira araguza?**

⇒Byabaye ngombwa ko Mashira araguza kugira ngo amenye niba Mibambwe atazamunyaga ibihugu bye amaze kumutsindisha ingabo ze.

**d) Indagu zagaragaje zite ibizaba kuri Mashira?**

⇒Inzuzi zaguye zerekeye aho inka zikamwa, bigasobanuraga ko igihugu Mashira yatwaraga cyayobotse umwami Mibambwe kuko ari we nyir'inka.

**e) Kuki umwami Mibambwe Sekarongoro yishimiye kwakira Sebantu?**

⇒Umwami Mibambwe yishimiye kwakira sebantu kuko yari avuye kwa mashira azi neza ibye byose bityo akaba azamwifashisha mu kumutera no kwigarurira ibihugu bye.

**f) Utekereza iki ku myitwarire ya Sebantu mu mugambi wa Mibambwe wo kwigarurira Nduga na Ndiza?**

⇒Kuba Sebantu yaragiye imbere y'ingabo ziteye uwahoze ari Shebuja kandi yari yaramukijije si byo biragayitse kuko yazorohereje kumutsinda.

**g) Wifashishije uyu mwandiko, garagaza uburyo ibintu ari magirirane.**

⇒Sebanru yari umukene Mashira aramutabara aramukiza. Mibambwe aho atsindiye Mashira Rubanda rwamusabye kumwica. Sebantu abyumvise biramubabaza aramutakambira Mibambwe aramurokora. Aho Sebantu agabaniye Ndiza, yongeye guhakirwa Mashira kuri Mibambwe ashirwa amuhesheje kongera kuyobora Nduga y'epfo.



CamScanner

**Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusoma mu ijwi riranguruye, badategwa, bubahiria utwatuzo n'iyitsa.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo k'inkuru z'Ikinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**Intera ya kane: Izina bwite n'izina rusange:**

Igitabo cy'umunyeshuri urupapuro rwa 143

***Intego yihariye:***

Bahereye ku mwandiko urimo amazina bwite n'amazina rusange atandukanye, abanyeshuri baraba bashobora kuvuga ibiranga izina bwite n'ibiranga izina rusange.

**Imfashanyigisho**: umwandiko urimo amazina bwite n'amazina rusange atandukanye.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arasaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gusoma interuro ziri mu bitabo byabo ku rupapuro rwa 143 no kuzitegereza, nyuma ababaze ibibazo bibafasha gutahura inshoza y'izina bwite n'iy'izina rusange n'uturango twayo.*

**Ingero z'interuro**

a) Umunsi umwe, Mashira n'abapfumu be bagiye kuragura, baraguriza kureba niba Sekarongoro wari umwami w'u Rwanda icyo gihe, atazanyaga Mashira Nduga na Ndiza kuko yahatwaraga hombi.
   Rubanda b'ibwami n'abandi benshi bahoze ari abagaragu ba Mashira bamenye ko ari Sebantu watumye Mashira asubizwa kuyobora Nduga, ni ko kuvuga bati "Ibintu ni magirirane".
b) Ariko Sebantu na Mashira bagumya gushidikanya.

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

c) Mutahure amazina avuga abantu ku giti cyabo n'ahantu ahantu hihariye muri izo nteruro.

d) Mutahure amazina ahuriweho n'abantu benshi cyangwa n'ibintu byinshi ari muri izo nteruro.

e) Amazina avuga abantu ku giti cyabo n'ahantu ahantu hihariye twavugako ari ubuhe bwoko bw'amazina?

f) Amazina ahuriweho n'abantu benshi cyangwa n'ibintu byinshi twavugako ari ubuhe bwoko bw'amazina?

**Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda:**

a) Amazina avuga abantu ku giti cyabo n'ahantu ahantu hihariye**:** Mashira, Sekarongoro, Sebantu, Magirirane, Rwanda, Nduga, Ndiza.

b)Amazina ahuriweho n'abantu benshi cyangwa n'ibintu byinshi**:** abapfumu, abagaragu, ibintu.

c) Amazina ahuriweho n'abantu benshi cyangwa n'ibintu byinshi ni amazina bwite.

d) Amazina ahuriweho n'abantu benshi cyangwa n'ibintu byinshi ni amazina rusange.

**2. Inshoza y'izina bwite**

Izi nteruro zirerekana ko izina bwite ari izina rihabwa umuntu uzwi, ikintu kizwi, ahantu hazwi, bikagira ibyo byihariye, bibitandukanya n'ibindi. Bityo, izina bwite ryitirirwa umuntu ku giti ke, cyangwa ikintu ku giti cyacyo, rikabitandukanya n'ibindi bihuje ubwoko.

**Ingero:** **M**ashira, **S**ekarongoro, **N**duga

**Ikitonderwa:** Amazina bwite yandikwa buri gihe atangijwe n'inyuguti nkuru.

**Inshoza y'izina rusange**

Izina rusange ni ijambo rigenerwa ibintu byinshi bifite icyo bihuriyeho cyangwa abantu benshi kuko bafite icyo bahuriyeho.

**Ingero:** abapfumu, iminsi,ubwatsi, inka, abantu.

**Ikitonderwa:**

Mu myandikire yaryo izina rusange rigira indomo kandi rikaba rishobora guhindura intego rikava mu bumwe rijya mu bwinshi igihe rivuga ibintu birenze kimwe, cyangwa rikava mu bwinshi rijya mu bumwe igihe rivuga ikintu kimwe rukumbi. Usibye indomo, izina rusange rigira kandi indanganteko yerekana inteko ririmo, igakurikirwa n'igicumbi gikubiyemo igisobanuro muzi cyaryo. Inyajwi y'indomo isa buri gihe n'iy'indanganteko. Izina rusange hari ubwo ritakaza indomo.

**Umwitozo**

*Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ikibazo kiri mu gitabo cyabo.*

Soma ibi bika bitatu biri hasi aha maze uvumburemo amaziba bwite n'amazina rusange uyuzuzishe iyo mbonerahamwe.

« Mibambwe Sekarongoro uwo bitaga Maboko atanga ataziganya, Rugabishabirenge, yari afite umugaragu we akitwa Rukari, akaba umutware w'Insanga. Yari yaramutonesheje by'akadasohoka. Rukari uwo yari afite umugore umwe rukumbi witwa Nyiramataza, yaramugize inkundwakazi bitavugwa, arahira kutazamuharika. Yari afite n'ingo nyinshi mu turere yagabiwe na Sekarongoro, zose zikagengwa na Nyiramataza. Urugo rumwe rwari i Rugobagoba na Bugaba hafi ya Kamonyi, urundi ruri i Buguri na Bugoba i Rukoma na Ngamba, urwa gatatu ruri i Bugaragara na Shyorongi rya Bumbogo bwa Huro, urundi ruri i Zoko na Mugina mu Buyaga bwa Byumba ; hakaba n'urw'i Ntebe na Rukara mu Buganza bwa ruguru. (Imisozi yo hagati y'izo ngo yatwaraga Rukari, kuva i Rugobagoba kugeza i Ntebe; yose ikayoboka Nyiramataza).

Nuko Nyiramataza abumba ibya Rukari byose, arakira aradabagira, umurengwe uramusaguka; bituma inshuti z'umugabo we, n'abavandimwe ndetse n'abagaragu be bamubaza, bati: "Ariko ko ureba uko ubukire bwawe bungana, igituma Nyiramataza yakwihariye muri bwo ni iki ?" Arabasubiza, ati: "Sinziharikira umugore; nzamutunga wenyine!" Bakurayo amaso, bati: "Si gusa yaramuroze!" Ibyo bamubwiye bihererey e, agahita ajya kubibwira umugore we. »

| **Amazina bwite** | **Amazina rusange** |
|---|---|
| Mibambwe Sekarongoro, Maboko atanga ataziganya, Rugabishabirenge, Rukari, Insanga, Nyiramataza, Rugobagoba, Bugaba, Kamonyi, Buguri, Bugoba, Rukoma, Ngamba, Bugaragara, Shyorongi, Bumbogo, Huro, Zoko, Mugina, Buyaga, Byumba, Ntebe, Rukara, Buganza | Umugaragu, umutware, umugore, inkundwakazi, ingo, urugo, imisozi, umurengwe, inshuti, umugabo, abavandimwe, abagaragu, ubukire, amaso |

**Intera ya gatanu: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru**

Igitabo cy'umunyeshuri ku rup. rwa 144

***Intego yihariye:***

Ahereye ku mwandiko ugaragaramo ahantu hatandukanye inyuguri nkuru ikoreshwa, umunyeshuri araba ashobora kwandika akoresha inyuguri nkuru aho ikwiye gukoreshwa.

**Imfashanyigisho**: Umwandiko ahantu hatandukanye inyuguti nkuru ikoreshwa, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

**1. Ivumburamatsiko:**

*Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gusoma no kwitegerez igika gikurikira, maze akababaza ikibazo kibafasha gutahura imikoreshereze y'inyuguti nkuru.*

**Urugero rw'igika:**

Wowe uracyavuga ntuzi ibyange! Ahubwo ntunsiga turajyana. Urabona uko ngana uku. Ubu koko birakwiye ko mbyara umwana umwe, inkoko ibyara abana benshi, ihene ibyara babiri, ikabyara batatu? Hoshi tugende nange nge kwibariza icyo nzira da!

**Urugero rw'ikibazo:**

Sobanura uko wabonye inyuguti nkuru zikoreshwa.

**Urugero rw'ibyava mu matsinda:**

Inyuguti nkuru zakoreshejwe mu ntangiriro y'interuro, ku nyuguti itangira amazina bwite y'ahantu n'ay'abantu. Inyuguti nkuru yakoreshejwe kandi inyuma y'akabago, akabazo n'inyuma y'agatangaro.

**2. Imikoreshereze y'inyuguti nkuru**

Inyuguti nkuru ikoreshwa:

a) Mu ntangiriro y'interuro
**Urugero:**
Umwana yagiye ku ishuri.

b) Inyuma y'akabago, akabazo n'inyuma y'agatangaro.
**Urugero:**
Mbega wowe? Mbese ni uko wabikoze? Si nari nzi ko ubikora gutyo. Birantangaje pe!

c) Ku nyuguti itangira amazina bwite y'ahantu n'ay'abantu.
Urugero:
Urugo rumwe rwa Sekarongoro rwari i Rugobagoba na Bugaba hafi ya Kamonyi.

d) Ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo, ay'inzego z'ubutegetsi n'ay'amashyirahamwe.
**Urugero:**
Nagiye gushaka ibyangombwa mu Kigo Gishinzwe Guteza Uburezi mu Rwanda.

e) Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro n'ay'ubwenegihugu; ay'indimi, ijambo Igihugu iyo rivuga u Rwanda.
**Ingero**
Twageze mu Gihugu cyacu dutangira kumva Abanyarwanda bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda.

f) Ku nyuguti itangira y'iminsi n'ay'amazina y'amezi
**Ingero**
Ku wa Gatandatu nzajya I Kigali.
Muri Mutarama yagiye i Cyangugu.

**Umwitozo**

**Icyandikwa:**

*Umwarimu arasomera abanyeshuri izi nteruro bazandike. Mu ikosora umwarimu aribanda ku mikoresheze y'inyuguti nkuru.*

Urugo rumwe rwari i Rugobagoba na Bugaba hafi ya Kamonyi.
Urundi ruri i Buguri na Bugoba i Rukoma na Ngamba. Urwa gatatu ruri i Bugaragara na Shyorongi rya Bumbogo bwa Huro. Urundi ruri i Zoko na Mugina mu Buyaga bwa Byumba. Hakaba n'urw'i Ntebe na Rukara mu Buganza bwa ruguru. Imisozi yo hagati y'izo ngo yatwaraga Rukari, kuva i Rugobagoba kugeza i Ntebe; yose ikayoboka Nyiramataza.

**Umwandiko: Akagoroba k'abana**

(Igitabo cy'umunyeshuri urup. rwa 151)

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri ze kuvugaho.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

⇒Kuri iyi shusho hariho abana bicaye munsi y'igiti cy'umunyinya ku mugoroba bakikije umusaza wicaye ku ntebe ya kinyarwanda ababwira arambuye amaboko nk'ufite icyo abumvisha.

**b) Ibikorwa by'aba bantu birerekana iki?**

⇒Igikorwa cyo gukoranyiriza abana munsi y'igiti ku kagoroba umusaza abicaye imbere ku ntebe ya kinyarwanda abategeye amaboko birerekana ihuriro ry'abantu bagamije kungurana inama. Kuba abana bicaye imbere y'umusaza bamuteze amatwi birerekana inama y'akagoroba umusaza yagiranye n'abana baturanye agamije kubahanura.

**c) Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « Akagoroba k'abana » bishatse kuvuga iki?**

⇒Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « Akagoroba k'abana » birasobanura ko muri uyu mwandiko harimo inama umusaza yahurijemo abana ku kagoroba ngo abagire inama kandi izo nama zikubiye muri uyu mwandiko. Kugira ngo abantu bamenye icyo abana baganiriye n'umusaza n'inama yabagiriye, uko bazakiriye n'umugambi bafashe agomba gusoma uyu mwandiko.



CamScanner

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko hanyuma ababaze ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni nde wakoranyije abana?**
⇒Uwakoranyije abana ni umusaza Bandebereho.

b) **Yabakoranyirije he**?
⇒Yabakoranyirije munsi y'igiti cy'umunyiya kiri imbere y'urugo rwe.

c) **Hari gihe ki?**
⇒Hari ku kagoroba.

d) **Baganiriye ku ki?**
⇒Baganiriye ku kamaro k'ishuri.

e) **Mutekereza ko iki gishushanyo gihuriye he n'umwandiko?**
⇒Iki gishushanyo kiriho abana benshi baganira n'umusaza kiragaragaza ko igihe cy'uyu musaza muri aka kagoroba, yagihariye aba bana kugira ngo baganire, abagire inama kubera ikibazo yabonye cyangwa yumvise ashaka ko babonera umuti.

### 2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

*Umwarimu agena abanyeshuri batasomye mu masomo yabanje, maze akabasaba gusoma umwandiko «Akagoroba k'abana » baranguruye ijwi igika ku kindi, umwumwe cyangwa mu matsinda mato igihe bishoboka, kugeza barangije umwandiko wose. Asaba abanyeshuri gukurikira usoma.*
*Mu gihe umwarimu ashakisha umunyeshuri usoma, agenzura uko bitabira gushaka gusoma. Mu gihe basoma agenda abakosora aho basomye nabi amagambo cyangwa aho batubahiriza neza utwatuzo.*

### 2.3. Gusoma no gusobanura amagambo akomeye

*Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye kandi basubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko; we akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*

*Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.*

*Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.*



CamScanner

**Urugero rw'ibyava mu matsinda**

**Ubwitange**: umuco wo kutiyitaho cyane ngo wirengagize abandi, ubushake bwo kugirira abandi akamaro.
**Badashishikajwe**: atari byo bahaye umwanya wa mbere, batabyitayeho, nta gaciro Babihaye.
**Bahwitura**: basubiza mu nzira, bakosora, bagira inama zo kureka ikibi bagakora ikiza
**Abizenura**: abagenda baseta ibirenge, abagenda batabishaka, abazarira mu nzira, Abakururuka.
**Abahanure**: abagire inamanziza.
**Umusingi**: intangiriro.
**Umukambwe**: umusaza
**Benda**: bashaka
**Babatwerereye**: babahaye nk'inkunga.
**Bamagirira**: birukana basakuza
**Intica ntikize**: utuntu tw'ubusabusa
**Bicuza:** bababajwe, bigaya kuba batarabikoze
**Bagamije**: bafite igitekerezo, intego, bashaka

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

*Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.*

**1. Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye ubwawe:**

**Guhwitura**: Ni byiza ko ababyeyi bahwitura abana bakora nabi n'iyo baba atari ababo.
**Kwizenura**: Abana bakunze kwizenura iyo babasabye gukora akazi badashaka.
**Guhanura**: Ikigero cyose umuntu arimo ntikibuza ko umuruta ubukuru yamuhanura.
**Kwamagirira**: Se ko munyamagirira nakoze iki kibi?
**Intica ntikize**: Bariya bakozi bawe uhemba intica ntikize nturabagumana igihe kirekire.
**Gutwerera**: Iyo umuntu agiye kurushinga aba akeneye abamutwerera.

**2. Sobanura izina Bandebereho ukurikije ibivugwa mu mwandiko.**

⇒Kurebera ku muntu ni ukumufataho urugero. Uyu musaza yakoranyije abana b'ababaturanyi, ntaho bivugwa ko hari uwe wari ubarimo, abona bagiye guta ishuri kugira ngo abibabuze. Ntiyihanganiye ko abana baba ibirumbo ngo bahinduke inkandagirabitabo nk'uko bijya bivugwa kubera ko babashukishije ubusabusa bw'amafaranga ngo bage kurinda inyoni mu muceri. Uwahimbye uyu mwandiko yashakaga guhamagarira n'abandi gufatira urugero kuri uyu musaza, maze bagakebura urubyiruko barubuza kureka ishuri kubera abarushuka ngo babajyane mu nyungu zabo bwite nko gusarura icyayi, kurinda imiceri n'ibindi, cyangwa ngo babajyane mu ngeso mbi nko kumywa ibiyobyabwenge, kwishora mu busambanyi n'ibindi.



CamScanner

**3. Abanyarwanda bakunze kuvuga ngo "izina ni ryo muntu". Usanga byigaragaza bite muri uyu mwandiko?**

⇒Bandebereho rivuze ngo nibanyigane, bakore ibyiza nk'uko nange mbikora cyangwa nabikoze. Ibyo bamureberaho ni ukugira umutima utihanganira ikibi cyaba ku wundi cyangwa utemera kumutererana mu nzira mbi arimo cyangwa ashaka kujyamo. Nk'uko yabujije abana guta ishuri nawe mwigane ubabuze kugira ikindi kibi bakora. Mu yandi magambo nimbabere urugero rwiza bagomba gukurikiza.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, abanyeshuri baraba bashobora bashobora:
Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni iki ushima umusaza Bandebereho?**

⇒Ndamushima ko atumvise abana bafite imigambi yo kuva mu ishuri ngo aterere iyo.

**b) Ni iki ugaya abanyeshuri bavaga kwiga?**

⇒Ndabagaya ko batihutiraga gutaha kandi ko bashakaga kuva mu ishuri ngo bage kurinda inyoni mu muceri bakurikiranyemo amafaranga y'intica ntikize.



CamScanner

**c) Umusaza Bandebereho yahinduye ate ibitekerezo bya bamwe mu bana ku buzima bwabo bw'ejo hazaza?**

Yabatumyeho abaganiriza ku buzima bwabo bw'ejo hazaza cyanecyane ku byiza bazavana mu ishuri. Yaberetse ko yitaye kuri ejo hazaza habo maze abumvisha ko kureka ishuri ari ukuyoba kuko ishuri ku warikurikiye neza ari umusingi ukomeye cyane w'ubuzima ababyeyi baba babatwerereye. Yabumvishije ko uwize ajijuka bityo akaba yanakwihangira umurimo wazamubeshaho neza kandi igihe kirekire, we n'abazamukomokaho. Yabumvishije ko kurinda inyoni mu muceri bataye ishuri ari uguhemukira ababyeyi babashyize mu ishuri kugira ngo bazigirire akamaro banakagirire igihugu. Yabumvishije ko kwirirwa bahondagura ibidebe bamagirira inyoni bitabakwiye anabumvisha ko udufaranga bakuramo ari intica ntikize nta cyo twabamarira bagereranyije n'inyungu bazavana mu gukurikirana amasomo yabo. Yabumvishije ko udufaranga duke bazavana mu muceri ari inyungu y'akanya gato kuko tutazamara igihe, ko kuri bo ari igihombo kizigaragaza mu bihe bizaza igihe bazaba bicuza icyatumye bata ishuri, babonye bagenzi babo barigumyemo bakarirangiza ryarabagejeje ku mishanga ibateje imbere ku buryo burambye.

**d) Inama za Bandebereho zatanze uwuhe musaruro?**

Abana biyemeje gufashanya bagirana inama kugira ngo n'abari bagamije guta ishuri babireke. Bafashe ikemezo cyo kutazata ishuri bari basanzwemo ndetse ko batazanasiba n'umunsi n'umwe iryo ryo munsi y'umunyinya ku buryo bazajya bahura buri wa Gatanu nimugoroba munsi y'umunyinya aho bise « ishuri rya muzehe » kugira ngo abahanure.

**Intera ya gatatu: Kwitoza gusoma**

***Intego zihariye:***

Bahereye ku mwandiko bahawe, abanyeshuri baraba bashobora gusoma mu ijwi riranguruye, badategwa, bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.

**1. Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*
*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**Intera ya kane: Gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa umunyeshuri araba ashobora:
Gusobanura insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko no kugaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.



CamScanner

**1. Isubiramo**

*Umwarimu abaza abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko baheruka kwiga.*

**2. Gusoma no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.*

*Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko. Umwarimu abivuga mu ijwi riranguruye akanabyandika ku kibaho kugira ngo afashe abatumva n'abatabona niba bahari.*

*Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.*

*Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kubinonosora bakabyandika.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko "Akagoroba k'abana?"**
   ⇒Insanganyamatsiko ivuga mu mwandiko "Akagoroba k'abana"ni iyo gukundisha abana ishuri.
2. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri muri uyu mwandiko.**
   ⇒Umwarimu ahera ku ngingo z'ingenzi abanyeshuri batanze maze akazinoza, abanyeshuri bakazandika.

**Intera ya gatanu: Inteko z'amazina rusange**

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, abanyeshuri baraba bashobora gusesengura inteko kugaragaza inteko z'amazina rusange.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, kongere gusoma umwandiko "Akagoroba k'abana" bakajonjoramo amazina rusange yose arimo maze bakayashyira mu matsinda bakurikije inyuguti enye ziyatangira no kuba yagira igisobanuro kimwe. Abasaba kandi kwitegereza amagambo babonye mu matsinda arimo maze bagatahura igice gisa ku magambo ari mu itsinda rimwe. Byaba byiza ariko banakoze interuro maze bakareba ukuntu buri zina ryisanisha n'andi magambo agize interuro.*



CamScanner

**Urugero rw'amagambo babona, igice gisa n'uko ayo magambo yisanisha mu nteruro:**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **Itsinda rya 1**<br>Umusaza<br>Umukambwe<br><br>**Igice gisa ni mu** | **Itsinda rya 2**<br><br>abanyeshuri<br>abana abaturanyi<br>ababyeyi<br>abazamukomokaho<br>**Igice gisa ni ba** | **Itsinda rya 3**<br><br>Umunsi<br>Umuceri<br>Umunyinya<br>Umwanya<br>Umusingi<br>Umurimo<br>**Igice gisa ni mu** | **Itsinda rya 4**<br><br>Imishinga<br>Iminsi<br>**Igice gisa ni mi** | **Itsinda rya 5**<br><br>Ishuri<br>**Aha ijambo ni rimwe. Dukoresheje isanisha tubona Ri** |
| **Itsinda rya 6**<br>Amasomo<br>Amafaranga<br>**Igice gisa ni ma** | **Itsinda rya 7**<br>Ikibaya<br>Igiti<br>Igihe<br>Igihugu<br>Igihombo<br>**Igice gisa ni ki** | **Itsinda rya 8**<br>Ibidebe<br>Ibihe<br>Ibikorwa<br>Igice gisa ni bi | **Itsinda rya 9**<br>Inzira<br>Impamvu<br>Inyungu<br>Ingingo<br>**Igice gisa ni n** | **Itsinda rya 10**<br>Inyoni<br>Inama<br>Inyungu<br>**Igice gisa ni n** |
| **Itsinda rya 11**<br>Urukundo<br>urugo<br>**Igice gisa ni ru** | **Itsinda rya 12**<br>Akagoroba<br>Agafaranga<br>Akamaro<br>Akanya<br>**Igice gisa ni ka** | **Itsinda rya 13**<br>Udufaranga<br>Udushinga<br>**Igice gisa ni tu** | **Itsinda rya 14**<br>Ubwitange<br>Uburyo<br>Ubuzima<br>**Igice gisa ni bu** | **Itsinda rya 15**<br>Ukuntu<br>**Igice gisa ni ku** |
| **Itsinda rya 16**<br>Aheza<br>**Igice gisa ni mu ha** | | | | |

**Urugero rw'interuro:**
– Ishuri **ri**ragaragara.
– Agafaranga **ka**rabonetse.
– Udushinga **tu**rakorwa.

Igice gisa kuri buri tsinda ry'amagambo kitwa **indanganteko.**

## 2. Inteko z'amazina

Mu Kinyarwanda tugira inteko z'amazina cumi n'esheshatu n' indanganteko cumi n'esheshatu.
Imbonerahamwe ikurikira irererkana izo nteko, indanganteko zazo n'urugero rw'izina riri muri buri nteko.

| Inteko | Indanganteko | Urugero rw'izina |
|---|---|---|
| 1 | -mu- | umukambwe |
| 2 | -ba- | abana |
| 3 | -mu- | umunyinya |
| 4 | -mi- | iminsi |
| 5 | -ri- | ishuri |
| 6 | -ma- | amasomo |
| 7 | -ki- | igiti |
| 8 | -bi- | ibidobo |
| 9 | -n- | impamvu |
| 10 | -n- | inyoni |
| 11 | -ru- | urugwiro |
| 12 | -ka- | akagoroba |
| 13 | -tu- | udufaranga |
| 14 | -bu- | ubuzima |
| 15 | -ku- | ukuri |
| 16 | -ha- | aheza |

**Uburyo bwo gufata mu mutwe indanganteko**

Uburyo bworoshye bwo gufata mu mutwe indanganteko z'amazina mu nteko zitandukanye ni ugusubiramo inshuro nyinshi amagambo akurikira: **mubamumirima** (1-6), **kibinn** (7-10), **rukatubukuha** (11-16).



CamScanner

**Ikitonderwa:** Muri izi nteko hari ebyiri zifite indanganteko zisa, ari zo iya gatatu n'iya mbere. Zombie indanganteko ni **mu**. Izi nteko zitandukanira ku mazina zirimo. Iya mbere ikorana n'amazina avuganabantu, iya gatatu ikorana n'ibindi bitari abantu.
**Uruero:** Amagambo umusaza n'umuceri afite indanganteko mu ariko **u**musaza ni inteko ya 1 naho **u**muceri ni inteko ya 3.

**Umwitozo**

Amagambo akurikira ari mu zihe nteko? Umutwe, umwangavu, urukweto, ubutaka, ukuboko. Andika indanganteko zayo.

⇒Umutwe: nt.3 mu
⇒Umwangavu: nt.1 mu
⇒Urukweto: nt.11 ru
⇒Ubutaka: nt.14 bu
⇒Ukuboko: nt.15 ku

**Intera ya gatandatu: Ubumwe n'ubwinshi by'amazina rusange**

***Intego yihariye:***

Ahereye ku mwandiko urimo amazina atandukanye, umunyeshuri araba ashobora gutahura amazina ari mu bumwe n'ari mu bwinshi

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gusoma neza igika cya mbere cy'umwandiko « Akagoroba k'abana » maze akabasaba gusubiza bakibajijweho.*

Bandebereho ni umusaza ufite urukundo n'ubwitange. Umunsi umwe yitemberera ku kagoroba yahuye n'abanyeshuri bava ku ishuri ariko akabona badahimbajwe no kwihutira kujya mu rugo. Yababajije impamvu ibatera kutava mu nzira ngo batahe iwabo bamusubiza ko baba bananijwe n'amasomo biriwemo, bamwumvisha n'ukuntu kwiga bivuna. Ndetse havamo bamwe bamubwira ko ishuri bazarireka bakigira kurinda inyoni mu muceri, dore ko baturiye ikibaya cy'Umukunguri, ngo byibuze byo byajya bibihera agafaranga. Umusaza byaramubabaje bitewe n'uburyo yumva akamaro k'ishuri, maze yiyemeza guhuza abana bose b'abaturanyi ngo abaganirire mu cyo yise akagoroba k'abana.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

1. **Muri iki gika ni ayahe magambo avuga umuntu umwe utagira uwa kabiri cyangwa ikintu kimwe kizira icya kabiri?**

⇒Umusaza, umunsi, ishuri, akagoroba, urugo, impamvu, ikibaya, akamaro, urukundo, agafaranga.



CamScanner

**2. Muri uyu mwandiko ni ayahe magambo avuga abantu barenze umwe cyangwa ibintu birenze kimwe?**

⇒Abanyeshuri, inyoni, amasomo, abana, abaturanyi.

**3. Ni ryari izina rusange riba riri mu bumwe cyangwa mu bwinshi?**

⇒Izina rusange riba mu bwinshi iyo rivuga abantu babiri cyangwa barenze, ibintu bibarika uhereye kuri bibiri ujyana hejuru; izina rusange riba mu bumwe iyo rivuga ikintu kimwe gusa cyangwa umuntu umwe utagira uwa kabiri.

**4. Ni ayahe magambo utabona aho ushyira? ku ki?**

⇒Uburyo, ukuntu aya maganbo ntabarika bityo ntawamenya umubare w'ibyo asobanura.

**5. Amagambo ari mu bumwe ari mu zihe nteko?**

⇒Amagambo ari mu bumwe ari mu nteko ya 1, 3, 5, 7, 9, 11, 12, 15

**6. Amagambo ari mu bwinshi ari mu zihe nteko?**

⇒Amagambo ari mu bwinshi ari mu nteko ya 2, 4, 6, 8, 10, 13

**7. Amagambo wabuze aho ushyira ari mu zihe nteko?**

⇒Amagagambo nabuze aho nshira ari mu nteko ya 14, 16.

**2. Itandukaniro ry'ubumwe n'ubwinshi bw'amazina rusange**

Mu myandikire yaryo izina rusange rishobora guhindura intego rikava mu bumwe rijya mu bwinshi igihe rivuga ibintu birenze kimwe cyangwa rikava mu bwinshi rijya mu bumwe igihe rivuga ikintu kimwe rukumbi. Niba izina rusange riba riri mu bumwe iyo rivuga ikintu kimwe, bene ayo mazina ari mu bumwe turayasanga mu nteko ya mbere (**mu**-), iya gatatu (-**mu**-), iya gatanu (-**ri**-; ), inteko ya karindwi (-**ki**-), iya kenda (-**n**-), iya cumi n'imwe (-**ru**-), iya 12 (-**ka**-) n'iya cumi na gatanu (-**ku**-). Niba izina rusange riba mu bwinshi iyo rivuga ibintu uhereye kuri bibiri kujyana hejuru, bene aya mazina tuyasanga mu nteko ya kabiri (-**ba**-), iya kane (-**mi**-), iya gatandatu (-**ma**-), iya cumi (-**n**-), iya cumi na gatatu (-**tu**-). Inteko zitagaragara mu bwinshi no mu bumwe ni iya 14 (-**bu**-) n'iya 16 (-**ha**-). Impamvu ntaho nazishyize ni uko zivuga ibintu tutashobora kugaragaza neza umubare wabyo.

**Umwitozo**

*Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo, barangiza bakawukosorera hamwe mu ishuri. Iyo abanyeshuri barangije gukora uyu mwitozo, bagurana amakaye maze bakaza gutanga amanota bakurikije ibisubizo bumvikanyeho byanditse ku kibaho. Barabanza bakumvikana ku byo bazashingiraho batanga amanota.*

**Shyira mu bumwe cyangwa mu bwinshi amazina rusange ari mu nteruro zikurikira maze usobanure ibyahindutse muri zo n'impamvu yabiteye.**

**1. Abapfumu ba Mashira babibona mu ndagu, bemeza ko Sekarongoro nta cyo azatwara Mashira**.



CamScanner

⇒Umupfumu wa Mashira abibona mu ndagu, yemeza ko Sekarongoro ntacyo azatwara Mashira. Kuba izina umupfumu riri mu bumwe, n'andi magambo arishamikiyeho arajya mu bumwe ku mpamvu z'isanisha.

**2. Haciyeho iminsi Mibambwe ashaka gutera Mashira.**

⇒Haciyeho umunsi Mibambwe ashaka gutera Mashira. Aha hahindutse izina « iminsi » rijya mu bumwe rihinduka « umunsi ». Nta kindi cyahindutse mu nteruro kuko nta rindi byari bifitanye isano.

**3. Iyo abantu babonye umuntu agiriye neza uwigeze na we kuyimugirira, ni bwo bavuga ngo «ibintu ni magirirane».**

⇒Iyo umuntu abonye abantu bagiriye neza abigeze na bo kuyibagirira, ni bwo avuga ngo « ibintu ni magirirane ». Aha amazina yari mu bwinshi yafiye mu bumwe n'ayari mu bumwe ajya mu bwinshi btyo n'ayashamikiyeho akurikiza uburyo yahindutse ku mpamvu z'isanisha.

**4. Ubwo byasobanuraga ko igihugu Mashira yatwaraga cyayobotse urukamishirizo.**

⇒Ubwo byasobanuraga ko ibihugu Mashira yatwaraga byayobotse urukamishirizo. Aha guhinduka kw'izina igihugu rikajya mu bwinshi byatumye n'inshinga iyishamikiyeho ijya mu bwinshi ku mpamvu z'isanisha.

**5. Ni ko kwibuka aho yamuvanye ari umukene cyane, yiyemeza kumusabira imbabazi kuri Mibambwe.**

⇒Ni ko kwibuka aho yabavanye ari abakene cyane, biyemeza kumusabira imbabazi kuri Mibambwe. Ibisobanuro ni bimwe n'ibibanza.

**6. Na we abonye umuntu uvuye kwa Mashira arishima cyane, aramuhaka, aramutonesha cyane.**

⇒Na we abonye abantu bavuye kwa Mashira arishima, arabahaka, arabatonesha cyane. Ku bisobanuro reba ibibanza.

**7. Babona inzuzi ziguye zerekeye aho inka zikamirwa.**

⇒Babona uruyuzi ruguye rwerekeza aho inka ikamirwa. Ibisobanuro biri mu bisubizo by'ibibazo byabanjirije iki kibazo.

**8. Nyagasani uriya mugabo ntabwo yigeze kukugomera, ahubwo ni abantu bamushutse.**

⇒Nyagasani bariya bagabo ntabwo bigeze kukugomera, ahubwo ni umuntu wabashutse. Ku bisobanuro reba igisubizo cya gatatu.

**Umwandiko: Uruhare rw'abunzi mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda**

Igitabo cy'umunyeshuri urup. rwa 158

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

⇒Kuri iyi shusho hari abagore babiri bakenyeye bya Kinyarwanda bahoberana bari imbere y'inteko y'abagabo n'abagore bicaye ku meza hari n'ikoraniro ry'abaturage abagabo, abagore, abana, abazima n'abamugaye bakoma mu mashyi bishimye.

**b) Ibikorwa by'aba bantu birerekana iki?**

⇒Igikorwa cyo guhoberana kiragaragaza ubwumvikane. Kuba abagore bahoberana bari imbere y'inteko ni uko abagize inteko bagize uruhare mu kubumvikanisha. Naho kuba abantu b'ingeri nyinshi bakoma mu mashyi biragaragaza ko bose bashyigikiye ibirimo kuba. Kumvikanisha abantu ni igikorwa kitagira uwo giheza, baba abakuru n'abato, abazima n'abafite ubumuga ndetse n'ab'igitsina gore cyangwa igitsina gabo ntibagihejwemo.

**c.Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « Ubwiyunge n'inzego z'abunzi» bishatse kuvuga iki?**

⇒Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « Ubwiyunge n'inzego z'abunzi » birasobanura ko muri uyu mwandiko harimo ibirebana n'abantu biyunga binyuze mu bunzi bagejejweho ibibazo bakabikemura barangiza bakunga impande zari zishyamiranye.

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko hanyuma ababaze ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

**Ingero z'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?**

⇒Muri uyu mwandiko haravugwamo Nyiramana na Nyiraminani, bene Rwambibi na Nyiranzoza.

**b) Babanye bate?**

⇒Ntibumvikana.

**c) Ni ba nde bagerageje kubumvikanisha bikananirana?**

⇒Ni abasaza Serufirira na Biraro (nyirarume wa Nyiraminani).

**d) Ubuhamya babatanzeho bwagaragaje ko aba bagore bapfana iki?**

⇒Ubu buhamya bwagaragaje ko Nyiramana ari nyina wabo wa Nyiraminani.

**e) Impapuro z'irangamimerere zo zagaragaje iki?**

⇒Impapuro z'irangamimerere zagaragaje ko Nyiramana na Nyiraminani bava inda imwe. Bombi ni abakobwa ba Rwambibi na Nyiranzoza.

### 2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

## 2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye

*Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye, akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*

*Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.*

*Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.*

### Urugero rw'ibyava mu matsinda

**Amakimbirane**: ubwumvikane buke
**Abunzi**: iri jambo riva ku nshinga kunga risobanura guhuza. Abunzi ni abantu bahuza abantu batumvikana bakabumvikanisha biciye mu biganiro no mu nama bagirwa n'abaturanyi babazi neza.
**Kubumvikanisha**: gutuma bongera kubana neza.
**Imibyirukire**: imikurire.
**Gushakana**: guhura kw'umusore n'inkumi bagashinga umuryango.
**Bombi:** uko ari babiri.
**Kwitaba Imana:** gupfa, gutabaruka.
**Umushiha:** umutima mubi, umunabi.
**Uruhare:** umwanya ugira mu gukora ikintu.
**Ntubiteze:** ntuzabibona.
**Yayirazwe:** yayisigiwe n'ababyeyi bamaze gupfa.
**Irage:** ibyo umwana yagabanye ku babyeyi be bapfuye.
**Gushyamirana:** kutumvikana.
**Insobe:** igiti gikomeye cyane kigoye kwasa. Aha ni ikibazo kigoye gukemura.
**Izungura:** ugusigara mu mitungo y'ababyeyi bawe bapfuye.
**Kwiyunga:** kongera kubana neza, kwihuza bakongera kubana.
**Inyangamugayo:** umuntu buri wese yizera, inziragihemu.
**Gukemura:** kurangiza, kubonera umuti.
**Kwitaba:** kwikiriza, kugera aho wahamagajwe.

### Imyitozo y'inyunguramagambo

*Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.*

Koresha amagambo mu nteruro wihimbiye ubwawe
**Amakimbirane**
⇒Kubera gukunda ubutaka cyane abaturage bamwe bahora mu makimbirane.



CamScanner

**Kumvikanisha**
⇒Abaturanyi beza bumvikanisha bagenzi babo bapfa imitungo.
**Kwitaba Imana**
⇒Umuririmbyi Mwitenawe Agustini yitabye Imana ku wa 8/07/2015.
**Umushiha**
⇒Abarwayi b'igifu bakunze kugira umushiha.
**Gushyamirana**
⇒Abaturage bashyamiranye badindiza amajyambere y'igihugu.
**Kunga**
⇒Iyo abaturanyi biyemeje kunga bagenzi babo batumvikana biba bitakiri ngombwa ko bajya mu manza.
**Kwiyunga**
⇒Nyuma yo gusobanukirwa n'inyungu zo gushyira hamwe, Minani na Kamana bahisemo kwiyunga aho gukomeza kuryana.
**Insobe**
⇒Ikibazo cy'amazi mu Mujyi wa Kigali kiba ari insobe mu kwezi kwa Kanama.
**Inyangamugayo**
⇒Abantu bose baramwizera kuko ari inyangamugayo.
**Kuraga**
⇒Iyo umubyeyi apfuye ataraze abana be basigara bapfa imitungo asize.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***
Nyuma y'iki kigwa, abanyeshuri baraba bashobora bashobora:
gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**
*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**
*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye.*
*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**
*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva*

*umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?**

⇒Nyiramana na Nyiraminani, abakobwa ba Rwambibi na Nyiranzoza.

**b) Bafitanye ikihe kibazo?**

⇒Bafitanye ikibazo cyo kudashaka kugabana isambu basigiwe n'ababyeyi babo bitewe n'uko Nyiramana avuga ko atava indimwe na Nyiraminani.

**c) Cyatangiye ryari?**

⇒Ikibazo cyatangiye nyuma y'urupfu rw'ababyeyi babo ari uko umuhungu wa Nyiramana yubatse inzu muri iyo sambu nyamara yari isanzwe yihingirwa n'abaturanyi ba Rwambibi)

**c) Cyahinduye iki mu mibereho yabo?**

⇒Iki kibazo cyatumye hagati yabo haza ubwumvikane buke.

**d) Byagenze bite kugira ngo kirangire?**

⇒Kugira ngo kirangire, bakigejeje mu bunzi, maze bafatanyije n'abaturanyi babo babagabanya ya sambu bitabaje impapuro zo mu biro by'irangamimerere zagaragazaga ko bava inda imwe.

**c) Ubwumvikane buke hagati ya Nyiramana na Nyiraminani buturuka ku ki?**

⇒Ubwumvikane buke hagari ya Nyiramana na Nyiraminani buturuka ku isambu se yasize amaze gupfa.

**Intera ya gatatu: Gusesengura umwandiko**

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa umunyeshuri araba ashobora gusubiza ibibazo byo gusesengura.

**Imfashanyigisho:** umwandiko uhinwa, amashusho ajyanye n'umwandiko, ibitabo byo gusoma birimo imyandiko yanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Umwarimu arabaza abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko "Uruhare rw'abunzi mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda."*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusoma no gusesengura umwandiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri gusoma umwandiko bari mu matsinda no kugerageza kuwusesengura basobanura insangayamatsiko ivugwamo banagaragaza ingingo z'ingenzi zivugwamo.*

*Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bituma bagaragaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko. Umwarimu abivuga mu ijwi riranguruye akanabyandika ku kibaho kugira ngo afashe abatumva n'abatabona niba bahari.*
*Umwarimu agenzura imikoranire y'abanyeshuri mu matsinda, barangiza akabasaba kumurika ibyavuye mu matsinda.*

*Amatsinda yose amaze kumurika ibisubizo byayo, umwarimu afasha abanyeshuri kubinonosora bakabyandika.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni izihe nama wagira Nyiramana na Nyiraminani bakugejejeho ikibazo bafitanye?**

⇒Nabagira inama yo kubanza bagatekereza ku nyungu bari kugira iyo babana neza bagafatanya gutunganya isambu bapfa. Nkongera nkabibutsa ko mbere yo gushyamirana babanza bakareba ko nta cyo bahuriyeho cyagombye kubagira umwe. Nkabagira inama yo kutikunda, bityo bombi bakabyaza umusaruro isambu y'umubyeyi wabo aho kuyiryaniramo. Sinakwibagirwa no kubumvisha ko bavuka nta sambu bazanye, bayisanze aho, ababyeyi bayibasigira nta ruhare babigizemo, kandi ababyeyi bagenda barayisize. Bityo na bo nibagenda bazayisiga nta mpamvu yagombye gutuma bapfa ikintu bazasiga ku isi. Nari kubasaba kubanza kugana ibiro by'irangamimerere, bakamenya neza uwanditse nk'umwana wa Rwambibi kugira ngo badapfa ubusa, maze ubwabo birangirize ikibazo batihaye rubanda.

**b) Wavuga iki ku buhamya bwa Serufirira na Biraro?**

⇒Ubu buhamya ni ubw'abantu bahagaze ku bintu bakaba babizi neza. Ariko kubera ko ababutanze batakurikiranye neza ngo bamenye ko Rwambibi yasize yiyandikishijeho Nyiraminani nk'umwana we bwatumye ikibazo kirushaho gukomera aho kucyoroshya. Nkaba nakeka ko aba basaza bashakaga gufatanya na Nyiramana kurenganya Nyiraminani kubera inyungu bumvikanyeho nko kuzajya babatira iyi mirima bagakomeza kuyihinga, nko kuba baraguriwe n'ibindi.

**c) Ese iyo usomye uyu mwandiko ukagereranya n'ibijyanye n'izungura kuri ubu usanga byari kugenda bite?**

⇒Kuri ubu umwana ni we uzungura ababyeyi be. Kubera ko Nyiramana na Nyiraminani bombi ari abana ba Rwambibi nk'uko impapuro z'irangamimerere zibigaragaza, bafite uburenganzira bungana ku mutungo wasizwe na se. Ariko iyo koko Nyiraminani ajya kuba umwuzukuru wa Rwambibi, Rwambibi akaba yarasize nta mugabane amuhaye nk'umubyeyi wamureze akamukuza, yari kuba nta burenganzira afite ku isambu ya Rwambibi, yari kuba iya Nyiramana we akajya mu bya se i Zivu nk'uko Nyiramana yabimubwiraga. Gusa, ubundi umubyeyi wareze umwana aba agomba no kumugenera umurage, kandi Rwambibi ni we

wasigaye arera umwuzukuru we Nyiraminani nyina amaze gupfa. Bombi rero bari kuba bafite uburenganzira kuri iriya sambu kuko bombi amategeko abibemerera.

**d) Usanga Nyiraminani na Nyiramana bari bafite uburenganzira ku isambu ya Rwambibi? Sobanura bihagije igitekerezo cyawe.**

⇒Ku bwange bombi bari bayifiteho uburenganzira. Impapuro z'ubutegetsi nk'ikarita yanditswe n'ibiro by'irangamimerere ni ikimenyetso ndakuka giha umuntu wese uburenganzira ku mutungo w'ababyeyi.

**e) Ibibazo bikunze gushyamiranya abantu mu gace mutuye ni ibihe kandi bikemuka bite?**

⇒Aha buri mwana avuga uko bimeze iwabo n'uburyo birangizwa.

**f) Garagaza gihamya y'ubwumvikana buke hagati ya Nyaramana na Nyiraminani igaragara mu mwandiko.**

⇒Kuba Nyiramana na Nyiraminani batumvikana birahamywa n'ibi bikurikira:

Nubwo bava inda imwe ariko, bafitanye amakimbirane ku buryo batacyumvikana na busa.

Nyiramana we yemeza ko atavukana na Nyiraminani. (Uwumvikana n'undi ntiyihakana ko bavukana.)

Bashatse gutanga ikirego ku rukiko. (Haregana abantu bananiwe kumvikana.)

Nyiramana aremeza ko atava inda imwe na Nyiraminani. Nyiraminani aravuga ati: "Jya kugabana ibya so, mu mpinga y'Imitari muri Shyanda, ibya data ntubiteze." Bagerageje kubakiranura rubura gica.

**Intera ya kane: Ihinamwandiko**

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gukora inshamake y'umwandiko yasomye akurikije uburebure yasabwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo kirimo imyandiko itandukanye n'ibindi umwarimu yabona ko akeneye.

**1. Isubiramo**

*Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, kongera gusoma umwandiko "Uruhare rw'abunzi mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda" maze akababaza ibibazo bikurikira bibafasha kuvumvura inshoza y'ihinamwandiko.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?**

⇒Nyiramana na Nyiraminani, abakobwa ba Rwambibi na Nyiranzoza.

**b) Bafitanye ikihe kibazo?**

⇒Bafitanye ikibazo cyo kudashaka kugabana isambu basigiwe n'ababyeyi babo bitewe n'uko Nyiramana avuga ko atava indimwe na Nyiraminani.

**c) Cyatangiye ryari?**

⇒Ikibazo cyatangiye nyuma y'urupfu rw'ababyeyi babo ari uko umuhungu wa Nyiramana yubatse inzu muri iyo sambu nyamara yari isanzwe yihingirwa n'abaturanyi ba Rwambibi)

**d) Cyahinduye iki mu mibereho yabo?**

⇒Iki kibazo cyatumye hagati yabo haza ubwumvikane buke.

**e) Byagenze bite kugira ngo kirangire?**

⇒Kugira ngo kirangire, bakigejeje mu bunzi, maze bafatanyije n'abaturanyi babo babagabanya ya sambu bitabaje impapuro zo mu biro by'irangamimerere zagaragazaga ko bava inda imwe.

**f) Ufashe ibisubizo by'ibi bibazo ukabikurikiranya umwandiko wavanamo waba uhuriye he n'umwandiko «Uruhare rw'abunzi mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda »?**

⇒Waba ari inshamake yawo.

**2. Inshoza y' ihinamwandiko**

Ihinamwandiko ni uburyo bwo kuvuga cyangwa kwandika umwandiko ubwawo mu magambo make yifujwe. Impine y'umwandiko igerwaho uhereye ku bibazo umuntu yibaza mu rwego rwo kumva umwandiko noneho ibisubizo by'ibyo bibazo byashyirwa hamwe, akaba ari byo bitanga impine y'umwandiko. Mu Kinyarwanda, hari amabwiriza agomba gukurikizwa mu ihinamwandiko.

**3. Amabwiriza y'ihinamwandiko**

– Gusoma witonze, inshuro ebyiri cyangwa eshatu umwandiko ugomba guhina; ukirinda kugira ijambo cyangwa interuro ucaho umurongo;
– Kwita ku gitekerezo rusange;
– Kwibaza ibi bibazo: Baravuga iki? Kubera iki? Ni iki bibandaho kurusha ibindi?
– Gukurikiranya ibisubizo by'ibyo bibazo bigaragara nk'ingingo z'ingenzi z'umwandiko;
– Gukomatanyiriza hamwe izo ngingo mu mwandiko mushya maze ukarema umwandiko mushya;
– Kongera gusoma umwandiko uhinwa igika ku kindi, kugira ngo urebe niba nta gitekerezo k'ingenzi wibagiwe;
– Kwita ku gihe k'ibarankuru (impitagihe, inzagihe, indagihe);
– Uhina akoresha amagambo n'imvugo bye kandi atagoretse ibitekerezo biri mu mwandiko ahina;
– Kongera gusoma umwandiko mushya kugira ngo urebe ko ingingo zose zirimo.
– Impine igomba kumvikana, kwandikwa neza, ntiyitarure umwandiko cyangwa ngo usange yawubereye igisobanuro.
– Uhina yirinda kwishyiramo. Umutwe w'umwandiko w'impine ugomba gutangira utya: "Impine y'umwandiko…"
– Mu mpine ntibyemewe gushyiramo imvugo y'undi. Birabujijwe gukoporora agace

ako ari ko kose k'umwandiko n'iyo yaba ari interuro, utabishyize mu twugarizo n'utwuguruzo. Ntibivuze ariko kudakoresha ijambo cyangwa ibango ry'umwandiko uhina.

– Ihinamwandiko nk'umwitozo wo mu ishuri wubahiriza amabwiriza yatanzwe ahanini agaragaza uburebure ntarengwa. Iyo nta burebure bwagenwe, uhina umwandiko yawuhina muri kimwe cya kane cy'uburebure bw'umwandiko uhinwa.

**Ikitonderwa**

– Impine si imbata y'umwandiko: si byiza gukoreshamo udukubo atari ngombwa, kuvuga n'ibindi cyangwa gukoresha uturegeka (...). Wubaka neza interuro zose.
– Impine si inyandiko igizwe n'uduce dutandukanye n'iyo twaba dufite aho duhuriye, uduce usanga twakuwe mu mwandiko.
– Impine si igisobanuro: Igomba kubahiriza ubutumwa buri mu mwandiko, igitekerezo cy'umwandiko waba ukemera cyangwa utakemera.

Uyu mwitozo w'ihinamwandiko ugamije kumenyereza usoma wese kwegeranya ingingo z'ingenzi, bityo agakubira mu magambo make ibyo yabonye, yasomye, yumvise, yafashe mu mutwe. Unamenyereza abiga gukora imbata y'ibyo bateganya kugeza kuri bagenzi babo birinda gutandukira.

**Imyitozo**

**1. Mwongere musome umwandiko "Akagoroba k'abana" maze muwukorere inshamake itarengeje imirongo cumi n'itanu.**

*Umwarimu abaza abanyeshuri uko bagera kuri iyi nshamake maze akabazaho ibibazo byatuma bayigeraho*

**2. Bwira muri make bagenzi bawe agakuru wasomye cyangwa wumvise.**

*Buri munyeshuri ahabwa umwanya akabwira bagenzi be iby'agakuru yumvise yibanda ku bayivugwamo n'aho bari biri, ku byababayeho no ku ngaruka byabagizeho cyangwa byagize ku bandi...*

**3. Hina umwandiko "Uruhare rw'abunzi mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda" mu magambo atarenze mirongo kenda.**

**Urugero rw'ihinamwandiko bakora:**

*Nyiramana na Nyiraminani, abakobwa ba Rwambibi na Nyiranzoza bafitanye ikibazo cyo kudashaka kugabana isambu basigiwe n'ababyeyi babo bitewe n'uko Nyiramana avuga ko atava indimwe na Nyiraminani. Ikibazo cyatumye hagati yabo haza ubwumvikane buke, cyatangiye nyuma y'urupfu rw'ababyeyi babo ari uko umuhungu wa Nyiramana yubatsemo inzu nyamara iyo sambu yari isanzwe yihingirwa n'abaturanyi ba Rwambibi. Kugira ngo kirangire, bakigejeje mu bunzi, maze bafatanyije n'abaturanyi babo babagabanya ya sambu bitabaje impapuro zo mu biro by'irangamimerere zagaragazaga ko bava inda imwe.*

**Umukoro**

Musabe ababyeyi banyu kubacira umugani maze muzabwire bagenzi banyu muri make ibikubiye muri uwo mugani nimugaruka ku ishuri.

⇒*Umwarimu azakosora umukoro asaba abanyeshuri kuvuga muri make umugani ababyeyi babaciriye.*

**Isuzuma risoza umutwe wa gatanu**

*Umwarimu asobanurira abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cyabo akabasaba gusubiriza mu makaye yabo. Iyo barangije, mwarimu afatanya na bo kuwukosora. Abanza kwibukiranya na boaho basanga inyuguti nkuru mu ijambo n'aho batazisanga. Ababaza niba hari aho basanze interuro zivugitse nabi akababaza aho ikosa rishingiye, bakaba bamusubiza ko ari mu isanisha. Bafatanya gukosora umwitozo bakurikije imikoreshereze y'inyuguti nkuru mu ijambo no mu nteruro n'uko basanzwe bavuga. Uko abanyeshuri bagenda basubiza ibi bibazo ni na ko mwarimu abasaba gutanga impamu. Aho badashoboye abaha inzira ituma babigeraho nko kubabaza aho inyuguti iyi n'iyi iherereye mu ijambo, ukora igikorwa cy'inshinga niba ari umuntu cyangwa niba ari imbwa, n'ibindi. Uko bagenda bakosora ni ko bagenda bandika ibisubizo ku kibaho. Iyo barangije ikosora, abanyeshuri bahinduranya amakaye bagakosorana batanga amanota bakurikije ibisubizo biri ku kibaho.*

**1. Andukura iki gika ushyira inyuguti nkuru ahari ngombwa, unazikura ahatari ngombwa, kandi utahure amakosa y'isanisha yakozwe mu nteruro zimwe na zimwe uyakosore.**

⇒Umwami **G**ahima yaraze ingoma ye **N**dahiro **C**yamatare. **B**ene se baramuhagurukira baramurwanya, bageza n'igihe batabaza abanyamahanga "**N**zira na **N**sibura". **Y**ari yasigaranye ibihugu by' **iN**duga n'iby' inkiga. **U**bug**a**nza, **U**bwanacyambwe byari byigaruriw**e** na bene se. **B**aza no kumutera n'aho yari asigaranye. **U**mwami niko kwibwira bati "**s**inshaka ko bansanga mu **R**wand**a** hagati, **n**giye mu nkiga abe ari ho **ba**nsanga, nibazansinda nzagwe hakurya ya **N**yabarongo. **A**riko umwana **w**ange **N**doli ntibazamubona. **B**asubira mu bwiru, baraguriza aho **b**azamuhungishiriza, bemeza ko ba**mw**ohereza kwa nyirarume **K**aremera i **K**aragwe, bashaka n'umuntu wazajya ajya yo aka**mu**bwira uko u **R**wanda **ru**meze. **U**mugabo **K**avuna akaba yicaye mu **m**uryango yumva ibyo bavuga byose. Ndoli bamuhungishiriza kwa nyirarume. **N**ibwo **N**dahiro **a**hungiye mu nkiga n'ingabo **z**e **b**ambuka **N**yabarongo. **B**ene se n' a**b**anyamahanga**b**ari **b**atabaje **ba**rahamusanga, baraharwanira biracika. **I**ngabo z' umwami **N**dahiro **zi**rahashirira, **a**sigara **a**rwana wenyine, agwa mu myambi y'**A**bakongoro ba **N**zira. **Y**aguye hafi ya **K**ibirira.

**2. Garagaza mu mbonerahamwe ingero eshanu kuri buri bwoko bw'amazina yakoreshejwe muri iki gika.**

...ngiye mu nkiga abe ari ho bansanga, nibazansinda nzagwe hakurya ya Nyabarongo. Ariko umwana wange Ndoli nti bazamubona. ... bemeza ko bamwohereza kwa nyirarume Karemera i Karagwe, bashaka n'umuntu wazajya



CamScanner

ajya yo akamubwira uko u Rwanda rumeze.... Nibwo Ndahiro ahungiye mu nkiga n'ingabo ze bambuka Nyabarongo. Bene se n'abanyamahanga bari batabaje barahamusanga, baraharwanira biracika. Ingabo z'umwami Ndahiro zirahashirira, asigara arwana wenyine, agwa mu myambi y'Abakongoro ba Nzira.

⇒Imbonerahamwe igaragaza amazina yakoreshejwe mu gika.

| **Amazina bwite** | **Amazina rusange** |
|---|---|
| Nyabarongo, Ndori, Karemera, Karagwe, Rwanda, Ndahiro, Abakongoro, Nzira. | Inkiga, umwana , umuntu, ingabo, abanyamahanga, umwami, imyambi |

**3. Uzuza mu nteruro amagambo akurikira: arabagara, guhagurukira, yigaruriye, kuraguza, nyirarume.**

a) Mu minsi ye ya nyuma umubyeyi ahamagara abana be **arabaraga** kugira ngo batazasigara barwanira imitungo ye.

b) Abanyarwanda biyemeje **guhagurukira** gukora umuganda.

c) Kubera kugira ifaranga uriya mukire yigaruriye ibishanga byose byo mu Karere.

d) Mbere yo gutera ibindi bihugu, abami b'u Rwanda babanzaga **kuraguza.**

e) Karori yagiye kwa **nyirarume** asanga yararembeye mu nzu.

**4. Shyira mu bumwe iyi nteruro ikurikira: «Bene se baramuhagurukira baramurwanya, bageza n'igihe batabaza abanyamahanga. »**

⇒Mwene se aramuhagurukira aramurwanya, ageza n'igihe atabaza umunyamahanga.

**5.Kora inshamake y'umugani ukurikira mu mirongo itarenze makumyabiri n'itanu (25).**

**Umugani wa Bakame n'impyisi**

Kera Bakame yacuditse n'impyisi, biranywana, birabana bishyira kera. Ariko Bakame ikababazwa n'uko impyisi iyirusha ubukungu. Bukeye Bakame ibwira impyisi iti : "Reka ducuruze impu, ubukungu bwawe burusheho kwiyongera, ndetse ungurize ibintu byo gutangiza, nzage nkungukira". Impyisi irabyemera. Bitangira gucuruza impu, zimaze kugwira, bijya kuzicuruza mu mahanga, inyungu ikabikwa kwa Bakame. Bakame imaze gukungahara irirwaza. Bwa bucuruzi burahagarara ariko impyisi nti yabyitaho.

Hashize iminsi, Bakame irazinduka no kwa Mpyisi iti: "Yemwe abo kwa Mpyisi mwaramutseho !" Impyisi iti : "Bwakeye Baka"! Bakame irihangana irarikocora iti: "Nta miramukire yange, baraye baducucuye, badusahuye nti badusigira na busa". Ubwo impyisi igwa mu kantu, mbese isa n'ikubiswe n'inkuba. Bakame ibonye ko impyisi ibuze aho irigiti ra irayishukashuka, iyibwira ko izabiyishyura.

Bakame iragenda ifukura icyuzi, yororeramo amafi , amaze gukura ikajya ijya kuroba ayo yirira. Hashize ukwezi impyisi ijya kwishyuza Bakame ibintu byayo. Bakame



CamScanner

iyakira neza, yikoza munsi y'urugo iroba amafi  cumi iraza irayateka iyavanamo umufa uryoshye cyane, maze yegereza impyisi. Mu mwanya muto impyisi iba irakomba imbehe. Irangije iti  : "Mbese shahu Bakame, ibi bintu biryoshye bitya, ubikura he?" Bakame irahaguruka ijya kuyereka icyuzi cyayo iti  : "Ugende ufukure nk'iki, amafi azimezamo".

Warupyisi igeze imuhira sinakubwira ukuntu yarimbaguye umusozi mu mwanya muto. Imaze kuyoboramo amazi, itegereza ko amafi yazamo, iraheba. Ni bwo igiye kwa Bakame iyirakariye cyane. Igezeyo, Bakame iyisomya ku nkangaza y'akataraboneka. Kwibuka icyari kiyizinduye biragatabwa! Imaze kuryoherwa cyane, iti: "Mama we! Ibi se byo wabikuye he?" Bakame iti: "Ukagira rwa rutoki rwose, ukabura inzoga y'ubuki? Hoshi genda utemagure za nsina zose, amakakama azivuyemo uyashyire mu kabindi, amaremo ibyumweru bitatu, maze uzasomeho wiyumvire". Impyisi iragenda ibigenza uko Bakame yayibwiye. Ibyumweru bitatu bishize, igotomeraho, maze ururimi rurababuka, inkanka ziratenguka. Umujinya urayica, ifata umufuka no kwa Bakame ntiyasuhuza, ihita igafata igashyira muri wa mufuka, ngo ige kukaroha mu manga. Igeze mu nzira yibuka ko yibagiriwe urujigo rwayo kwa Bakame, iratura, isubira inyuma yiruka.

Ingeragere iza kunyura hafi y'uwo mufuka. Bakame iti: "Uraho Ngeragere!" Ingeragere iti: "Uracyabaho Baka ! Ese urakora iki muri uwo mufuka shahu Baka?" Bakame iti: "Ntiwamenya ibyange. Ubu banshyize muri iyi ngobyi ngo bage kunyimika, nge ntegeka utunyamaswa turi hariya hakurya, ni cyo gituma bagiye bampetse! Nyamara simbishaka, ariko ntibabyumva!" Ingeragere iti: "Shyuuuu! Ukivutsa umugisha nk'uwo! Reka nigiremo niba utabishaka".

Bakame ibanza kwangira, nyuma iti: "Ngaho jyamo ariko nawe urampemba!" Ingeragere ihambura wa mufuka, ivanamo Bakame, maze iwinagamo. Bakame si ukuwukanira irawukomeza koko. Irangije iti: "Ngiye kuguteguriza".

Muri ako kanya impyisi iba iraje, ibatura umufuka ngo: "Girigiri…!" Igeze hirya iti: "Ariko noneho ko biremereye cyane, iyi nkenya iriye iki? Ay'ubusa ariko ndakuroha, dore igihe wambeshyeye!" Ingeragere ngo ibyumve iti: "Reka Mpyisi sindi Bakame, nshyira hasi nigendere." Iraboroga cyane ariko impyisi ntibyumve, ahubwo ikayisubiza ngo: "Dore aho wambeshyeye, ubwenge bwawe ndabuzi, umunsi ntarengwa ni uyu!" Iragenda no mu manga ngo "pooo!" Ingeragere iniha rimwe gusa, igera mu kabande itakirashya.

Impyisi itaha yizeye ko igiye kwirira ya mafi ya Bakame no kwinywera ya nzoga y'ubuki. Ku mugoroba nti gezeyo, isanga ka Bakame kidundaritse ku nkombe y'icyuzi cy'amafi yako kararoba. Bihehe igihinguka aho, Bakame iba yayibonye. Bakame iti: "Warupyisi ntunyegere, ntabwo abatarapfa nkawe bagomba kwegera abavuye ikuzimu

nkange!" Impyisi irumirwa igira ngo koko Bakame yazutse, ishya ubwoba itekereje ko wenda ihamye aho yapfa. Irirukanka irahunga izinukwa ityo kuzongera kwikorereza Bakame no gucudika na yo.

Si nge wahera hahera umugani.

⇒ *Umwarimu azakosora areba ko abanyeshuri bubahirije amabwiriza y'ihinamwandiko.*



CamScanner

# 6 UMUTWE WA GATANDATU: GUKUNDA NO KWITABIRA UMURIMO

*Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:*

- Gusesengura imyandiko ijyanye no gukunda no kwitabira umurimo bigaragara mu mwandiko.
- Gusesengura amazina rusange mbonera agaragaza uteremajambo n'amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi
- Gusesengura ikinamico no gukoresha mu nteruro udukubo n'udusodeko.

**Umwandiko: Umuhinzi n'abana be**

Igitabo cy' umunyeshuri, urup. rwa. 170

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

*Intego yihariye:*

Ahereye ku mwandiko yahawe umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko no kuyakoresh mu nteruro ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku gukunda no kwitabira umurimo, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

⇒Kuri iyi shusho abahungu n'umukobwa bari mu murima bahinga banatera intabire.

**b) Utekereje ibi bishushanyo yashakaga kwerekana iki?**

⇒Igikorwa cyo guhingira hamwe biragaragaza guhuriza hamwe imbaraga kugira ngo bongere umusaruro.

**c) Ibi bishushanyo byaba bihuriyehe n'umwandiko?**

⇒Muri uyu mwandiko haba havugwa ibyerkeranye no gukorera hamwe bituma abantu biteza imbere, bakihaza mu biribwa ndetse bagasagurira n'amasoko.

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko hanyuma ababaze ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko ?**

⇒Muri uyu mwandiko haravugwamo umusaza n'abana be.

**b) Bateranijwe n'iki ?**

⇒Abana bahuye na se ushaje cyane wabatumije kugira ngo abagezeho ibanga.

**c) Ni iki yabakanguriye?**

⇒Yabakanguriye kutagurisha isambu abasigiyeho umurage ahubwo bakayibyaza umusaruro.

**d) Izo nama zakurikijwe ryari ?**

⇒Izo nama zarakurikijwe umusaza amaze gupfa.

### 2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

### 2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye, akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*

*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda:**

**Umukungu**: umuntu ufite ubukire akomora ku buhinzi n'ubworozi.
**Rumugera amajanja**: rwenda kumutwara.
**Ibanga**: ubutumwa bugenewe umuntu wihariye buba butagomba kugira undi ubumenya.
**Umurage**: umugabane umwana asigirwa n'umubyeyi mbere y'uko yitaba Imana.
**Muzabuvumbura:** muzabugeraho ari uko mukoze mubushakisha**.**
**Nababwira iki**: ni imvugo ikoreshwa umuntu akangurira undi gukora ashyizeho umwete.
**Muyirime**: muyihinge mugaragaze amasinde.
**Muyitabire**: muhinge mugaragaze intabire.

**Aritahira**: arapfa.
**Barayitaganyura**: barayicukura barayishwanyaguza nta ho basize.
**Ijambo rya nyuma**: ikifuzo ke yabagejejeho mbere yo gupfa.
**Bashyizeho umwete**: bayitayeho, bashishikaye.
**Ibigega**: ni igitebo kinini kandi kirekire giteretse ku ngiga z'ibiti zishinze mu butaka gisakaye bahunikamo imyaka.
**Imitiba**: ibitebo birebire binini babikamo ibishyimbo, anashaka n'indi myaka.
**Barahunika**: babibika igihe kirekire.
**Bavayo**: barakira birenze.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

**1. Koresha mu nteruro zawe bwite amagambo akurikira :**

**Kugera amajanja**

⇒Impanuka y'indege ijya kuba ari uko rukugera amajanja.
**Kwitahira**
⇒Wa musaza yitahiye neza atanduranyije.
**Ijambo rya nyuma**
⇒Ijambo rye rya nyuma ryabaye gusaba abana be gushyira hamwe bakirinda icyatatanya ingufu zabo.
**Gushyiraho umwete**
⇒Nimudashyiraho umwete aka kazi ntikarangira none nk'uko byateganyijwe.
**Guhunika**
⇒Bejeje imyaka myinshi cyane ku buryo babuze aho bayihunika.

**2. Shaka ibindi bisobanuro by'aya magambo akurikira bitandukanye n'ibyo mu mwandiko:**

⇒**Kuvumbura**: gukura mu bwihisho.
⇒**Kurota**: kubona ibintu mu nzozi.
⇒**Kugera**: kuba igisambo ku buryo ukurikirana akantu kose kajyanye n'ibyo kurya, kuba uri ahantu hatandukanye n'aho wari uri.
⇒**Imyaka**: igihe umuntu amaze cyangwa ikintu kimaze.
⇒**Gutaha**: kujya imuhira.
⇒**Kuvayo**: guturukayo.
⇒**Gushyira**: kurambika ikintu ahantu.
⇒**Gusara**: guta umutwe, kugira ubumuga bwo mu mutwe ntube ugitekereza bikwiye.
⇒**Gutera**: kunaga ikintu ukiganisha akantu wahisemo
⇒**Kunoga:** kuzahara (kurwara ukagera kure), kuba ikintu gishobora kwihina ku buryo bworoshye ntikivunike.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, abanyeshuri baraba bashobora bashobora:
gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igigtabo cy'umwarimu, igitabo k'ikinyarwanda, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko "Umuhinzi n'abana be."*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye.*
*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Kuki umuhinzi yahamagaye abana be?**

⇒Umuhinzi yahamagaye abana be kuko yari afite ibanga ashaka kubabwira mbere y'uko arangiza ubuzima bwe ku isi.

**b) Ubutumwa yabahaye ni ubuhe muri make?**

⇒Yabasabye kutagurisha isambu abahayeho umurage kuko hihishemo ubukungu bwinshi. Kubugeraho bagomba gukora bashizeho umwete.

**c) Abana bubahirije bate ikifuzo ke?**

⇒Abana bafashe amasuka bahinga ya sambu bayihinga bakeka ko basangamo amabuye y'agaciro, bayabuze bateramo imyaka n'ibiti by'imbuto.

**d) Umusaza yabigenje ate kugira ngo atere abana be gukorana umwete?**

⇒Kugira ngo atere abana be gukorana umwete, umusaza yirinze kubahishurira ubukungu bwihishe mu mirima abasigiyeho umurage ubwo ari bwo.

**e) Isomo ukuye muri uyu mwandiko ni irihe?**

⇒Isomo ni uko ubukungu cyangwa imibereho myiza bidashobora kwizana utabikoreye kandi akazi kose gakozwe neza gakiza nyirako kabone n'iyo kaba ari uguhinga.

**f) Ni izihe nama wagira abavuga ko guhinga ntawe byakijije cyangwa abikanga gukira bagakora iminsi mikuru yo guhamba isuka?**

⇒Nabagira inama yo guhindura imyumvire kuko abantu badahinze, batabona ibibatunga, bityo na bo ubwabo bakaba batabaho. Guhinga ni yo ntango ya byose kuko imyaka yeze ari yo itanga imbaraga zo gukora no kugera ku bundi butunzi butari ubukomoka ku isuka. Abahamba isuka rero ni abanyabwenge buke kuko



CamScanner

baba birengagije ibyiza yabagejejeho birimo byonyine kuba bafite ubuzima muri icyo gihe bayihamba, kandi banavayo bakarya ibyayiturutseho. Nanabaha ingero nyinshi z'imiryango y'Abanyarwanda yifashije kandi ibikesha isuka.

**g) Wumva ute iyi mvugo ngo « Nta murimo ugayitse utunze nyirawo? »**

⇒Iyi mvugo numva ivuga ukuri kuko buri wese abeshwaho n'ibyo akora. Twese dukora kugira ngo tubeho, kandi tubaho dukora imirimo inyuranye. Bityo rero, nta mpamvu yo guseka umuntu ngo ni uko adakora nk'ibyo ukora kandi atari wowe umutunze, ahubwo atunzwe n'umusaruro uva mu kazi akora.

**h) Iyo witegereje mu baturanyi banyu, usanga imiryango ibayeho neza ari ikora iyihe mirimo?**

⇒Aha buri munyeshuri avuga uko abibona aho atuye. Gusa nanone biterwa n'icyo bita kubaho neza ari cyo. Ni cyo bagomba kubanza kumvikanaho. Byaba byiza barangije bagaragaza ko koko nta murimo ugayitse kuko n'ubwo imirimo itandukanye bwose ariko abayikora neza irabatunga.

## Intera ya gatatu: Uturemajambo tw'amazina rusange mbonera n'amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora kugaragaza uturemajambo tw'izina rusange mbonera n'amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi.

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo.

### 1. Ivumburamatsiko

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gusoma interuro zivuye mu mwandiko bize zigaragaramo amazina rusange mbonera. Umwarimu ababwira kwitegereza amagambo y'umukara cyane aciyeho umurongo muri izo nteruro no gusubiza ibibazo.

**Urugero rw'interuro:**

a) Yahamagaye **abana** be abashyira ahiherereye.
b) Nimukorana **umwete** muzabuvumbura.
c) Umurimo unoze utera ibyishimo nyir'ukuwukora.
d) **Ikiza** cyabo ni uko aho babuze bwa bukungu bahateye **imyaka.**
e) **Abenshi** mu maturanyi babo barabatangarira.

**Urugero rw'ibibazo:**

a) Amagambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri ni bwoko ki?
b) Ni iyihe ntego yayo muri rusange?
c) Mushake uturemajambo tw'aya magambo.
d) Iyo ugereranyije urwego rw'intego (uturemajambo) n'urwego rw'imvugo (ibyo tuvuga koko) ubona iki?

e) Witegereje urwego rw'intego/uturemajambo n'urw'imvugo mu magambo yatanzweho ingero, uvumbura iki ku bijyanye n'imyitwarire y'inyajwi ihera indangantero n'inyajwi itangira igicumbi?

*Iyo abanyeshuri bamaze gusubiza ibyo bibazo, umwarimu abafasha kubinoza bakabyandika.*

**Urugero rw'ibisubizo byava mu matsinda:**

a) Aya magambo ni amazina rusange.
b) Intego yayo muri rusange ni indomo, indanganteko, igicumbi.
c) **Uturemajambo tw'amagambo**:

Abana: a-ba-ana (a-: indomo; -ba-: indanganteko mu nteko ya 2; -ana: igicumbi) Umwete: u-mu-ete (u-: indomo; -mu-: indanganteko mu nteko ya 3 ; -ete : igicumbi)

Ibyishimo: i-bi-ishimo: (i-: indomo; -bi-: indanganteko mu nteko ya 8; --ishimo: igicumbi)
Ikiza: i-ki-iza: (i-: indomo; -ki-: indanganteko mu nteko ya 7; -iza: igicumbi)
Imyaka: i-mi-aka (i-: indomo; -mi-: indanganteko mu nteko ya 4; --aka: igicumbi)
Abenshi: a-ba-inshi (a : indomo; -ba-: indanganteko mu nteko ya 2; --inshi: igicumbi).

d) Mbona hari amajwi ahinduka andi, hari ayifatanya akabyara andi bitandukanye, hari kandi n'aburizwamo.

e) Nitegereje urwego rw'uturemajambo mu magambo yafashweho ingero n'urwego rw'imvugo, mvumbura ko mu mvugo hari amajwi yo mu **ihuriro ry'indanganteko n'igicumbi**:

– **Yahindutse andi: nka u** yahindutse **w** mu ijambo **umwete, i** ihinduka **y** mu
– magambo **imyaka** n'**ibyishimo.**
– **Yafatanye ari abiri abyara irya gatatu: a** na **i** byabyaye **e** mu ijambo **abenshi**
– **Yaburijwemo: a** yaburijwemo mu ijambo **abana**, **i** iburizwamo mu ijambo **ikiza.**

## 2. Inshoza y'izina rusange mbonera

Izina rusange mbonera ni izina rigizwe n'uturemajambo dutatu ari two: indomo, indanganteko n'igicumbi. Iryo zina kandi ntirikomoka ku nshinga.
Urugero: Umusozi, umugezi…

## 3. Uturemajambo tw'izina mbonera

### a) Indomo (D)

Indomo ni akaremajambo kagizwe n'inyajwi gatangira izina cyanwa irindi jambo ririsimbura. Mu Kinyarwanda inyajwi zishobora kuba indomo ni eshatu gusa ari zo: **a**, **i**, na **u**.



CamScanner

**Ingero**: **a**bantu **i**nkongoro, **u**dusatsi.

Indomo **u** ikoreshwa mu mazina yo mu nteko ya 1,3,11,13,14 na 15.
**Ingero**: **u**muntu (nt.1), **u**murimo (nt.3), **u**rutaro (nt.11), **u**dusatsi (nt.13) (ubututu nt.14), ukuguru (nt.15).

Indomo **a** ikoreshwa mu nteko ya 2,6,12 na 16.
**Ingero**: **a**bantu (nt.2), **a**mayoga (nt.6), **a**kana (nt.12), **a**hantu (nt.16).

Indomo **i** ikora mu nteko ya 4,5,7,8,9 n'iya 10.
**Ingero**: **i**mirima (nt.4), **i**ryinyo (nt.5), **i**kiriri (nt.7), **i**bitoki (nt.8), **i**ngobyi (nt.9), **i**mbwa (nt.10).

Kugira ngo ubone indomo ukoresha impakanyi **nta**, akajambo **buri** n'indangahantu **mu** cyangwa **ku** imbere y'izina, ukareba akaremajambo katakaye ni ko kaba ari indomo.

**Ingero:** - **Nta** mwana wasibye.
- **Buri** muntu araririmba.
- **Mu** nzu harashushye.

**Ikitonderwa:** Iyo izina ritangiwe na **i** rikaba kandi riri mu nteko ya 5,9,n'iya 10, kandi iyi **i** iritangira ikaba idahungurwa n'indangahantu, icyo gihe ntiba ikora nk'indomo ahubwo iba ikora nk'indanganteko.

### b) Indanganteko (RT)

Indanganteko ni akaremajambo kerekana inteko izina ririmo, kakaba akaremajambo gashingirwaho isanisha. Ni igice gisigara hagati y'indomo n'igicumbi.

**Ingero:** - u**mu**ntu
- a**ba**ntu
- u**mi**rima
- i**bi**toki
- a**bu**tutu

Hari amazina adahita agaragaza indanganteko. Bene ayo mazina yongerwaho ntera bityo indangasano ya ntera ikaba ari yo ndanganteko y'iryo zina.
**Ingero:** Impu nziza: indanganteko y'izina impu ni -**n**- aho kuba –**m**- kuko itabaho.

### c. Igicumbi (C)

Igicumbi ni igice k'izina kidahinduka mu igoragoza. Igoragoza ni ishirwa mu bumwe, mu bwinshi, utubya, itubura by'izina ugamije kureba igice kidahinduka. Ushobora gukora igoragoza kandi ushaka kureba ibice by'ijambo bishobora gusimburana cyangwa amagambo ashobora gusimburana mu nteruro. Igicumbi gitangirwa n'inyajwi, ingombajwi cyangwa inyerera.

**Ingero:** - umwana: u- mu-**ana** (inyajwi)
- umuyaga: u-mu- **yaga** (inyerera)
- imirimo: i-mi-**rimo**

**3. Amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi akoreshwa mu izina rusange mbonera**

Igenamajwi ni umutwe w'ikibonezamvugo wiga uko amajwi agize uturemajambo ahinduka iyo ahuriye mu ijambo cyangwa hagati y'amagambo. Amategeko y'igenamajwi afasha umuntu kugereranya intego n'imvugo, maze akagerageza kuvumbura impamvu amajwi amwe n'amwe yagiye ahinduka. Amategeko y'igenamajwi ni yo amusobanurira ukuntu amajwi yahindutse.

| **Ntituvuga ngo** | **Tuvuga** | |
|---|---|---|
| **Intego/uturema-jambo** | **Imvugo** | **Amategeko y'igenamajwi** |
| a- ba- ana | abana | a yaburijwemo |
| u-mu-ete | umwete | u yahindutse w |
| i-mi-aka | imyaka | iyahindutse y |
| a-ba-inshi | abenshi | a yiyunze na i |

Amategeko y'igenamajwi agaragaza ibintu bitatu:
**Icya mbere** ni uko amajwi ahahinduka andi.
**Icya kabiri** ni uko ijwi riburizwamo.
**Icya gatatu** ni uko amajwi yiyunga akabyara irindi jwi.
**Muri ziriya ngero:**
**u** ihinduka **w** ryari?
**i** ihinduka **y** ryari?
**a** iburizwamo ryari?
**e** yaturutse he?

⇒ Umwete: **u ihinduka w** iyo iri imbere y'inyajwi (**imbere ya** bihwanye na **ibanziriza**)

⇒ Imyaka: **i** ihinduka **y** iyo iri imbere y'inyajwi /iyo ibanjirije inyajwi/ikurikiwe n'inyajwi.

⇒ Abana: **a** iburizwamo iyo iri imbere y'inyajwi/ikurikiwe n'inyajwi
⇒ Abenshi: **e** yatanzwe n'ukwiyunga kwa **a** na **i**
Muri make amategeko y'igenamajwi asobanura impamvu uruhererekane rw'uturemajambo ruba rudahuye n'imvugo yayo.



CamScanner

**a) Ibimenyetso n'impine bikoreshwa mu kwandika amategeko y'igenamajwi**

→ Bivuga ihinduka cyangwa bihinduka cyangwa bibyara
**Urugero**: u → **w** bivuga ngo **u** ihinduka **w**.
+ Bivuga **na** cyangwa **ikurikiwena**

Urugero: **a**+**i** bivuga ngo **a** na **i** cyangwa **a** ikurikiwe na **i**
/ iki kimenyetso gihwanye n'ijambo **iyo**

**Urugero** = **u**→ **w/** bivuga ngo **u** ihinduka **w** iyo
- iki kimenyetso cy'akanyerezo kigaragaza umwanya ijwi rihinduka riba ririmo kugira ngo rihinduke; ni ukuvuga mbere cyangwa nyuma y'andi majwi

**Urugero** u→ **w/-J** ni ukuvuga ko **u** ihinduka **w** iyo iri imbere ya **e**
ф iki kimenyetso gihwanye n'ijambo **ubusa** cyangwa **iburizwamo**

**Urugero a**→ фbivuga ngo **a** ihinduka ubusa cyangwa **iburizwamo**
**J** iki kimenyetso gihwanye n'ijambo **inyajwi**
**Urugero** u→ **w/-J** bivuga ngo **u** ihinduka **w** imbere y'inyajwi

**b) Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu izina rusange mbonera ajyanye n'inyajwi.**

**1. u** → **w/- J** bivuga ngo **u** ihinduka **w** iyo iri imbere y'inyajwi **Ingero**
Umwaka (nt3), Ukwezi (nt14), ubwoba (nt14) Umwiru (nt1), Urwamo (nt11), Umwuka (nt3)

**2. i** → **y /- J** bivuga ngo **i** ihinduka **y** iyo iri imbere y'inyajwi

Ibyatsi (nt8)
Imyotso (nt4)
Imyano (nt4)
Ibyuka/ byinshi (nt8) Ibyansi byiza byinshi (nt8)
**3. a** → ф /- **J** bivuga ngo **a** iburizwamo iyo ikurikiwe n'inyajwi **Ingero**
Abana (nt2), amirire (nt6), Ahera (nt16)
**4. a+i→e** bivuga ngo **a** ikurikiwe na **i** bihinduka **e**
**Urugero:** ab**e**nshi, ah**e**za, am**e**nyo, ak**e**bo
5. u→ ф/-**J**
Urugi u-ru-ugi, uruho: u- ru-uho

**Umwitozo**

*Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo.*
**Garagaza uturemajambo tw'amagambo yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri mu nteruro zikurikira unagaragaze amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.**

1. Gusa nanone ntabwo uru rubanza rwari kujya mu nkiko rusimbutse **urwego** rw'**abunzi.**
**Urwego:** u-ru-ego **u** → **w/- e;**

**abunzi**: a-ba- unzi **a → ϕ /- u**

2. Abakutse **amenyo** barisha **ibinyigishi**.

**Amenyo:** a-ma-inyo **a+i→e**;

**ibinyigishi**: i-bi-nyigishi nta tegeko ryakoreshejwe

**3. Ibyansi** bigomba koga neza kugira ngo biryoshye amata.

**Ibyansi:** i-bi-ansi **i → y/- a**

4. **Abogoshi** barebaga ku mutwe wa buri muntu wahitaga aho bakorera.

**Abogoshi:** a-ba-ogoshi **a → ϕ /- o**

5. Yewe, bano bagabo ntibazi **ikiza** n'ikibi, bitiranya **icyatsi** n'**ururo**.

**Ikiza:** i-ki-iza **i → ϕ /- i**);

**icyatsi**: i-ki-atsi **i → y/-a; ky→ cy/-a**) ;

**Ururo:** u-ru-ro nta tegeko ryakoreshejwe

**Umwandiko: Inzovu na Rusake bijya kubaza Imana**

Igitabo cy'umunyeshuri, urup rwa 173

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko umwandiko**

***Intego zihariye:***

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye no kuyakoresha mu nteruro ziboneye yihimbiye.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku kwakira no gufata neza abatugana, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, imboneshashusho ivugayerekana ibivugwa mu nkuru, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Murabona iki kuri aya mashusho?**

⇒Kuri aya mashusho ndabona abantu bari ku rubuga bambaye ibigofero bituma basa n'inyamaswa. Hariho kandi n'umusaza wambaye ikanzu yera ufite ubwanwa bwera ategeye abashyitsi be amaboko yiteguye kubereka aho bicara.

**b) Ibikorwa by'aba bantu birerekana iki?**

⇒Igikorwa cyo kwisanisha n'inyamaswa birerekana ko aba bantu bakina mu ruhu rw'izo nyamaswa zatijwe ubushobozi bwo kuvuga. Kuba uriya musaza ategeye abashyitsi amaboko anabereka aho bicara, biragaragaza umuco wo kwakira abakugana no kubafata neza.



CamScanner

**c) Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « Inzovu na Rusake bijya kubaza Imana» bishatse kuvuga iki?**

⇒Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « **Inzovu na Rusake bijya kubaza Imana**» birasobanura ko uyu mwandiko ari umukino ufatiye ku mugani w'izi nyamaswa ebyiri ziherekejwe n'igishyitsi n'Imana. Nk'uko bigaragara, Imana irabyakira yumve ikibigenza, nibiba ngombwa ibihe igisubizo.

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko hanyuma ababaze ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

**a) Uyu mwandiko ni bwoko ki?**

⇒Uyu mwandiko ni umukino hagati y'Imana n'abashyitsi babyo ari bo isake, inzovu n'agashyitsi.

**b) Ubundi se ko inzovu, inkuba n'agashyitsi bitavuga, n'Imana ikaba ubusanzwe itagaragara, byashobotse bite muri uyu mwandiko?**

⇒Byashobotse kubera ko uyu mukino ufatiye ku mugani. Kandi inkuba, isake, agashyitsi n'Imana bihagarariwe n'abantu, ubakinisha agomba kwitabaza ibituma basa na byo nk'uko bisobanuye mu mwandiko.

**c) Isake, inzovu n'agashyitsi bifite ikihe kibazo**?

⇒Isake irabaza Imana iby'akarengane kayo ko kuba ibwira abantu igihe barangiza bakayiraza hanze, idafite icyo yisasira n'icyo yiyorosa. Inzovu irabazaigituma ibyara umwana umwe gusa kandi ari yo nini cyane mu nyamaswa zose Imana yaremye. Agashyitsi karabaza impamvu abantu bagahitaho bakakavungura cyangwa bakakihanagurizaho ibyondo kandi nta we kaba kahemukiye.

**d) Imana yitwaye ite imbere y'aba basyitsi**?

⇒Imana yarabakiriye, ibatega amatwi kandi buri wese imuha igisubizo kijyanye n'ikibazo yabajije.

### 2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

### 2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye

*Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye, akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*

*Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.*



CamScanner

*Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda**

**Kurenganurwa**: gukizwa akarengane
**Kwiyonera**: kwirira imyaka iri mu murima
**Ukataje**: ugenda wihuta
**Mbacungira**: mbakurikiranira uko igihe kigenda
**Amamera**: amasaka binitse bagasereka (bagashyiramo ivu ry'ibishangara)
**Yarakurundiye**: yaguhaye ibintu byinshi birenze urugero
**Ntimunyurw**a: ntimwishimira ibyo bababahaye
**Umurundo**: ibintu byinshi cyane
**Ngabuza**: naka ibyo kurya
**Bakamvungura**: bakamvanaho utumanyu
**Kwibariza**: kumvikanisha akarengane kawe usaba ko gahagarara
**Mbazimanire**: mbakirize, mbahe
**Mbateze yombi**: ndabumva, mbateze amatwi
**Nanshore**: nanjyane kunywa amazi ku mugezi cyangwa mu kibumbiro
**Gaheruka**: hashize iminsi kavuye hano
**Ntiwabizinze itama rimwe**: ntiwabitamiye ingunga imwe
**Witumaga**: wannyaga
**Icwende**: akabindi gato kitwa urweso cyangwa urwabya babikagamo amavuta y'inka

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

*Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.*

1. Koresha aya magambo mu nteruro zawe bwite:

**Gukataza**
⇒Nimukataze dore burakeye tuze kugira igihe tugererayo n'igihe tugarukira.
**Gucunga**
⇒Ntukanshunge ntawakunshinze.
**Kurundira**
⇒Kubera ikimenyane bamurundiye ibitenge bitagira ingano.
**Kugabuza**
⇒Biriwe bakina umupira nta cyo bakora none baje kugabuza nta n'isoni!
**Kuzimanira**
⇒Kera abakwe babazimaniraga ibirunge n'inzoga y'urwaga mu gacuma.
**Gutega yombi**
⇒Nguteze yombi ngaho mbwira akababaro kawe.
**Gushora**
⇒Nuva gushora izo nka uzamukane n'icyarire.



CamScanner

**Kuzinga itamarimwe**
⇒Kubera inda ye nini bya biryo abizinze itama rimwe bahu!
**Kwituma**
⇒Umwana w'umunyamwanda yituma mu buriri.

**2**. Wumva ute iyi mvugo ngo: « akabaye icwende ntikoga » uhereye ku gisobanuro k'ijambo icwende n'akamaro karyo?

⇒Icwende ni agacuma gato baba baraciye ijosi kakabikwamo amavuta y'inka yo kwisiga. Kuba karabikaga amavuta kahoraga kayaga kubera amavuta yagashongeragaho. Ikintu kiriho amavuta ntigifata amazi kubera ko akigwaho akitarukira. Koza icyo kintu ni uguta igihe kuko kiguma uko cyari kiri, umwanda ntukiveho. Icwende rigereranywa n'umuntu ufite ingeso mbi yananiwe kureka. Baba bashaka kuvuga ko uwo muntu adashobora gukira iyo ngeso n'iyo wagira ute. Na rusake rero ntishobora gukira umwanda ni ingeso yayo, ni yo mibereho yayo.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego yihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, abanyeshuri baraba bashobora bashobora:
gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1.Isubiramo**

*Abanyeshuri baravuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye.*
*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Rusake, inzovu n'agashyitsi byarenganye bite?**

⇒Rusake ibwira abantu igihe ariko bakarenga bakayiraza hanze, imvura yagwa

ikayinyagira, nyamara ihene ikarara mu nzu, ntigira ibyo yisasira ntinagire ibyo yiyorosa. N'iyo igiye kwiyonera, umugabo, umugore, umwana bayitera amabuye. Inzovu ibyara umwana umwe kandi ari yo nini mu biremwa byose. Agashyitsi ntawe kendereza ariko abantu bagacaho bakavungura cyangwa bakakihanagurizaho ibyondo baba bafife mu birenge.

**b) Akarengane kabyo kagejejwe kuri nde? Akakira ate?**

⇒Byagejeje akarengane kabyo ku Mana, ibitega amatwi, ibisaba gutegereza ikazabiha igisubizo igihe kigeze.

**c) Yagikemuye ate? Kubera iki?**

⇒Imaze kumva akarengane ka rusake, Imana yayishyize mu cyumba gishashe neza, iyiha n'ibyo yiyorosa. Hashize ibyumweru bibiri Imana yasanze yaribagiwe igihe, yibagirwa kubika, icyumba yaragihinduye umwanda. Ni ko kuyumvisha ko uwo mwanda ifite ukabije itawubana mu bantu kuko ubatera indwara, ko rero igomba kuguma ukwayo, ikarara ahiherereye, ikemera kunyagirwa cyanecyane ko idashobora kwikosora ngo igire isuku.

Inzovu imaze kuvuga akarengane kayo, Imana yayishyize mu cyumba cyuzuye ibiribwa byatunga abaturage b'u Rwanda umwaka wose, ariko yo ibizinga itama rimwe. Bitewe n'iyo nda nini Imana yayumvishije ko itabyara benshi ngo bibone ibyo birya ko ari yo mpamvu yagumana uwo mwana umwe yayihaye kubyara kandi ikabyishimira.

Agashyitsi Imana yagasabye kwisubirira mu nzira, ikazagatumaho. Ubwo ni ko kugashyiraho ingenza izajya ikusanya inzara z'abantu agashyitsi kagenda gakura. Igihe cyako kigeze Imana yaragahamagaye ikereka ko ari akagiranabi, kamaze amano y'abantu kayangiza ko ari yo mpamvu abantu bakarimbagura bakagacana. Nguko uko Imana yarangije ibibazo by'abashyitsi bayo kandi bose bagiye bemeye ibisubizo bahawe.

**d) Ku bwawe usanga akarengane k'izi nyamaswa gafite ishingiro? Sobanura igisubizo cyawe**.

⇒Buri munyeshuri asubiza uko abyumva.

**e) Isomo uvanye muri uyu mwandiko ni irihe?**

⇒Isomo ni uko ngomba kwishimira uko Imana yandemye n'ibyo yampaye kuko yasanze ari byo binkwiye.

**f) Wagira nama ki Abanyarwanda batanyurwa n'uburyo babayeho?**

⇒Aka gakuru gashobora gufasha buri wese mukugira inama abantu batishimira uburyo babayeho. « *Umugabo yari atwaye imodoka ye nziza ageze imbere areba ukuntu ari mu kavuyo kenshi k'imodoka zimubuza kwihuta, abonye indege mu kirere ati: « uwampa indege. » Mu gihe akivuga atyo yumva umuntu uri ku*

*ipikipiki arivugishije ati: « uwampa imodoka ngakira imvura, izuba n'umuyaga byo kuri iyi nkenya y'ipikipiki. » Umunyapikipiki ageze ahaterera aca ku muntu urimo gusunika igare yumva aravuze ati: « Uwampa nkabona ipikipiki izajya igera ahazamuka ntinsabe ko nyisunika. » Umunyagare na we akebutse ku ruhande abona umunyamaguru wananiwe cyane, yumva aravuze ati: « Uwampa akagare rwose nange nashimira Imana. » Umunyamaguru akimara kubivuga abona umuntu wamugaye ugendera mu kagare yumva aravuze ati: « Uwampa nange nkabona amaguru, nkajya mbasha kugenda neza nta kibazo. » Mu gihe akimara kuvuga ibyo, abona mugenzi we na we ufite ubumuga ari hakurya y'umuhanda yabuze uko yambuka, yumva aravuze ati: « Uwampa akagare nka kariya nashimira Imana. » Mu gihe yibwiraga ko ari we ubabaye cyane, imodoka ijyanye umurwayi kwa muganga imunyuraho, yumvawa murwayi aravuze ati: « Uwampa bagaca aya makenya y'amaguru vuba kanseri itarafata igihimba.* »

⇒Nabagira inama yo kwishimira uburyo babayeho kuko uko bameze hari ababyifuza babibuze. Akenshi usanga abantu binubira ibyo bafite by'ingeso gusa. Uwo uri we wese, uko waba umeze kose, hari icyo ufite urusha abandi n'ubwo waba wibwiraga ko wagowe menya ko hari benshi bifuza kumera nkawe. Shimira Imana kuko hari abandi bari hanyuma yawe.

g) **Ni gute ingingo yo kubaha no kwakira abatugana yubahirijwe muri uyu mwandiko?**

⇒Imana yagenderewe n'abashyitsi baje kuyitura ibibazo. Yabahaye ikaze, ibaha aho bicara, ibabaza icyo bifuza ko ibazimanira, iba ari cyo ibaha. Bayisabye kubaha igihe cyayo kuko bafite ibyo bayisobanuza. Igihe yarakibahaye, yemera kubatega amatwi. Yafashe igihe cyo kubumva, aaravuga bose bararangiza kandi ibaha igihe cyo kubasubiza. Kigeze yarabatumije umwe ukwe undi ukwe, igenda imuha igisubizo babanje kukiganiraho no kucyumvikanaho kandi buri wese akavuga icyo agitekerezaho. Kubera izo mpamvu buri wese yagiye anyuzwe kandi yishimiye ibyo yahawe n'Imana kandi nta gihindutse mu byo bari bafite.

## Intera ya gatatu: Ikinamico

### 1. Isubiramo

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko "Inzovu na Rusake bijya kubaza Imana."*

*Umwarimu arasaba kandi abanyeshuri, bari mu matsinda, kwitegereza umwandiko "Inzovu na Rusake bijya kubaza Imana" no gusubiza ibibazo.*

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a) Iyo ugereranyije umwandiko "Inzovu na Rusake bijya kubaza Imana."
n'indi myandiko mwize usanga bitaniye ?

⇒Indi myandiko twize yanditse mu bika. Harimo abantu ariko imvugo zabo

ntizigaragaza neza uzivuga. Uyu mwandiko wanditse ugaragaza abavuga, amagambo yabo n'uko bitwaye birasobanuye ku buryo kuwusoma bisaba ko abantu bakina amagambo y'abawuvugwamo. Ukwiye gusomwa n'abantu banyuranye kugira ngo amajwi atandukane nk'uko abayavuga batandukanye.

b) **Abawusoma se wabasaba ko bubahiriza iki?**

⇒Nabasaba ko bubahiriza amabwiriza agaragaza imyitwarire y'abavugwa mu mwandiko kandi bakagerageza no kwinjira mu ruhu rwabo kugira ngo bagaragaze akababaro kabo cyangwa ibyishimo byabo, mbese muri make amarangamutima yabo.

c) **Umwandiko nk'uyu se hari ahandi waba warawumvise?**

⇒Nywumva buri wa kabiri nijoro kuri radiyo Rwanda.

d) **Urawita ngo iki se? Kuberaiki?**

⇒Ndawita ikinamico kuko ugaragaza ubuzimabw'abawuvugwamo.Umwandiko uragaragaza akababaro k'abawuvugwamo baterwa no kutanyurwa kw'abantu n'ibyo bafite kandi batabanje gutekereza neza impamvu ari byo Imana yabageneye.

**2. Inshoza y'ikinamico**

Ikinamico ni umukino wigana imibereho ya rubanda, cyangwa imibereho y'abantu banyuranye bishingiye ku miterere n'imico yabo cyangwa ku ngeso zabo. Bene iyo mikino ikunze guhuza abantu bakareba bakumva, bagaseka, bagatangara, bakumirwa cyangwa bakababara, bakabivugaho kandi bagatahana isomo.

Abahanga mu mateka y'ubuvanganzo bemeza ko inkomoko y'ikinamico iri mu mitima y'abantu b'amoko yose no mu myifatire yabo imbere y'abandi bahura cyangwa n'ibibabaho kuri iyi si mu bihe binyuranye. Gusa, umuntu yavuga ko inkomoko ya vuba yashakirwa mu mihango yo mu materaniro y'iyobokamana. Ariko na byo byagiye bihindura isura, hazamo n'indi mihango idafite aho ihurira n'iyobokamana. Ku bijyanye n'ikinamico nyarwanda, umuntu yavuga ko na yo yatangiye mu mihango y'iyobokamana nko kubandwa, ariko ikitabazwa no mu mihango idafitanye isano n'iyobokamana nk'ubukwe bwa Kinyarwanda, kurya ubunnyano, imihango irebana n'igihe abantu bagize ibyago byo gupfusha umuntu n'ibindi.

**3. Imiterere y'ikinamico**

Ikinamico igomba kubahiriza ibi bikurikira:
Igikorwa kimwe, kibera igihe kimwe n'ahantu hamwe.
Abakinnyi, abakinirwa n'ibikoresho bigendana n'imikinire

Umuntu yavuga ko bitoroshye gutandukanya abakinnyi n'abakinirwa kuko mu by'ukuri bombi bakina, ariko wenda ku rwego rutari rumwe. Wa mugani nk'uko Shekisipiya, umwanditsi w'Umwongereza yabivuze, twese turi abakinnyi naho isi ikaba urubuga abagore n'abagabo dukiniraho. Hari abakina kurusha abandi bitewe n'umwanya

bahawe mu mukino cyangwa mu muhango. Abakinnyi nta mubare ntarengwa bagira biterwa n'ibigomba kwerekanwa. Ubuhanga bw'imikinire buva ku mukinnyi ubwe cyangwa akabukomora ku mutoza.

Mu byo tumenyereye, ukina nta cyo yirengagiza akora nk'aho yaba ari mu buzima busanzwe maze byaba ari igihe cyo kuganira akaganira n'uwo bakinana, igihe cyo gutebya bagatebya, aho bagomba kuririmba bakaririmba n'amarangamutima yose ya ngombwa bakayigana. Umukinnyi akora ibihuje n'ubuzima yashyizwemo ntiyizanira ibyo ashaka ngo akoreshe ibimenyetso byinshi bitari ngombwa. Kujarajara cyane ku rubuga binaniza abamureba, bigatuma ubutumwa yagombaga kubagezaho butakara.

Ibikoresho bigendana n'imikinire ni ngombwa mu rwego rwo koroshya imyitwarire y'umukinnyi mu byo agomba kwerekana. Umuntu yavuga nk'ingoma, inzogera, inanga igihe ari ngombwa kubivuza, inkoni igihe ari ngombwa kuyicumba cyangwa kuyitunga umuntu, kuyibangura se, tutibagiwe n'amajwi anyuranye nk'ay'inyamaswa, ibinyabiziga, urusaku rw'imbaga y'abantu n'ibindi.

**4. Imihimbire y'ikinamico**

Kimwe n'indi myandiko, uhimba ikinamico agomba kubanza kuyikorera imbata. Imbata ifasha umwanditsi gukurikiranya neza ibitekerezo bye, kugira ngo inkuru ye iryohere abayisoma, abayikina n'abayumva. Kubera iyo mpamvu umuhanzi w'ikinamico agomba kwitondera ibi bikurikira: ururimi, abakinnyi n'igikinwa.

**Ururimi:** kurwitondera ni ukugira ngo buri muntu ahabwe imvugo imukwiriye. Umunyamugi ntavuga nk'umunyacyaro, umusinzi ntavuga nk'utanyoye, umusaza ntavuga nk'umwana, mbese byose ikigamijwe ni uguhuza ibikinwa n'ubuzima busanzwe.

**Abakinnyi:** Ku bijyanye n'abakinnyi, umwanditsi akora ku buryo abakinnyi batava benshi cyane ku buryo babyiganira ku rubuga bakiniraho. Umukinnyi aba agomba kwisanzura. Si byiza guha umukinnyi izina ryumvikanisha ibikorwa bye ku rubuga (Nyiragahinda, Naragowe…) kuko amatsiko ashira rugikubita umukino ugatakaza uburyohe byawo. Byaba byiza mu gihe ikinamico iri mu Kinyarwanda, amazina akoreshwamo yaba ari amanyarwanda.

**Ikivugwa:** Ku byerekeye ikivugwa, umwanditsi yirinda gutandukira, agatondekanya ibitekerezo akurikirana neza impamvu y'ikibazo, akitondera guhuza ikivugwa, ukivuga, aho akivugira n'ibihe akivugamo. Umwanditsi ni we wihitiramo icyo yandikaho bitewe n'ubutumwa agamije gutanga.

**Imyitozo**

*Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagasubiza imyitozo iri mu gitabo cyabo ku rupapuro rwa 186.*

1. Musome iyi kinamico inshuro nyinshi ku buryo muyifata mu mutwe maze

mukayikina mwigana ibikorwa n'imyitwarire by'abavugwa mu nkuru. Mbere yo gukina mubanze mutegure urubuga mushushanye ku bipapuro binini mwomeka ku nkuta z'ishuri amashusho y'ahantu hanyuranye abakinnyi bari buganirire (ku isi no mu ijuru), mukore ibigofero bigaragaza isake n'inzovu muri bwambike ababikina n'imyambaro n'ubwanwa bw'Imana.

2. Mwongere musome neza umwandiko « Ubwiyunge n'inzego z'abunzi » maze muwuhimbemo agakinamico mugakine mu ishuri. Abadakina barareba, bagaragaze amarangamutima baterwa n'imikinire y'umukino kandi bandike ibyo banenga n'ibyo bashima baze kubigeza ku babakiniye kugira ngo babyunguraneho ibitekerezo hagamijwe kwicengezamo uburyo bakwitwara mu gihe byaba ngombwa ko bakemura amakimbirane binyuze mu kumvikanisha abashyamiranye.

*Iyo imyitozo irangiye, mwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora inshamake ku buvanganzo bari bwandike mu makaye yabo.*

**Umwandiko: Ndebakure yahawe ishimwe ry'umukozi w'intangarugero**

Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa 187

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko umwandiko**

***Intego yihariye:***

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye no kuyakoresha mu nteruro ziboneye yihimbiye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku gushima uwakoze neza no kunenga uwakoze nabi mu buryo bwo kumukosora, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

⇒Kuri iyi shusho hariho umugabo wambaye neza ashyikirizwa igikombe na sheki y'amafaranga miriyoni eshanu y'amanyarwanda imbere y'abaturage bakoma mu mashyi muri sitade y'imikino.

**b) Ibikorwa by'aba bantu birerekana iki?**

⇒Igikorwa cyo gushyikirizwa igikombe na sheki biragaragaza ibihembo by'ishimo kuer ibyo wakoze. Kuba abaturage bari muri sitade ni ukuvuga ko hari ibirori. Kuba

abaturage bakoma mu mashyi biragaragaza ko babyishimiye kandi ko basanga ari urugero rwiza rwo gushyigikira no gukurikiza.

**c) Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « Ndebakure yahawe ishimwe ry'umukozi w'intangarugero» bishatse kuvuga iki?**

⇒Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko «**Ndebakure yahawe ishimwe ry'umukozi w'intangarugero**» birasobanura ko muri uyu mwandiko Ndebakure ashyikirizwa ibihembo bimushimira ibyo yakoze byiza mu kazi ashinzwe kandi bikaba byarabereye mu birori by'umunsi mukuru.

## 2. Gusoma

### 2.1. Gusoma bucece

*Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko hanyuma ababaze ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Umwandiko uravuga kuri nde?**
⇒Umwandiko uravuga kuri Ndebakure.

**b) Ni muntu ki?**
⇒Umuhinzi w'amateke w'intangarugero.

**c) Byamugendekeye bite?**
⇒Yahawe igihembo cy'umuhinzi w'indashyikirwa.

**d) Yagihawe na nde kandi ryari?**
⇒Yagihawe ku munsi w'abakozi, agishyikirizwa n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Abakozi n'Umurimo.

**e) Kuki ari we wahembwe?**
⇒Yahemwe kubera ko amateke yahinze amaze kumupfira ubusa atarekeye aho ngo acike intege, ahubwo yashatse bagenzi be na bo bayahinga bagafatanya gushaka umuti urambye w'icyo kibazo bashinga uruganda rutunganya amateke ku buryo yazajya amara igihe kirerkire atangiritse.

### 2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

### 2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye

*Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda anyuranye akabasaba gusoma umwandiko no gushakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye, akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*



CamScanner

*Nyuma y'iki gikorwa umwarimu asaba abanyeshuri kumurika ibyavuye muri buri tsinda.*

*Umwarimu afasha abanyeshuri kunonosora ibisubizo byavuye mu matsinda anyuranye bakabyandika ku kibaho.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda**

**Hizihizwa**: hakorwa ibirori byo kwishima
**Indashyikirwa**: umuntu wakoze neza kurenza abandi
**Ikitegererezo**: uwo bagomba kureberaho, gufataho urugero
**Yipfumbase**: nta cya akora
**Gupiganirwa akazi**: gukora ikizamini cyo kwinjizwa mu kazi
**Ingamba**: uburyo ibintu byatungana kurushaho, uburyo bwo kubonera ibibazo umuti
**Gukebura**: kugarura mu nzira nzira, gukosora
**Agahimbazamusyi**: igihembo kigamije gutuma urushaho gukora neza
**Batikoresheje**: bashyizeho umwete
**Rubitaho**: rumenya ibyo bakeneye kandi rukabibaha
**Ntahuga**: ntarangara
**Abacyamure**: abagarure ku murongo, abereke igikwiye
**Ikenewabo**: itonesha rishingiye ku kuba bafite icyo bapfana, cyangwa bahuriyeho
**Amarangamutima**: uburyo wiyumvamo umuntu ukaba wamukunda cyagwa ibyo ukumva atagushimishije.
**Kudohoka**: gutakaza ingufu n'ubushake bwo gukora ikintu.
**Ntahubuka**: aritonda
**Akarwaza**: akihanganira
**Batiganda**: batanebwa, batinuba, bashishikariye.

**Imyitozo y'inyunguramagambo**

*Umwarimu asubiza abanyeshuri mu matsinda maze akabagabanya imyitozo y'inyunguramagambo bagafatanya kuyisubiza. Aho batumva neza baramubaza akabasobanurira ariko yirinda guhita abaha igisubizo.*

1. **Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye ubwawe:**

**Indashyikirwa**
⇒Abanyeshuri twese duharanire kuba indashyikirwa.

**Ikenewabo**
⇒Ntugakurikize ikenewabo mu kazi ahubwo jya ushingira ku musaruro w'umukozi.

**Agahimbazamusyi**
⇒Iyo abakozi bagenewe agahimbazamusyi gafatika bakora neza uruganda rugatera imbere.



CamScanner

**Kudohoka**
⇒Ntimukadohoke ku isuku abe ari byo mugira intego mu kigo cyanyu.

**Gukebura**
⇒Umukoresha mwiza ni ukebura abakozi be adategereje ko akazi gapfa burundu ngo abirukane.

**Gupiganirwa akazi**
⇒Umukozi yinjizwa mu kazi ari uko yagapiganiwe agatsinda.

**Amarangamutima**
⇒Jya ufata ibyemezo utagendeye ku marangamutima.

**Gucyaha**
⇒Ni ngombwa gucyaha abakora nabi no gushima abakora neza.

**Guhubuka**
⇒Mu gusubiza ibibazo by'ikizamini jya witonda usome ntugasubize uhubutse.

**2. Shaka ibindi bisobanuro by'aya magambo utitaye ku mwandiko:**

**Gupfumbata**: gufata umuntu mu maboko ukamwiyegereza
**Kwizihiza**: gutera ubwuzu, gushimisha
**Gucyamura**: kubuza inka kujya kona, kuyigarura
**Guhubuka**: kuva aho wari uri ukagwa, guhanuka
**Kurwaza**: kuba kwa mugangaukurikirana umurwayi, umukorera ibyo atishoboreye.
**Kwitaho**: kwigushaho ibintu

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

*Intego zihariye:*

Nyuma y'iki kigwa, abanyeshuri baraba bashobora bashobora:
gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye.*

*Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Uwakugira umuyobozi w'uruganda watanga akazi ukurikije iki? Ni iki wakwirinda? Kubera iki?**

⇒Natanga akazi nkurikije ubushobozi n'ubumenyi umukozi yagaragaje mu kizamini namuhaye. Uwarushije abandi ni we naha akazi. Nakwirinda ikenewabo cyangwa indakuzi n'amarangamutima. Ibi byose ntibitandukanye na ruswa kuko na byo bidindiza akazi. Ntabwo naha akazi kubera ko ari mwene wacu ngo nakosa nzashobore kubyirengagiza muhane cyangwa mwirukane.

b) **Uwakugira umuyobozi w'uruganda, wakora iki kugira ngo rutange umusaruro ushimishije**?

⇒Nagenera abakozi agahimbazamusyi gahagije ariko kadatuma uruganda ruhomba. Najya nyuzamo ngatumira abakozi tukishimira ibyo twungutse dusangira agacupa n'ibiribwa. Nakubahiriza ibigenwa n'amategeko ku bijyanye no kuzamurwa mu ntera.

c) **Iyo ujya kuba Ndebakure, amateke akaguhombana bene kariya kageni, uba warabyitwayemo ute**?

⇒Aha buri munyeshuri avuga uko abyumva aganisha ku gukemura ikibazo cy'umusaruro wabuze isoko.

d) **Ni izihe ngingo washingiraho kugira ngo ugenere umukozi wawe agahimbazamusyi?**

⇒Nashingira ku isaha agerera ku kazi, ku buryo yitabira akazi ahawe n'uko akarangiriza igihe cyagenwe, ku buryo atera abandi imbaraga zo gukora…

e) **Ku bwawe, ni ibiki umukozi w'indashyikirwa agomba kuzuza?**

⇒Gukora atiganda, kwibwiriza, gushishikariza abandi akazi, kubahiriza ibihe ibikorwa bigomba kurangiriraho, udushya tworoshya ikorwa ry'akazi, kuba agendana n'ibihe agahora yihugura, kudacika intege…

**Intera ya gatatu: Gusesengura umwandiko**

**Intera ya kane: Gusesengura umwandiko**

*Intego zihariye:*

Ahereye ku mwandiko amaze gusoma no kuwumva, umunyeshuri araba ashobora gutahurainsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko n' ingingo z'ingenzi zigize umwandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo:**

*Abanyeshuri baravuga ibyo bibuka ku isomo riheruka.*

**2. Gusoma umwandiko**

*Abanyeshuri barasoma umwandiko mu matsinda.*
*Abanyeshuri baragenda basoma umwumwe mu ijwi riranguruye, igika ku kindi bubahiriza utwatuzo n'iyitsa.*

**3. Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko**

*Mu matsinda barasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko hanyuma bagende bahuriza ku kibaho ibyo bagezeho bafatanya n'umwarimu kubinonosora.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

a) Ni iyihe nsanganyamtsiko ivugwa mu mwandiko?

⇒Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ni iyo gushimira uwakoze neza.

b) Ni izihe ngingo z'ingenzi zirimo kuvugwaho muri uyu mwandiko?

⇒Ingingo z'ingenzi:

– Guhemba uwakoze neza;
– Gukebura udohoka ku kazi;
– Gutanga akazi nta kugendera ku cyenewabo no ku marangamutima.

**Umwandiko: Nimutabare isi irugarijwe**

Igitabo cy'umunyeshuri, urup rwa 190

**Intera ya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko umwandiko**

***Intego yihariye:***

Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye no kuyakoresha mu nteruro ziboneye yihimbiye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri buze kuvugaho.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Murabona iki kuri aya mashusho?**

⇒Kuri aya mashusho ndabona imodoka n'ipikipiki bicometse ku mashanyarazi abana babiri b'abanyeshuri, umuhungu wamugaye akaguru n'umukobwa bafatanye ku rutugu bazamuye ibikumwe byabo.

**b) Ibikorwa by'aba bana birerekana iki?**

⇒Igikorwa cyo kuzamura igikumwe kiragaragaza ko aba bana bashyigikiye imodoka n'ipikipiki bitangiza ikirere. Gufatana urunana kandi byerekana gufatanya, gushyira hamwe no kubana mu bwumvikane.

**c) Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « Nimutabare isi irugarijwe» bishatse kuvuga iki?**

⇒Kuba iki gishushanyo kibanjirije umwandiko « **Nimutabare isi irugarijwe**» birasobanura ko uyu mwandiko wubakiye ku bikorwa bidasanzwe bigamije gutabara isi kubera ibibazo yatewe n'ibikorwa by'abantu.

**2. Gusoma**

**2.1. Gusoma bucece**

*Umwarimu arasaba abanyeshuri gusoma bucece umwandiko hanyuma ababaze ibibazo rusange ku mwandiko byo gusuzuma ko basomye.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Uyu mwandiko uravuga ku kihe kibazo?**

⇒Uyu mwandiko uravuga ku bushyuhe bw'isi bugenda burushaho kwiyongera ku buryo bukabije.

**b) Abantu hirya no hino bitwaye bate muri iki kibazo**?

⇒Hirya no hino bahagurukiye kukibonera umuti bashakisha icyatuma ibyuka bijya mu kirere n'ibikorwa byangiza ibidukikije bigabanuka.

**c) Umunyarwanda uvugwa muri uyu mwandiko ni nde?**

⇒Ni Nzeyimana Isidore.

**d) Yakoze iki**?

Yahimbye imbabura izigama ibicanwa kandi itangiza ibidukikije yise Tekutangije.

## 2.2. Gusoma mu ijwi riranguruye

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho adasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

## 2.3 Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko.

*Mu matsinda, abanyeshuri barasoma umwandiko banashakishiriza hamwe ibisobanuro by'amagambo akomeye, akagenzura uko abanyeshuri barimo gukorera hamwe mu matsinda anyuranye.*

*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora bayobowe n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibyava mu matsinda:**

**Bakangurirwa**: bahora basabwa
**Ubutayu**: ahantu humagaye hatagira akatsi na mba
**Nk'agatonyanga mu nyanja**: gake kadahagije
**Gutungwa agatoki**: gufatwa nka nyirabayazana, nk'utera ibibazo
**Icucumura:** yohereza ku bwinshi
**Icyarimwe**: bikorewe rimwe
**Rirondereza**: ritangiza, rikoresha inkwi nke, ridatwara inkwi nyinshi
**Udushya**: ibintu bidasanzwe ariko bifite ikibazo bikemura
**Gupiganwa**: gukora ikizamini kugira ngo ubone akazi
**Ishema:** agaciro
**Bitabiriye:** baje, bahari

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye ubwawe: bakangurirwa, ubutayu, agatonyanga mu nyanja, gutungwa agatoki, icucumura, icyarimwe, rirondereza, bitabiriye, udushya, gupiganwa, ishema.



CamScanner

**Bakangurirwa**
⇒Twese duhora **dukangurirwa** gutema ibihuru bikije aho dutuye mu rwego rwo kwirinda imibu itera malariya**.**

**Ubutayu**
⇒Tutarwanyije isuri igihugu cyacu cyazagera aho kigahinduka **ubutayu**.

**Agatonyanga mu nyanja**
⇒Kubera abantu besnhi bari batumiwe ibinyobwa bari babateganyirije byabaye nk'agatonyanga mu nyanja.

**Gutungwa agatoki**
⇒Umushoferi w'iyi Fuso **aratungwa agatoki** ko yaba ari we wateje impanuka.

**Icucumura**
⇒Iriya ndege irasa n'**icucumura** ibyotsi kandi ari umuhanda igenda isiga mu bicu.

**Icyarimwe**
⇒Ntabwo mwaterwa urushinge rumwe **icyarimwe**.

**Rirondereza**
⇒Baca umugani ngo **urondereza** ubusa bukimara.

**Udushya**
⇒Abahanga **udushya** bo ni benshi hari n'ukoze imodoka yitwara itagombeye umushoferi.

**Bitabiriye**
⇒Abanyamakuru bitabiriye ikiganiro cyatanzwe ku kurengera ibidukikije.

**Gupiganwa, ishema.**
⇒Kuki **hapiganwa** benshi ariko hagatsinda bake?

**Ishema.**
⇒**Ishema** ryacu ni ukukugiraho umubyeyi.

**Intera ya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, abanyeshuri baraba bashobora bashobora:
gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko mu magambo yabo bwite kandi mu gihe cyagenwe.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amashusho ajyanye n'umwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibitabo byo gusoma birimo inkuru zanditse mu Kinyarwanda.

**1. Isubiramo**

*Umwarimu arasaba abanyeshuri kuvuga muri make ibyo bibuka ku mwandiko.*

**2. Gusoma baranguruye no gusoma by'intangarugero.**

*Umunyeshuri umwumwe arasoma igika mu ijwi riranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, umwarimu agende amukosora aho atasomye uko bikwiye. Umwarimu arasomera abanyeshuri by'intangarugero.*

**3. Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko**

*Mu matsinda abanyeshuri barasoma umwandiko basubiza ibibazo byo kumva umwandiko, hanyuma bahurize ku kibaho ibisubizo byavuye mu matsinda, babinonosora bafatanyije n'umwarimu.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni ikihe kibazo kibangamiye isi muri iki gihe?**

⇒Ikibazo kibangamiye isi muri iki gihe ni ubushyuhe bugenda burushaho kwiyongera.

b) **Ni uruhe ruhare umuntu yagize muri iki kibazo?**

⇒Umuntu yakoze ibimashini bicucumurira ibyotsi mu kirere akayunguruzo k'imirasire y'izuba karatoboka none hari imirasire itakigira ikiyitangira bigatuma ubushyuhe bwiyongera. Umuntu yatemye ibiti ku bwinshi ku buryo ubuhehere mu mwuka bwabaye buke bigatuma ubushyuhe bwiyongera.

c) **Garagaza ingamba zafashwe hirya no hino mu rwego rwo kugikemura.**

⇒Abantu bakanguriwe gutera ibiti mu rwego rwo gukurura imvura yari itangiye kugenda iba nke no kurwanya ubutayu ; hirya no hino hatangijwe ubushakashatsi bugamije gukingira ikirere cyacu ibyuka bitobora akayunguruzo kadukingira imirasire y'izuba ari na yo ituma ubushyuhe bukomeza kwiyongera ku isi ; abazungu bafashe iya mbere mu gushakisha uburyo ibyuka biva mu nganda no mu binyabiziga byagabanuka maze bahimba imodoka ikoreshwa, amapikipiki na gari ya moshi bitwarwa n'amashanyarazi, bitagira urusaku, nta lisansi binywa, bityo nta n'ibyotsi bicucumura. Mu Rwanda amashashi n'ibimodoka bicumba inyotsi byaraciwe hanavumburwa iziko rizigama ibicanwa kandi ritangiza ibidukikije.

d) **Irushanwa rya COMESA wasomye muri uyu mwandiko ryari rigamije iki?**

⇒Iri rushanwa ryari rigamije guhemba abantu bava mu bihugu bigize uwo muryango baba barahanze udushya.

e) **Uramutse utumiwe mu irushanwa nk'iri, wajyanamo iki? Kubera iki?**

⇒Buri munyeshuri asubiza ibyo yumva yajyana muri iri rushanwa agatanga n'impamvu zumvikanisha kurushaho igisubizo ke.



CamScanner

**Intera ya gatatu: Utwatuzo: Udukubo n'udusodeko**

***Intego zihariye:***

Nyuma y'iki kigwa, umunyeshuri araba ashobora:
Gusobanura imikoreshereze y'udukubo n'udusodeko no kudukoresha neza mu nteruro.

**Imfashanyigisho:** Imyandiko cyangwa interuro bigaragaramo udukubo n'udusodeko, igiftabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri.

**1. Ivumburamatsiko**

*Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma no kwitegereza igika akuye mu mwandiko "Nimutabare isi irugarijwe" maze akakibabazaho ibibazo bibafasha gutahura imikoreshereze y'udukubo n'udusodeko.*

**Igika cyo mu mwandiko "Nimutabare isi irugarijwe"**

Itariki ya 28 Werurwe 2015, mu gihugu cya Etiyopiya **(Ethiopia)** mu mugi wa Adisabeba (Addis Abeba), Nzeyimana Isidore yegukanye umwanya wa mbere mu bantu barenga magana abiri bari bitabiriye amarushanwa ya COMESA **(soma komesa)** yo guhanga udushya. "Abanyarwanda bose ntibakitinye, nibagaragaze ibyo bakora kuko Leta y'u Rwanda yiteguye kubafasha [ni yo yamwohereje muri COMESA imaze no kumuha ibihembo binyuranye] ibaha ibihembo bitandukanye n'amahirwe yo gupiganwa hanze y'Igihugu." Iri rushanwa ryari ryateguwe na COMESA (Umuryango w'Ubucuruzi w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo) mu rwego rwo guhemba abantu bava mu bihugu bigize uwo muryango baba barahanze udushya.

Abanyarwanda bose ntibakitinye, nibagaragaze ibyo bakora kuko Leta y'u Rwanda yiteguye kubafasha [**ni yo yamwohereje muri COMESA imaze no kumuha ibihembo binyuranye**] ibaha ibihembo bitandukanye n'amahirwe yo gupiganwa hanze y'Igihugu."

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Tahura utumenyetso twakoreshejwe ku magambo yanditse n'umukara cyane.
( ); [ ]
b) Utwo tumenyetso batwita ngo iki?
( ): udukubo
[ ]: udusodeko

**2. Imikoreshereze y'udukubo**

**Udukubo ( )** dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa icyo byuzuza mu nteruro. Dukoreshwa kandi iyo bashaka kwerekana uko basoma amagambo y'amavamahanga aruhije gusomwa. Badukoresha kandi ku mazina

y'ibihugu n'ay'uturere by'amahanga amenyereye kwandikwa mu ndimi akomokamo. Udukubo dukoreshwa kandi iyo hatanga igisobanuro k'ijambo uwarikoresheje akeka ko ryakomerera uwo yageneye ubutumwa.

**Ingero**

Adisabeba (Addis Abeba);
Etiyopiya (Ethiopia);
COMESA (soma Komesa) …

**3. Imikoreshereze y'udusodeko**

**Udusodeko** [ ] dukikiza intekerezo cyangwa igisobanuro bongeye mu mvugo isubira mu magambo y'undi.

**Urugero**

"Abanyarwanda bose ntibakitinye, nibagaragaze ibyo bakora kuko Leta y'u Rwanda yiteguye kubafasha [**ni yo yamwohereje muri COMESA imaze no kumuha ibihembo binyuranye**] ibaha ibihembo bitandukanye n'amahirwe yo gupiganwa hanze y'Igihugu."

**Umwitozo**

Soma neza iki gika gikurikira maze ukoreshe uko bikwiye udukubo cyangwa udusodeko. Witondere imvugo isobetse mu yindi n'igisobanuro k'ijambo ubwaryo.

⇒Umunsi umwe nyuma yo gufata ifunguro rya nimugoraba se yarateruye [ni ukuvuga ko yafashe ijambo akavuga si ugukura ikintu hasi ngo agishyire hejuru] arababwira ati "bana bange nimuntege amatwi mbahanure [ibi ndabivuga kuko mbona mugenda muhindura imico] isi yaranduye. Muge mwubaha kuko ari umugenzo mwiza ugomba kuranga buri wese. Buri muntu wese [nta kwita ku nkomoko ye, ku muco we cyangwa idini rye] agomba kubahwa. Kubaha bitangirira mu kwiyubaha ubwawe, udatewe ipfunwe (ikimwaro) n'uko waba umeze kose cyangwa ngo wumve wasuzugura abandi kubera ko hari icyo ubarusha. Kwiyubaha [ntabwo ari ugusara ariko munyumve neza] kandi bijyana no kumenya guhitamo hagati y'ikiza n'ikibi, wirinda kwemera ibyo udashoboye byagutera guhemuka. Umuntu wiyubaha arangwa n'isuku y'umubiri we n'aho ari hose, akita ku nshingano ze uko bikwiye, agafata ifunguro riboneye [ iryuzuyemo intungamubiri] kandi agakora imyitozo ngororangingo, akanaruhuka bihagije kugira ngo ashobore kugira ubuzima buzira umuze (butarwaragurika)".

**Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu**

*Umwarimu asobanurira abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cyabo akabasaba gusubiriza mu makaye yabo. Iyo barangije, umwarimu afatanya na bo kuwukosora. Iyo barangije ikosora, abanyeshuri bahinduranya amakaye bagakosorana batanga amanota bakurikije ibisubizo biri ku kibaho.*



CamScanner

**Ruhaya n'impyisi**

Kera amapfa yarateye, izuba riracana, ibyatsi n'ibiti biruma, biragwengera, ibitungwa bibura icyo birya, ibintu biradogera, abantu bakajya guhaha aho imvura yagwaga. Hakabaho ihene, ikitwa Ruhaya. Ibwira izindi hene zose iti: « Nimuze tuge guhahira muri ririya shyamba rigwamo imvura; turishe ubwatsi. Amapfa nashira, tuzagaruka» Ihene zose ziti: «Ni uko, ejo tuzagenda» Ruhaya iti: « Nyabuna murakomeze umugambi ejo muzizindure. »

Buracya ihene zose zirakorana, ziragenda; ishyamba zirarimena. Bigejeje nimunsi imvura iragwa. Ihene zijya gushaka aho zugama. Zibona isenga, ari rwo rutare impyisi yabagamo, ariko ihene ntizibimenye. Ruhaya izijya imbere. Impyisi izibonye iti: « Murakaza neza mboga zizanye! » Ihene zose zirugama ariko zifite ubwoba. Impyisi ibonye Ruhaya yuza, irayibaza iti «ese urarya uduki? » Ruhaya iti: « Ndarya utwungucenge. » Impyisi iti: « Mpa na nge numve. » Ruhaya iti « henga ngutumirize bakuzanire. »

Nuko Ruhaya ireba amashashi y'ihene iti « bana bange mwumve icyo ngiye kubatuma. Ndashaka ko mujya guca umuti wa mperezayo. » Ziragenda zirahera. Haca umwanya munini. Ruhaya ibwira impyisi iti «urabizi, natumye abana b›ibizeze. Henga nohereze izindi zige kukuzanira utwungucenge. » Ikurebera ihene z›amariza irazibwira iti: «Nimugende muge kunzanira umuti wa mperezayo. » Ziragenda nazo ziherayo. Impyisi irategereza, ihebye ibwira Ruhaya iti «ohereza izindi, za zindi zatinze. »

Ruhaya yari izi ko impyisi ishaka kurya abana bayo na za nyina. Niko kuyibwira iti: « Henga nohereze izari zisigaye ndore, ubanza izagiye mbere imvura yazishe. » Ibwira ihene z›amajigija iti: «Nimuze mbatume. » Ihene ziza zose. Irazibwira iti: «Nimugende namwe munshire umuti wa mperezayo. » Ziragenda, zigumayo. Ruhaya imara umwanya iti: «Yewe, ngiye kurora aho imvura igeze maze nzihamagare zize, zatinze. » Impyisi iti: «Genda uzihamagare, ariko nuzibura ndakurya nta kabuza. » Ruhaya iragenda, yihamagaza ubusa ibura icyayitaba. Yigira hirya, irahamagara. Irakomeza iragenda. Aho bigeze irashibura, iriruka.

Impyisi biyanga mu nda, ihubuka mu isenga, ibona Ruhaya irashubera hakurya. Impyisi ishyira nzira, amaguru iyabangira ingata! Reka si ukwiruka, iraca ibiti n'amabuye! Ruhaya iza gukebuka inyuma. Uko yakabikenze, ibona Warupyisi irabutabuta mu nyuma zayo! Ikuramo na yo. Impyisi irayibwira iti: "Ntunsiga, uranjwa!" Biriruka bimara imisozi, iti«genda shahu umpenze ubwo ntuzongera kumpenda ubundi! Habe ku manywa nkurye, habe mu gitondo nkurye. Turi kumwe na burya bwa ryari. » Ruhaya na yo iti: «Tyaza amenyo ngo uzarya Ruhaya. »

Impyisi iratah, igenda ifite umujinya, irakariye Ruhaya. Uko yibutse ibya Ruhaya, igakubita agatoki ku kandi! Itinda mu isenga ryayo, igeze aho iti «ngiye kureba Ruhaya. » Iza mu gitondo cya kare, igera ku ngo z'abantu. Igihe agasusuruko kamaze gukwira, isanga Ruhaya iziritse ku misoto y'ikigega iravuga iti: «Si ge wagushyikira. Mbega

noneho Ruhaya, ko nkwifatiye, urankizwa n'iki? Urambeshya iki kandi? Urabigenza ute? »

Ruhaya iti: «Uramaze undye uko ushaka, nta mbabazi ngusaba. » Impyisi iti: « Ongera umpende ubwenge nka mbere shahu we! » Ruhaya iti «noneho wanyishyikiriye, sinabeshya. Uranyica nta kabuza, ibyo ndabiruzi. Ariko rero wanyica wagira, ureke tubanze twivuge, ni ko abashaka kwicana bose babigenza. » Impyisi iti: «Ibyo na byo, ngaho ivuge, nurangiza nkwice. » Ruhaya iti «nimara kwivuga, wowe ntiwivuga se? » Impyisi iti: «Wakwivuga ugiye gupfa, nkanswe gewe ugiye kukwica! »

Maze Ruhaya irivuga! Pfuuuuu Meeee Meeee! Impyisi iti: «Reka nange nivuge rero 'huuu… huuu… huuu...' » Abahinzi barumva, baza biruka, basanga itararangiza no kwivuga. Bayita hagati, barayica." Si ge wahera.

**A. Inyunguramagambo**

1. **Sobanura amagambo akurikira uhereye ku bivugwa mu mwandiko:**

**Umpenze ubwenge**: urambeshye, undushije ubwenge.

**Bayita hagati**: bayikoraho uruziga isigara hagati.

**Murakaza neza mboga zizanye**: imboga bivuga inyama. Aha ihene zasanze bihehe iwayo kandi ishonje, yumva ko zigemuye na yo ikaba igomba kuzirya.

**Mujye guca umuti wa mperezayo**: mugende ntimugaruke.

**Tyaza amenyo ngo uzarya ruhaya**: ruhaya yarayisekaga iyumvisha ko yibeshya itazayirya kuko itayirusha ubwenge.

**Ikubita agatoki ku kandi**: ihigira kuzica ruhaya.

**Ndarya utwungucenge**: yari amarenga ko iri buyikine umutwe iri buyibeshye kugira ngo iyicike. Utwungucenge ntitubaho n'ikimenyimenyi nta two ihene zazanye.

2. **Kora interuro yawe bwite wifashishije amagambo akurikira**:

**Kwizindura**
⇒Kurema isoko ry'imboga Nyabugogo ni ukwizindura.

N**imunsi**
⇒Turaza nimunsi ntimuducure.

**Amariza**
⇒Inyamaswa z'amariza zoroshya inyama ku ziribwa.

**Amajigija**
⇒Amajigija akomeza inyama baraziteka ntizishye.

**Kwanga mu nda**
⇒Yari agiye kumuha amafaranga yamwatse, bimwanga mu nda arayamwima.

**Kubangira amaguru ingata**
⇒Abapolisi baramurembuje aho kubasanga ayabangira ingata.

**Guhenda ubwenge**

⇒Uyu mugabo yampenze ubwenge antwarira imodoka ku mafaranga make cyane.

**guta hagati**:

⇒Umujura bamutaye hagati maze baramufata bamujyana mu buyobozi.

3. **Shaka mu mwandiko amagambo cyangwa imvugo bifite igisobanuro kimwe no kugenda wiremereye, guhigira, kwiruka cyane, guhamayo.**

   ⇒ **Kugenda wiremereye**: kububuta;
   ⇒ **Guhigira**: gukubita agatoki ku kandi;
   ⇒ **Kwiruka cyane**: kuyabangira ingata;
   ⇒ **Guhamayo**: guca umuti wa mperezayo".

**B. Ibibazo byo kumva umwandiko**

**Soma umwandiko "Ruhaya n'impyisi" maze usubize ibibazo bikurikira.**

1. **Ruhaya yagiriye iyihe nama izindi hene byabanaga? Yabitewe n'iki?**

   ⇒Ruhaya yagiriye izindi hene inama yo kugenda ntizigaruke kuko yashakaga kuzihungisha impyisi yashaka kuzirya.

2. **Ubwoba ihene zagize zabutewe n'iki?**

   ⇒Ubwoba ihene zagize zabutewe n'uko zisanze mu isenga ry'impyisi kandi yari imaze kuzicira amarenga ko iri buzirye.

3. **Ubwenge buke bw'impyisi bugaragarira he muri uyu mwandiko?**

   ⇒Ubwenge buke bw'impyisi bugaragara igihe yemera ko ihene zikomeza kugenda ngo zigiye kuyizanira utwungucenge kandi n'izagiye mbere nta n'imwe yagarutse.

4. **Sobanura uburyo Ruhaya n'ihene yari iyoboye byarushije ubwenge Warupyisi.**

   ⇒Ruhaya n'ihene yari iyoboye zarushije Warupyisi ubwenge kuko zo zumvise imvugo yakoresheje zikamenya ko ifite umugambi wo kuzirya. Nyamara yo ntiyumvise imvugo Ruhaya yakoresheje isaba ihene kutagaruka ngo ikenge. Ikindi ni uko Warupyisi yasanze Ruhaya iwabo ikemera kwivuga kandi abantu bayizira kubi ntiyumve ko ari amayeri yo gushaka kuyicisha.

5. **Kuki Ruhaya yasabye Warupyisi ko bibanza kwivuga mbere y'uko iyica?**

   ⇒Ruhaya yasabye Warupyisi ko babanza kwivuga mbere y'uko iyica kuko yashakaga ko beneyo bumva ko iri mu byago kugira ngo bayitabare.

6. **Uyu mwandiko ni bwoko ki? Vuga impamvu.**

   ⇒Uyu mwandiko ni umugani muremure. Impamvu ni uko utangirwa n'imvugo « kera amapfa yarateye… » Ugaherwa na « si nge wahera ». Ikindi harimo ibisimba bivuga kandi ubusanzwe bitabaho.

## C. Ikibonezamvugo

**1. Sesengura amazina yanditse mu nyuguti z'igikara tsiriri ugaragaze inteko arimo, uturemajambo tuyagize n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.**

a) **Ibyatsi** n'ibiti biruma.
⇒Ibyatsi nt. 8; i-bi-atsi ; **i → y/-a**

b) Turishe **ubwatsi.**
⇒Ubwatsi nt. 14; u-bu-atsi ; **u → w/-a**

c) Natumye **abana** b'ibizeze.
⇒Abana nt 2; a-ba-ana ; **a**→ ϕ/-a

d) Tyaza **amenyo** ngo uzarya Ruhaya.
⇒Amenyo nt 6; a-ma-inyo ; **a+ i**→**e**)

**2. Shyira mu bwinshi cyangwa mu bumwe amazina ari mu nyuguti z'umukara tsiriri kandi ukore isanisha uko bikwiye mu nteruro arimo.**

**a) Ibintu** byose ni ge bicikira, ni ge bikunda**.**
⇒**Ikintu c**yose ni ge **k**ifuza ni ge **g**icikira, ni ge **g**ikunda.

**b) Ibihunyira** biti «kera twari dufite amaso meza, ubwo muruzi yahindutse **imituku** ni izuba.
⇒Igihunyira kiti «kera nari mfite **ijisho ryi**za, ubwo muruzi **ry**ahindutse **u**m**u**tuku ni izuba.

## D. Imyandikire y'Ikunyarwanda

1. **Andukura interuro zikurikira ushyira inyuguti nkuru aho zigomba unazikura aho zashyizwe atari ngombwa.**

   ⇒I **K**igali ni amahanga, inzara irashira igihemu ntigishira! **U**mugabo mu **M**uhima wa **K**igali, yariye **u**bun**a**n**i** abuhera ku rwara abugeza ku gutwi nka ya hene ya **N**yirakaranena na **R**ukiramacumu, **a**koresheje amafaranga yagombaga kuriha **i**nzu. **N**yir'urupangu wategereje kurihwa agaheba aza kumureba aramubwira ati "urayabura ugasohoka hagapanga undi."

2. **Shyira akabago, akitso, akabazo n'agatangaro aho biri ngombwa mu nteruro zikurikira**.

   ⇒Umwijima uti «ariko Zuba ntiwirate!» Izuba riti « hoshi va aha nta rubanza rwo gucibwa n'impyisi! » Biragenda bisanga igihunyira. Umwijima uti: «Cyo nawe nyoni dukize kandi imanza zacu ntiziruhije, ni ukwihitiramo. Ari izuba ari ge, ukunda ikihe ?»

## E. Ihimbamwandiko

Himba agakinamico gato uhereye ku mwandiko "Ruhaya n'impyisi" kakinwa mu ishuri. Ibyo birasaba ko usobanura mu mabwiriza yanditse mu dukubo uburyo abakinnyi bakwitwara n'uko baba bambaye mu gihe barimo gukina.

⇒*Amagambo akinwa ni ayari ari n'ubundi mu biganiro hagati y'ihene na Ruhaya*

*cyangwa hagati ya Ruhaya na Warupyisi. Abanyeshuri barayaheraho bandike agakinamico kabo. Amabwiriza batanga ni arebana n'imyambarire y'abakina, imyifatire ya buri mukinnyi mu gihe yumva ibyo undi avuga n'icyo ari bukore niba ari ihene mu gihe atumwe kuzana umuti, niba ari Ruhaya igiye guhamagara ihene zene wabo, igihe yirutse cyangwa iguhe yivuga yo na Warupyisi. Urugero: nk'ukina Ruhaya araba afite ibihembe birebire bigondamiye inyuma n'ubwanwa burebure busongoye, Warupyisi iraga yambaye ikigofero gishushanyijeho ibyinyo bishinyitse... Uko abakinnyi bahagarara na byo bigomba gusobanurwa, bakamenya niba baba bafite ubwoba, niba bishimye... buri munyashuri arandika agakinamico ke hanyuma bazakuhuze tuvemo agakinamico k'ishuri ryose nibarangiza bagakine mu ishuri.*

## IMIGEREKA:

### 1. Umuteguro w'isomo ry'intangarugero ryo gusoma no gusobanura umwandiko

**Izina ry'ishuri** **Amazina y'umwarimu**

<table>
<tr><th>Igihembwe</th><th>Itariki</th><th>Inyigisho</th><th>Umwaka</th><th>umutwe</th><th>Isomo rya</th><th>Igihe isomo rimara</th><th>Umubare w'abanyeshu-ri</th></tr>
<tr><td></td><td></td><td></td><td>4</td><td>1</td><td>1</td><td>40</td><td></td></tr>
<tr><td colspan="4">Abafite ibyo bagenerwa byihariye n'umubare wabo</td><td colspan="4">--.......................................................<br>--.......................................................</td></tr>
<tr><td>Umutwe</td><td colspan="7">Umuco n'indangagaciro nyarwanda</td></tr>
<tr><td>Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe</td><td colspan="7">• Gusoma no gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko, no kuyakoresha mu nteruro ze bwite.</td></tr>
<tr><td>Isomo</td><td colspan="7"></td></tr>
<tr><td>Intego ngena mukoro</td><td colspan="7">Afatiye ku mwandiko yahawe umunyeshuri araba ashobora gusobanura amagambo akomeye yahuye na yo mu mwandiko ahereye ku buryo yakosehejwe mu nteruro, no kuyakoresha mu nteruro ziboneye yihimbiye atandukuye iziri mu mwandiko, mu gihe yahawe.</td></tr>
<tr><td>Imiterere y'aho isomo ribera</td><td colspan="7">Mu ishuri cyangwa hanze, abanyeshuri bicaye mu matsinda ya babiribabiri.</td></tr>
<tr><td>Imfashany-igisho</td><td colspan="7">Igitabo cy'umunyeshuri</td></tr>
<tr><td>Imyandiko n'ibitabo byifashishi-jwe</td><td colspan="7">Igitabo cy'umunyeshuri, inkoranya.</td></tr>
</table>

| **Ibice by'isomo + igihe** | Ibikorwa by'umwarimu n'iby'abanyeshuri | | **Ubushobozi n'ingingo nsanga-nyamasomo** |
|---|---|---|---|
| | Ibikorwa by'umwarimu | Ibikorwa by'umunyeshuri | |
| **Intangiriro** Iminota 5 | Gukangura abanyeshuri akoresheje akaririmbo | Kuririmba akaririmbo kabakangura. | |
| **Isomo nyir'izina** Iminota: 25 | Ivumburamatsiko Umwarimu arabwira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko abasabe kwitegereza amashusho ari ku mutwe w'umwandiko hanyuma bavuge icyo | 1. Ivumburamatsiko Abanyeshuri baravuga icyo bayatekereza ko umwandiko uri buvugeho bahereye ku mashusho ari ku mutwe w'umwandiko. | **Ubushobozi bugerwaho** **1. Gusoma** |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | bayatekerezaho banatange ibitekerezo ku cyo bakeka ko umwandiko uri ze kuvugaho.<br><br>Umwarimu arasaba abanyeshuri gukora amatsinda ya babiribabiri bagasoma umwandiko bashakishamo amagambo akomeye.<br><br>Umwarimu arabaza abanyeshuri ibibazo byo gusuzuma ko basomye.<br>Ibibazo umwarimu abaza:<br><br>1. Umuryango uvugwa muri uyu mwandiko wari ugizwe na ba nde ?<br><br>2. Uyu muryango warangwagwa n' iyihe mico?<br><br>3. Nyuma yo gufata ifunguro rya nimugoroba bakoraga iki? | 2. **Gusoma**<br>**2.1. Gusoma bucece**<br>*Abanyeshuri barasoma bucece hanyuma basubize ibibazo rusange ku mwandiko bigaragaza ko basomye.*<br><br>*Abanyeshuri barasoma umwandiko bagende bandika amagambo babonye akomeye ku rupapuro.*<br><br>*Abanyeshuri barasubiza ibibazo bigaragaza ko hari icyo bumvise ku mwandiko basomye:*<br><br>**5. Abanyeshuri barasubiza ibibazo**<br><br>⇒ Wari ugizwe n'umugabo bita Kamuhanda n'umugore we n'abana babo<br><br>⇒ Barangwa n'imigenzo myiza nko kwakirana abashyitsi urugwiro, gusangirira hamwe ku meza, gusabana n'ababyeyi, gutabara abaturanyi no gufasha abababaye.<br><br>⇒ Bataramiraga hamwe bakaganira n'abana babo bakabarira inkuru z'ibyabayeho, bakabigisha uko bagomba kubanira abaturanyi n'abavandimwe babo | **no kumva umwandiko:**<br>Abanyeshuri barashobora gusoma bucece no kumva iby'ingenzi bikubiye mu mwandiko.<br><br>**2. Gusobanu-kirwa:**<br>Mu gusobanura amagambo akomeye ari mu mwandiko, gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br><br>**3. Kuvuga:**<br><br>mugusubira mu mwandiko mu magambo ye bwite, no gutanga ibitekerezo ku bisobanuro by'amagambo.<br><br>**Insanganya-matsiko zigomba kwibandw aho n'butu-mwa buzikubiye** |



CamScanner

| | | | |
|---|---|---|---|
| | 4. Ni uwuhe mugenzo bagenda bagarukaho cyane?<br><br>***Umwarimu arasaba abanyeshuri gukorera mu matsinda, bakagerageza gusobanura amagambo akomeye babonye mu mwandiko***<br><br>***Umwarimu arayobora igikorwa cyo guhuriza ku kibaho ibyavuye mu matsinda, anafasha abanyeshuri kunonosora ibisobanuro byatanzwe.*** | ⇒ Ni umugenzo wo kubaha no kwakira neza abatugana<br><br>*Mu matsinda abanyeshuri barungurana ibitekerezo ku magambo akomeye babonye, abananiye bifashishe itonde ryayo riri mu gitabo cyangwa inkoranya.*<br><br>*Guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda:*<br><br>*Abanyeshuri barahuriza hamwe ku kibaho ibyavuye mu matsinda ku bisobanuro by'amagambo akomeye bafatanye kubinonosora .*<br><br>**Amagambo akomeye yakoreshejwe mu mwandiko**<br>1) **Imigenzo:** Ibikorwa cyangwa imihango ifitanye isano n'umuco<br>2) **Urugwiro:** Ibyishimo, ubwuzu ugaragariza umuntu<br>3) **Yarateruye:** Yaratangiye<br>4) **Guhanura:** Kugira inama umuntu.<br>5) **Ipfunwe:** Ikimwaro<br>6) **Umupaka:** urubibi<br>7) **Baravunyisha:** barakomanga, baka karibu<br>8) **Tukabatega amatwi:** Tukabumva neza icyo bashaka kutubwira<br>9) **Kubasesereza:** Kubakomeretsa, kubabwira amagambo ababababaza. | **mo:** 1. **Ikinyabupfura:**Mu gukoresha amagambo yabugenewe mu kwakira abaje bamugana, no kumenya kuvunyisha iyo ageze ahantu ntapfe kwinjira.<br><br>**Kubana neza n'abandi:** Ahereye ku mibanire yarangaga abavugwa mu mwandiko, umunyeshuri umunyeshuri arahigira uburyo na we akwiye kubanira abo babana ndetse na bagenzi be ku ishuri, bafatanya, bubahana, basobanurirana. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Umusozo w'isomo:**<br>**-** Ikomatanya<br><br>-**Isuzuma:**<br><br>Iminota 10 | **Umwarimu arabaza abanyeshuri ibyo bungukiye ku mwandiko bamaze gusoma.**<br><br>*Umwarimu arandika umwitozo w'isuzuma ku kibaho:*<br>**Buri wese akora wenyine,**<br>**mwubake interuro ziboneye mukoresehje aya magambo: ipfunwe- gutabara - gutega amatwi- gusesereza**<br><br>**Gukosora umwitozo w'isuma:**<br>*Umwarimu arasaba abanyeshuri kugurana amakaye bakoreyemo, hanyuma bagakosorana bakurikije ibisubizo bagenda bandika ku kibaho.* | **Abanyeshuri baravuga ibyo bungutse muri make.**<br><br>**Abanyeshuri barakora umwitozo w'isuzuma buri wese akora wenyine**<br><br>**1)** Ipfunwe: Matayo afite ipfunwe kuber ako yibye ikayi bakamufata.<br>1) Gutabara: Papa yagiye gutabara umuturanyi wacu yagize ibyago<br>2) Gutega amatwi: Mwarimu iyo atwigisha tumutega amatwi bigatuma dutsinda neza<br>3) Gusesereza: Uwera bamuhaniye kudakubura ishuri mugenzi we akomeza kumusesereza.<br><br>*Abanyeshuri barakosorera hamwe umwitozo ku kibaho, hanyuma bagende bakosoramna mu makaye yabo.* | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Kwisuzuma (umurezi)** | Umwarimu arasuzuma imigendekere y'isomo muri rusange: ibyagenze neza, ibitagenze neza n'impamvu yabiteye, akagaraza n'uburyo agomba kubikosora cyangwa ikindi ateganya gukora. | | |



CamScanner